UMUSEMBURO W'UBUSABANE
AKANYAMAKURU KA DIYOSEZI YA NYUNDO
N° 34 MUTARAMA –KAMENA 2011

I K I G U Z I

Aka Kanyamakuru kazajya kandikwa KANE mu mwaka

Numero imwe : 150 Frw
Ku mwaka : 600 Frw
Mu mahanga : 1500 Frw

Ushaka gufasha azibwirize
Imprimé par Pallotti-Presse en Août 2011

COMITE DE REDACTION

1. Myr. J.M.V.NSENGUMUREMYI
2. Padiri Fabien RWAKAREKE
3. Padiri Vincent HARORIMANA
4. Bwana Alexis KAYITSINGA
5. Bwana Eleuthère NSENGIYUMVA
6. Bwana Didace MUSEBYUKUNDI
7. Bwana Jean TWAHIRWA
8. Madamu Françoise BAMURANGE

IBIRI MURI AKA GATABO

1. Ijambo ry'ibanze
« Mutima wanjye, singiza Uhoraho, kandi ntiwibagirwe na kimwe mu byo yaguhaye » (Z.103,2).
Padiri Fabiyani RWAKAREKE

2. Uyu mwaka ntuzadupfire ubusa
Padiri Léonidas NGARUKIYINTWARI / Paroisse KINUNU

3. Dushimire Imana ibyakozwe mu myaka 10 ishize dushoje Sinodi idasanzwe
Didace Musebyukundi

4. Kuki abantu bateshuka ku ndahiro zabo?
Fratri Faustin HABIMANA/ Seminari Nkuru ya Nyakibanda.

5. Muntu ahora ashakashaka Uhoraho
Fratri Vincent MANIRAFASHA / Seminari Nkuru ya Nyakibanda

6. Ibyo mwifuza ko abandi babagirira namwe mubibagirire
Fratri HAKIZAYEZU Emmanuel.

7. Diyosezi ya Nyundo yibutse abapadiri n'abiyeguriyimana bazize jenoside yakorewe abatutsi.
Ubwanditsi

8. Diyosezi ya Nyundo na Pastorale y'urubyiruko
Jacques NTARUVUGIRO

9. Ku nshuro ya mbere abahire ba Nyina wa Jambo basezeranye burundu
Didace MUSEBYUKUNDI

10. Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro mu bigo by'amashuri
Alfred HABUMUGISHA, Umuyobozi wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro / Paruwasi Gisenyi.

11. Amahugurwa y'abasheshakanguhe bibumbiye mu muryango buzima jya ejuru (B.J.E)
Marie Nathalie ICYIMPAYE, uhagarariye Buzima Jya Ejuru

12. Tumenye umuryango w'abambari ba Mariya
Padiri Antoine MUSABYIMANA / Paroisse Kibuye

13. Forum y'urubyiruko muri Duwayene ya Biruyi
Fratri NSHIMYUMUREMYI Straton

14. Musenyeri Aloyizi Bigirumwami, Umushumba watoneshejwe na Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene
Thérese MUKANTABASHWA /Paroisse Stella Maris / GISENYI

15. Amakuru yo hirya no hino
Françoise BAMURANGE

16. Ubutumwa bushya Musenyeri Alexis Habiyambere yahaye Abasaserdoti ba Diyosezi ya Nyundo mu mwaka wa 2011-2012.

IJAMBO RY'IBANZE

« Mutima wanjye singiza Uhoraho, kandi ntiwibagirwe na kimwe mubyo yaguhaye » (Z.103,2).

Uyu mwaka Imana yatugaragarije ineza yayo ku buryo buhebuje. Yaduhaye kwibuka imyaka icumi ishize dushoje Sinodi yacu idasanzwe yadusigiye ya ntego idakuka, y'uko : « Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo, twarabyiyemeje ».

Muri uyu mwaka wa cumi duhereye kw'itariki ya 17/11/2001, umunsi twasojeho iyo Sinodi, abakristu benshi bitabiriye imiryangoremezo, bashyikirana bayobowe n'Ijambo ry'Imana, bibafasha muri byinshi.

Mu kwezi kwa mbere n'ukwa kabiri, kwumva ISANO bafitanye n'Imana byongereye benshi amahoro y'umutima, barushaho gusenga Imana bizeye. Ntibakiri nk'abapagani bahora bikanga, bakaraguza, bagaterekera, batinya amarozi n'abazimu. Bo ni « abana bishingiwe kibyeyi ».

Abateze amatwi Ijambo ry'Imana basangiriye mu muryangoremezo, ryabohoye imitima yabo bafashanya kwiyunguramo ukwizera. Uyu mugenzo mwiza ni ingenzi. Kimwe n'ukwemera n'urukundo mbere na mbere ni impano y'Imana, ariko dusabwa kwakira. Ukwizera kwacu nk'uko abakristu benshi babyumvise mu gusangira Ijambo ry'Imana gushingira ku kurushaho kumva ko Imana ari Umubyeyi, ububyeyi bwose buturukaho, Umubyeyi udasubiza inyuma umutakambiye. Yezu ati : « Mbese ni nde muntu muri mwe, umwana we yasaba umugati, akamuhereza ibuye ? cyangwa se, yamusaba ifi, akamuhereza inzoka ? Niba rero, mwebwe n'ababi bwanyu, muzi guha

abana banyu ibintu byiza, So uri mu ijuru azarushaho ate guha ibyiza abamusabye ? »(Mt 7,9-11).

Abarushijeho kumva isano bafitanye na Data wo mu ijuru baramwiringiye rwose. Bazi ko azi ibyo bakeneye byose, We Nyirimpuhwe zahebuje. N'abari baratannye bagarutse mu muryango. Bose bateye ibyishimo byinshi mu ijuru no muri Kiliziya y'Imana. Tubifurije kutazasubira inyuma, ahubwo nibazane imbaraga nshya mu muryango.

Muri uyu mwaka kandi UBUVANDIMWE bw'abana b'Imana bwarushijeho kugaragarira mu bikorwa. Mwese mwagiye mubyiyumvira ku munsi mukuru w'Isakramentu ry'Ukaristiya imiryangoremezo itangaza ibyo Imana yabahaye gukora. N'aho bitatangajwe ntawashidikanya ko hakozwe ibitari bike.

Mbere y'aho kandi kuri Pentekosti henshi bishimiye ibyo imbaraga za Roho Mutagatifu zikoresha abakristu bitangira Kiliziya, biza ndetse no kwongera kuvugwa birambuye ku munsi mukuru w'Abalayiki.

Uyu mwaka wabaye ingirakamaro koko, nk'uko Padiri Leonidas Ngarukiyintwari abyandika, atwibutsa ubutumwa bw'Umwepiskopi: "Uyu mwaka ntuzadupfire ubusa". Kwishimira ibyakozwe ni byiza, ariko ibyaruta ibyo ni ugukomera ku mihigo, imigambi yose twihaye ikazagenda itwungura ibirenze ibyo twateganyaga. Birashoboka kuko twiringiye imbaraga z'Imana.

Twitegura kuzasoza uyu mwaka ku munsi mukuru wa Kristu Umwami, dukwiriye rero gutegura imyanzuro ya paruwasi yacu : ibintu bisobanutse, ibintu tuzashobora koko guharanira, tukiha n'uburyo bizagenda bikorwa.

Mbere na mbere hakwiye imigambi yo kurushaho kwunga ubumwe n'Imana: mu rugo, mu miryangoremezo, muri santrali no muri paruwasi. Hazaboneke n'uburyo bwo gushishikariza abize amashuli n'abandi bajijutse kwitangira Kiliziya, kugira ngo ubuntu Imana yabagiriye ibaha kugera ku ntera barimo babuyishimire bagira icyo bamarira abandi.

Abakristu basanzwe bitangira abandi bazakomeze, kandi bajye bashimishwa no kubona abatitangaga nabo babikangukira. Bajye babashishikaza, banamenye no gusaranganya imirimo, umuntu ntatsimbarare ku byo yari ashinzwe.

Urubyiruko nirwo Kiliziya y'ejo. Ni amizero yayo, rufite ibibazo byinshi, ruzafashwe kumva ko mu gushaka ibisubizo bazashingira ku Ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana ridusaba gukora : Pawulo Mutagatifu, mu ibaruwa ya mbere yandikiye Abanyatesaloniki aravuga ati: "Turabinginga, bavandimwe, ngo muhane inkorabusa, mukomeze umutima abacika intege, mushyigikire abatishoboye, bose mubihanganire"(I Tes5,14). Urubyiruko rw'abakristu rumenye gushyira hamwe rugashyigikirana rwatsinda ubukene n'ubujiji, rwatunganira Imana kandi rukiteza imbere.

Umurimo ukoranwe umutima ushimisha Imana yadushinze gutegeka isi.

Naho ubunebwe no kwishora mu biyobyabwenge byo bikajyana mu rupfu. Ikindi kandi ntagutegera ku bandi. Ishema ry'umukristu ni ugukora ahubwo agasagurira abandi. Na none ni Pawulo Mutagatifu utubwira ngo: "Niba hari udashaka gukora, ajye areka no kurya! None dusigaye twumva ko muri mwe harimo abandaraye, ntibagire icyo bakora, ahubwo bakivanga muri byose. Abameze batyo tubategetse kandi tubasabye ibi ngibi; muri Nyagasani Yezu Kristu: nibajye bakora mu ituze, batungwe n'umugati baruhiye ubwabo."

(2 Tes 3,10-12)

Umutima w'urukundo w'umukristu twiyongereyemo muri uyu mwaka uzatugire umusemburo w'ibyiza byose Igihugu cyacu gikeneye. Kwibumbira hamwe muri Kiliziya bitubere isoko y'ubujijuke n'ubwitange, maze mu gushyigikirana, twese imihigo yose twihaye.

Twatinze k'urubyiruko, ariko ibivugwa k'urubyiruko, umuntu yabibwira n'abakuru cyane cyane abagabo. Imirimo isa niyabaye mike kandi ihari. Kenshi habura kujya inama no kwemera guhindura imigirire

twamenyereye. Abagabo baturanye bavuga ko babuze akazi, bishyize hamwe bagashaka uko batunganya aho batuye ku mbaraga zabo zonyine aho kwicara imbere y'akabare, bagera kuri byinshi. Nabo nibagane umuryangoremezo wabo bahafatire ibyemezo by'ingirakamaro.

Turashimira cyane abitangira gushaka ko ejo hazaza hazaba heza. Muri abo harimo abita ku matsinda y'abana mu muryangoremezo, bakabatoza kumenya Imana no kwunga ubumwe. Ibi byombi ubifite aba akomeye cyane. Ababyigisha nabo Imana izabahe umugisha wo kubishyira mu bikorwa, bibahire bazatunge Imana mu mutima wabo, batunganirwe n'ibyo bateruye gukora byose.

Iyi nimero ya 34 y'Umusemburo w'Ubusabane ije mwari mugiye kuduheba. Ni byo koko! Turabasaba imbabazi. Cyane turazisaba abanditse ibiri muri aka gatabo bitasohokeye igihe. Mu byabiteye harimo ko habuze inyandiko zishyitse agatabo. Paruwasi zasabwe aba « correspondants »,ni ukuvuga abazihagararira bakatubwira ibihakorerwa, ariko barabuze. Twizere ko mutazatererana akanyamakuru kacu ngo gasibangane. Twese twiminjiremo agafu turebe uko twakwikosora.

Ngaho rero dukomeze dushimire Imana ibyiza by'uyu mwaka birimo n'uko twungutse abapadiri bashya 9. Tuzabigarukaho mu nimero itaha. Hazagire ababitugezaho neza, twumve icyo iyo neza y'Imana ikwiye kutwungukira. Tubararikiye kwitegura umunsi wa Kristu Umwami, umunsi w'Isabukuru nyirizina y'imyaka 10 dushoje Sinodi.

Buri muntu nakomeze avuge buri munsi ati : " *Mutima wanjye, singiza Uhoraho, kandi ntiwibagirwe na kimwe mu byo yaguhaye » (Z.103,2).*

Padiri Fabiyani RWAKAREKE.

UYU MWAKA NTUZADUPFIRE UBUSA

« Uyu mwaka uzarumbukire abazawinjiranamo ubushake, abifuza ko Imana Nyirimpuhwe yababababarira ibitaragenze neza, ko yabaha umutima mushya. (…) uyu mwaka uzatwongerere ubuvandimwe, amacakubiri yose acike, abafite ibyo bapfaga bigorore, tunezwe twese no kuba duhujwe na Kristu watubambiwe ku musaraba » (pp.9-10)[1].

Ku itariki ya 21 Ugushyingo 2010, ku munsi mukuru wa Kristu Umwami, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yatangarije abakristu ibaruwa ibateguriza kwizihiza isabukuru y'imyaka 10 ishize dushoje Sinodi idasanzwe ; « Nyuma y'imyaka icumi dushoje Sinodi, dukomeje imihigo ». Muri aka kanya ndagira ngo twongere twiyibutse ubwo butumwa bukubiye muri iyo baruwa, tureba n'aho tugeze.

Umushumba wacu abona ko iyo dushubije amaso inyuma tukagereranya uko ibintu byari byifashe mu myaka icumi ishize n'uko tumeze ubu, dusanga Imana yaradukoreye ibitangaza (p.1). Umwaka wa 2011 ugomba kuba uwo gushimira Imana, ibyiza twagezeho tukabikomeza, ahabaye intege nke tukahabona hagakosorwa, tugafata n'imigambi mishya tuzagenderaho mu myaka izaza (p.1).

Iyi baruwa igizwe n'ibice bibiri :

1°. Dushimire Imana intambwe twateye

2°. Dukomeze urugendo twivugurura.

Mu gice cya mbere, Umwepiskopi aremeza ko « koko dukwiye gushimira Imana ». Aratanga ingero zifatika z'ibyagezweho :

▪ Muri paruwasi zose abakristu bafite ishyaka ryo kugana Kristu. Akaboneraho rero gushimira abakristu bitanga mu byiciro binyuranye: abagize za komite, abari muri za komisiyo, abayobozi ba za santarali, ab'imiryango-remezo, abakateshisti, abafasha mu matsinda y'abana, uruhare rw'imiryango y'Agisiyo Gatolika n'amakoraniro y'abasenga.

▪ Imiryango-remezo yashinze imizi. Abakristu bahurira mu miryango-remezo bagasangira Ijambo ry'Imana, bagafashanya gukemura ibibazo, bakimenyera abo bakwiye gufasha byose bishingiye

ku rukundo kandi biherekejwe n'isengesho (p.2).“Koko ubukristu bwashinze imizi mu muryango-remezo, aho bitarakomera nabo bizaza (p.2). Umwepiskopi arahamagarira abakristu kwita ku matsinda y'abana mu muryango-remezo nk'igisubizo cy'ikibazo cy'ingutu kijyanye n'intege nke zigaragara mu kwigisha abana Iyobokamana.

▪ Ummwepiskopi arishimira ko twungutse abasaserdoti benshi. Dusoza Sinodi muri Diyosezi hari abapadiri 34, ubu hari 61. Nyuma ya Sinodi, Diyosezi yungutse abapadiri 39. Byatumye Diyosezi ishobora gusiba icyuho cyatewe na jenoside yahitanye abapadiri 32. Bikaba rero byaratumye hakorwa byinshi : paruwasi zose zongeye guturwa, gutangiza izindi paruwasi nshya.

▪ Muri iyi myaka, Diyosezi yabyaye abihayimana binjiye mu miryango inyuranye, hari n'abandi bafite inyota yo kwiyegurira Imana.

Ibyo byose rero byashobotse kubera amahoro n'umutekano, tubiharanire twiteza imbere.

Mu gice cya kabiri, Umwepiskopi wacu araduhamagarira gukomeza urugendo twivugurura. Uyu mwaka nutubere uwo “kwivugurura mu myumvire“. “Impamvu Sinodi yakozwe kwari ukugira ngo Diyosezi ibashe gusanasana imitima y'abantu yari yarahabye hagamijwe ko ubukristu butubyarira ubuvandimwe“ (Inyandiko-mvugo y'inama y'abapadiri ba Diyosezi ya Nyundo yo ku wa 13 na 14 Ukwakira 2010, ijambo ry'ibanze).

1) DUKOMERE KU ISANO NYAYO

“Ubukristu bwacu bushingiye ku isano ihebuje dufitanye n'Imana Data, Mwana, Roho Mutagatifu twahishuriwe na Yezu ku buryo budasubirwaho” (DIYOSEZI YA NYUNDO, Dushoje Sinodi ariko dukomeje imihigo, 17 Ugushyingo 2001, p.4). Iyi sano tuyumvise mu kuri twahinduka abantu bashya. Twasenga Imana tuyisanzuyeho nk'abana bayo ikunda byimazeyo. Muri uyu mwaka turusheho kumva iyo sano yacu na Yezu usohoza amasengesho yacu ku Mana Data tumurikiwe na Roho Mutagatifu (Nyuma y'imyaka icumi...,p.4). Dutsinde ubwoba no guhora tujarajara tubeshywa n'uje wese ngo aratwereka agakiza.

Isano dufitanye n'Imana itwumvisha ko twese turi abavandimwe. Twese duhuriye ku Mubyeyi umwe, tuva inda imwe. Isano n'igihango dukomora kuri Kristu bifite agaciro gatambutse andi masano. Dufitanye isano isumba iy'amaraso. Ubuvandimwe dufitanye bugomba kugaragazwa n'ibikorwa. Umukristu yakira umuntu wese atarobanura. Agomba gushyira imbere ibimuhuza n'abandi, akirinda ibisenya ubuvandimwe.

Nubwo muri Sinodi twihaye “Imihigo y'umubano ukwiye abavandimwe“ haracyari abantu bakiboshywe n'ibitekerezo ndetse n'ibikorwa bishingiye ku ivangura.

Uyu mwaka uzafashe buri wese ku bitekerezaho maze uzasige twarashyikiriye ubuvandimwe nyabwo (p.4). Hari abantu benshi bagifite ibikomere ku mutima. Ibyo bikomere tuzabishyire imbere ya Kristu abyomore.

2. DUHINDUKE KANDI TWITABIRE IMIRYANGOREMEZO

Nyuma yo kumva ko turi abavandimwe tugomba kurangwa n'ibikorwa bigaragara byo kugoboka abafite ibibazo no gufatanya duharanira kwiyungura mu buryo bwose.

▪ Abakristu baguye n'abacumbagira tubahe imbaraga bagarukire Imana, dufate ingamba zo kubagarura.

▪ Abishyingiye bazagarukire Imana kandi uwo muco uzacike burundu.

▪ Ababatijwe bakagira umwete muke wo kwigira Ukaristiya ya mbere no gukomezwa tuzabafashe babigereho. (Kuri izi ngingo, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yatangaje “Impuhwe zidasanzwe zijyanye n'Isabukuru y'imyaka icumi dushoje Sinodi“ mu ibaruwa yo ku wa 25 Mutarama 2011).

▪ Abahunga imiryangoremezo yabo kubera ko hari uwo bagize icyo bapfa tuzabunge bagaruke mu bumwe bw'abana b'Imana.

▪ Abagabo n'urubyiruko bitabire imiryangoremezo.

▪ Imiryango y'Agisiyo Gatolika izivugurure ikurikije umwihariko

wayo.

▪ Amakoraniro y'abasenga azahuze isengesho n'ubuzima bwa buri munsi.

Buri santarali izabikurikirane byose tuzasoze twishimira ibyo twagezeho bigaragara. Tujye mbere twibumbiye mu miryango y'Agisiyo Gatolika n'amakoraniro y'abasenga, ibyo byose bituganisha mu muryangoremezo (p.5).

3. UMWANYA W'URUBYIRUKO N'ABO IMANA YAHAYE BYINSHI.

Nyuma yo kuvuga ku rubyiruko, korali na Kiliziya, Umwepiskopi arahamagarira abantu bari mu byiciro binyuranye (abize, abakire, abayobozi) kumva ko bari muri Kiliziya kandi ko bagomba kuyikorera.

Urubyiruko nirwo Kiliziya itezeho imibereho yayo y'ejo hazaza. Bagomba gutahura imitego ibajyana ahabi. Isengesho, cyane cyane gusangira Ijambo ry'Imana bibabere intwaro ikomeye. Nibegere umuryangoremezo maze bahagire uruhare rugaragara.

Abari muri korali barusheho kunga ubumwe, bagere no ku bikorwa bindi bibagirira akamaro. Bajye bahuzwa no gufasha abakristu gusenga.

Twese turi abana b'Imana Kristu yabumbiye mu muryango umwe ariwo Kiliziya. Kiliziya ni umuryango w'abana b'Imana. Buri wese afitemo umwanya we bwite yihariye. Kiliziya ni umuryango w'abana b'Imana basangiye isano n'Imana Data, Mwana, Roho Mutagatifu. Buri mukristu ni ngombwa muri Kiliziya nk'uko ingingo z'umubiri zose ari ngombwa. None se buri wese agaragaza uruhare rwe mu kubaka Kiliziya ? Dukomeze tubyibazeho!

Abwira abantu mu byiciro byabo, Umwepiskopi arahera ku "bagize amahirwe yo kurusha abandi kwiga amashuri". Ese aho abenshi ntibibera mu byabo ntibibuke ko bashinzwe abavandimwe babo ?

Abafite impano yo kumenya gukora cyane bakagira ibintu kurusha abandi babigenze bate ? Ibintu ntibizababere impamvu yo kwirengagiza abatabifite. Ndetse bagomba kububaha no kubakunda.

Kubo Imana yahaye kuba abayobozi, Umwepiskopi aributsa ko Ubuyobozi ari ubutumwa umuntu ahabwa kugira ngo yitangire abandi, si umwanya wo kubakandamiza.

▪ Ubuyobozi bwiza bwirinda gutonesha no kwirara kuko bibyara ishyari n'amacakubiri.

▪ Abayobozi beza bakunda abo bayobora bakabitangira babubaha, batabahutaza (pp.6-7).

Aha Umwepiskopi akavuga ko kuba umuyobozi bitavuga gushyira iruhande ukwemera kwawe, ahubwo ukwemera kwagombye kumurikira umutimanama w'umuyobozi.

4. TUBEHO NK'ABANTU BAKURU

Nubwo dukesha kumenya Inkuru Nziza abantu bavuye iwabo mu mahanga akaba aribo bayituzaniye, ubu twarakuze, twiyubakiye urwacu. Tumaze kumva ko Kiliziya ari urugo rwacu tugomba kubaka tugakomeza. Igihe kirageze rero abakristu nibabesheho Paruwasi zabo.

Mu rugo, ababyeyi bombi (umugabo n'umugore) bamenye ko ariho hari Kiliziya y'ibanze. Ntihakagire utererana undi. Ababyeyi bagire umwanya wo kwicara bajya inama, banoza gahunda yo kurera. Isengesho rivugirwe hamwe mu ituze kugira ngo rishyigikire urukundo rw'umuryango, rihuze buri wese n'Imana kandi ryongerere ubumwe abarivuga. "Abana bakuriye mu rugo rusenga ntibakenera kuzigishwa amasengesho, bayafata nk'uko bamenya ururimi rwabo kavukire" (p.7).

Amasengesho si ayo twafashe mu mutwe gusa, agomba kujyana no gusoma Ijambo ry'Imana ndetse no kurisangira. Isengesho nyaryo rijyana no gushimira Imana ibyiza yakugiriye, kuyishimira ubwiza n'ubuntu bwayo buhoraho, gusaba imbabazi no gusaba ibyo ukeneye byose.

Imana yatugiriye ubuntu iduha amahoro, iduha kumenya urukundo rwayo ruduhuza. Dufatanye ibyadutanyaga byose tubitsinde. Ibibazo by'amoko ndetse n'ibindi byose bidutanya ntibizongere kuba impamvu yo kwishishanya.

Dufatanye gutsinda ubujiji. Abatazi gusoma no kwandika babihagurukire. Icyifuzo cy'Umwepiskopi nuko "Buri muryangoremezo wari ukwiye kwiyigishiriza abawurimo batazi gusoma no kwandika"(p.8).

Abakristu bakwiye kuba aba mbere mu bikorwa byose biteza abantu imbere. Abahurira hamwe basenga bakwiye no gufashanya gutsinda ubujiji ndetse bakanishyira hamwe baharanira amajyambere yabo n'abandi bose.

Byose biradusaba kwicara tukibaza maze tugafata ingamba nshya.

UMWANZURO

Bavandimwe, basomyi b'Umusemburo w'Ubusabane, ni ngombwa gukomeza gutekereza kuri ubu butumwa twahawe n'Umushumba wa Diyosezi yacu. Koko "uyu mwaka ntuzadupfire ubusa". Nutubere umwaka wo gusubiza amaso inyuma dushimira Imana, umwaka wo kwivugurura mu mibanire yacu n'Imana ndetse na bagenzi bacu. Buri wese yihe intego yo kwivugurura no kuvugurura abandi. Twihatire kwimika isengesho mu ngo zacu kandi dushishikarire guhurira mu miryangoremezo. Buri wese yisuzume arebe aho ageze afate n'ingamba zo kugana aheza.

Dufatane urunana, nk'abavandimwe, mu nzira yo guhamya ubukristu butuma
tugirana isano isumba iy'amaraso.

Padiri Léonidas
NGARUKIYINTWARI
Paroisse KINUNU.

DUSHIMIRE IMANA IBYAKOZWE MU MYAKA 10 ISHIZE DUSHOJE SINODI IDASANZWE.

Hashize imyaka 10 dushoje Sinodi idasanzwe yatangiye tariki 13/11/1998 isozwa tariki 17/11/2001. Muri iyo Sinodi twari dufite intego igira iti : « Ubukristu butubyarire ubuvandimwe nyabwo». Mu gusoza Sinodi Umushumba wa Diyosezi yacu yatangaje imyanzuro ikubiye mu gatabo kiswe : « Dushoje Sinodi ariko dukomeje imihigo » agaragaza ibyiza twungutse muri Sinodi dukwiye kwishimira no gukomeza, yereka kandi buri cyiciro cy'abakristu icyerekezo gikwiye gushyiramo imbaraga. Ibyo byose byitaweho, n'isuzuma turimo gukora rigenda ribyerekana.

Mu buryo bwo kuyobora imirimo Komisiyo yari ishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya Sinodi yahiniye mu ngingo eshatu imigambi yose twagombaga gushishikarira arizo izi :

1.Kumva isano dufitanye n'Imana n'isano dufitanye n'abavandimwe

2.Uruhare rw'abalayiki muri Kiliziya

3.Kurwanya ubujiji n'ubukene

Mu gushyira mu bikorwa imyanzuro ya Sinodi, twasanze tuzakomeza kugendera ku ntego ya Sinodi tugira tuti : *« Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo* , *twarabyiyemeje »* Buri Service ya Diyosezi yagize uruhare rwayo mu gushyira mu bikorwa iyi myanzuro. Muri iyi nyandiko turareberahamwe uruhare rwa Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa, tuze no kureba ibirebana na Komisiyo yashyizweho n'Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo kugira ngo ifashe abakristu gushyira ahagaragara ibyagezweho muri iyi myaka 10 no gufata ingamba zo gukomeza gushimangira ibyiza twagezeho.

I. Ibyo Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa yagezeho muri iyi myaka 10 mu gushyira mu bikorwa imyanzuro ya Sinodi.

Muri iyi myaka 10, ibikorwa bya Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa byibanze cyane kuri izi nzego zikurikira :

-Imiryangoremezo

-Imiryangoy'Agisiyo Gatolika , amakoraniro y'abasenga , haba muri za paruwasi no mu bigo
by'amashuri yisumbuye.

-Komite eshatu (Nyobozi, Ncungamutungo na

Ngenzurabikorwa)zibarizwa muri buri

Paruwasi.

1.Kumva isano yacu n'Imana n'isano hagati yacu nk'abavandimwe

Iyi ngingo twasanze twayigeraho neza twifashishije imiryangoremezo. Ni muri urwo rwego twakanguriye buri mukristu kugira umuryangoremezo abarizwamo, aho azajya asangira n'abandi isengesho ndetse bagasangira n'ubuzima. Kubera iyo mpamvu twihutiye guhugura abayobozi b'imiryangoremezo muri za paruwasi zose, tubumvisha icyo umuryangoremezo aricyo, ibigomba gukorwa igihe abakrstu bahuriye mu nama y'umuryangoremezo, ndetse tubaha n'umurongo ngenderwaho.

a) Isano yacu n'Imana

Kugira ngo dufashe abakristu kumva isano yacu n'Imana, twakanguriye ingo zigize umuryangoremezo kugaruka ku isegesho ryo mu rugo, twifuza ko buri wese mu bagize urugo yagira uruhare mu kuyobora amasengesho. Twasanze ibyo byafasha ababyeyi kongera kugira umuco wo gushyikirana n'Imana ndetse bigafasha n'abana kurushaho kumenya amasengesho bayigiye ku babyeyi babo.

Twakanguriye kandi ingo gutunga Bibiliya ndetse bakayisoma kenshi.

b)Isano yacu nk'abavandimwe

Isano nk'abavandimwe kandi twasanze abakristu barushaho kuyumvira mu muryangoremezo. Kubera iyo mpamvu twibukije kandi turushaho gushimangira imirimo ya gitumwa mu muryangoremezo. Kugira ngo imirimo ya gitumwa uko ari 12 irusheho kwitabwaho hatagize uwibagirana twayikubiye mu matsinda ane (Itsinda ry'ubuyobozi, itsinda ry'inyigisho, itsinda ry'ibikorwa by'urukundo n'itsinda ry'ubutabera n'amahoro) kandi abagize komite y'umuryangoremezo bakaba abahuzabikorwa b'ayo matsinda.

Mu mahugurwa yagenewe abayobozi b'imiryangoremezo twabasabye kandi gufasha abo bayobora kurangwa n'ibikorwa by'urukundo ari nabyo bigaragaza kurushaho ko twumvise isano dufitanye nk'abavandimwe. Ni nabyo imyinshi mu mirimo ya gitumwa idukangurira. Muri urwo rwego kandi hari amahugurwa ku buryo bwo gukumira no gukemura amakimbirane yagenewe abahagarariye abandi muri Paruwasi zose akoreshwa na Docteur Runyange, umushakashatsi muri Kaminuza y'u Rwanda mu birebana no gukumira no gukemura amakimbirane.

Kugira ngo turusheho kwegera abakristu mu miryangoremezo kandi tubafashe kwiyubaka no kugera ku buvandimwe nyabwo*, twatoranyije paruwasi 10,* muri buri Paruwasi muri izi dutoranyamo *imiryangoremezo 10* maze tuyitaho ku buryo bw'umwihariko. Ni ukuvuga ko muri rusange hatoranyijwe imiryangoremezo 100. Abayobozi b'iyimiryangoremezo yatoranyijwe twabahuguye kenshi kuri paruwasi ku birebana n'imikorere y'imiryangoremezo, byongeye buri muryangoremezo muri iyi 100 twarawusuye, tugakurikira inama isanzwe y'umuryangoremezo, nyuma tugashimangira ibyakozwe neza ndetse tukagorora n'ibitagenze neza dukurikije uko inama y'umuryangoremezo ikwiye gukorwa.

Muri buri paruwasi kandi muri izi paruwasi 10 zatoranyijwe, hatoranyijwe abantu batatu bahagarariye abandi nabo bahabwa amahugurwa incuro zirenze 2 hano ku Nyundo. Ni no mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku mikorere iwabo mu miryangoremezo cyane cyane ko, nubwo hatoranyijwe Paruwasi 10, hari 5 zatoranyijwe muri 2006 izindi zitoranywa muri 2009. Birumvikana ko hari zimwe zimaze gutera imbere kurusha izindi. Ubu buryo bwadufashije guha ingufu imiryangoremezo yatoranyijwe iba icyitegererezo cy'indi miryangoremezo muri Paruwasi.

Ngo akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze kandi ngo ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.

Abantu 16 bahagarariye abandi muri Paruwasi ya Nyundo bagiye gusura Paruwasi ya Muramba bahasanga abagize Komite

z'imiryangoremezo yatoranyijwe. Baganiriye ku mikorere y'imiryangoremezo yabo ndetse bukeye bigabanyamo amatsinda 2 rimwe risura umuryangoremezo umwe, irindi risura undi muryangoremezo aho i Muramba. Nyuma yaho ab'i Muramba nabo barisuganyije, baherekejwe na Padiri Abayisenga Valens wari Padiri mukuru wabo, basura Paruwasi ya Nyundo babonana na bagenzi babo bo mu miryangoremezo yatoranyijwe. Abahagarariye imiryangoremezo yatoranyijwe muri Paruwasi ya Nyundo basuye kandi bagezi babo bo muri Paruwasi ya Busasamana, bagira n'igihe cyo gusura imiryangoremezo 2 muri iyi Paruwasi ngo barebe uko ikora.

Ngo igiti kigororwa kikiri gito.

Nyuma yo kubona ko mu miryangoremezo hagaragara ibibazo byinshi bishingiye ku mibanire y'abaturanyi, Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa yasanze ari ngombwa gutangiza amatsinda y'abana n'urubyiruko mu muryangoremezo kugira ngo abana bitabweho bakiri bato, batozwe kubana kivandimwe, batozwe ibikorwa by'urukundo hakiri kare, kandi birinde inzangano n'urwikekwe bikigaragara muri bamwe mu bakuru. Hateguwe agatabo *k'imfashanyigisho y'abashinzwe amatsinda y'abana,* ubu kakaba karageze muri Paruwasi zose. Abakangurambaga ba Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa batangiye guhugura abashinzwe kwita ku matsinda y'abana ku buryo bwo gukoresha imfashanyigisho yabagenewe. Hamaze guhugurwa abo muri Paruwasi Congo-Nili, Busasamana, Rususa, Muhororo, Muramba, Kivumu, Gisenyi na Muhato.

Isano yacu n'Imana n'isano yacu nk'abavandimwe twasanze na none ikwiye kumvikana ku bakristu bahuriye mu *miryango y'Agisiyo Gatolika n' amakoraniro y'abasenga* . Kubera iyo mpamvu, twihutiye kubyutsa imiryango y'Agisiyo Gatolika n'amakoraniro y'abasenga byari byaraguye cyangwa bisa n'ibisinziriye. Twahuguye abari bayihagarariye bityo nabo babona agatege bongera kubyutsa imiryango cyangwa amakoraniro babarizwamo.

2. Uruhare rw'abalayiki muri Kiliziya

Urundi rwego ruhagarariye abakristu twahaye ingufu ni Komite 3 za paruwasi (K. Nyobozi, Ncungamutungo na Ngenzurabikorwa). Sinodi yarangiye hari Paruwasi nyinshi zitarafungurwa. Icyo gihe Komite nyobozi, ncungamutungo na Ngenzura bikorwa nizo zacungaga Paruwasi. Byari ngombwa rero ko zitabwaho by'umwihariko. Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa yahuguye mu bihe bitandukanye abagize izo Komite ibongerera ubushobozi kugira ngo bashobore kurangiza neza ubutumwa bashinzwe. Abajiutse bakanguriwe kujya muri izi Komite kugira ngo batange umuganda wabo bifashishije ubumenyi bafite.

Mu rwego rwo kunoza imikoranire y'abasaserdoti n'abagize za Komite, Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa yahuguye abahagarariye za Komite 3 muri buri Paruwasi n'abapadiri bakuru ba za paruwasi bavugurura kandi buzuza inshingano za buri Komite bakurikije igihe tugezemo.

Nyuma y'uko Umwepiskopi ashyizeho Komisiyo ya Diyosezi ishinzwe ubutumwa bw'abalayiki, abagize Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa nabo bari muri iyo Komisiyo bagiye bategura kandi bakayobora inama y'abagize Komisiyo yavuzwe haruguru bakarebera hamwe ibikwiye kwitabwaho mu Iyogezabutumwa ry'abalayiki. Ni muri urwo rwego hashyizweho za CPAL (Commission paroissiale pour l'apostolat des laïcs).

3. Kurwanya ubujiji n'ubukene

a) Kurwanya ubujiji

Nkuko twabivuze haruguru, inzego zinyuranye z'abalayiki twagiye tuzigenera *amahugurwa,* tubakangurira kumva umwanya bafite muri Kiliziya ndetse tukabereka uruhare bagira mu guteza imbere Kiliziya yabo. Muri urwo rwego, abahagarariye imiryangoremezo muri Paruwasi zose bagiye bahugurwa mu bihe bitandukanye, abahagarariye imiryango y'Agisiyo Gatolika n'amakoraniro y'abasenga nabo barahuguwe. By'umwihariko abari mu miryangoremezo 10 y'icyitegererezo muri za

paruwasi Nyundo, Biruyi, Muramba, Busasamana, Muhororo, Mushubati, Nyange, Birambo, Mubuga na Kibingo bahuguwe kenshi kandi bafite za komite mpuzamiryangoremezo 10 yatoranyijwe zahawe inshingano yo gukomeza guhugura buhoro buhoro abahagarariye imiryangoremezo muri Paruwasi zabo, cyane cyane ko nabo bagenerwa amahugurwa ku Nyundo byibura rimwe mu mwaka na Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa.

b) Kurwanya ubukene

Imiryangoremezo myinshi muri Diyosezi ya Nyundo twasanze ifite *udusanduku*

tw'ingoboka. Twabasabye gukomeza kudushyigikira kandi bagakora uko bashoboye bagashyiraho amategeko atugenga kugira ngo imicungire yatwo igende neza. Imiryangoremezo 10 yatoranyijwe muri Paruwasi ya Nyundo yo yateye indi ntambwe kuko abagize komite z'iyo miryangoremezo bishyiriyeho agashyirahamwe bise ISANO kabafasha *kwizigamira no kugurizanya* katangiye muri Mutarama 2009. Abari muri ako gashyirahamwe bahamya ko kuva kajyaho kabafitiye akamaro kuko kabatabara igihe cyose bagize ikibazo cy'amafranga acirirtse. Kugeza tariki ya 19/5/2011 Banki yari ibazigamiye amafranga 309.480, inguzanyo yari mu banyamuryango yari ihwanye na 180.750 Frw kandi kuri 18/10/2010 biguriye n'igitari cy'inturusu ku mafranga 258.500. Agaciro k'icyo gitari nako kinyongera uko bukeye, cyane cyane ko nyuma yo kukigura bacyongeye batera inturusu 217 ahatari hateye.

Bagenzi babo bo mu zindi paruwasi zatoranyijwe nabo batubwira ko batangiye

udushyirahamwe nk'utwo ariko nta makuru ahagije dufite ku mikorere yatwo.

Ikindi cyakozwe muri gahunda yo gufasha abantu kwivana mu bukene, ni uko , tubifashishijwe mo na Inosenti Karangwa ,umukozi wa Caritas ya Diyosezi ya Nyundo akaba n' impuguke mu birebana no gutegura imishinga, twahuguye abahagarariye imiryangoremezo 10 yatoranyijwe muri buri paruwasi mu zavuzwe haruguru *k'uburyo bwo kwiteza imbere,* tukaba twizeye ko ubumenyi bahawe buzafasha abo bahagarariye.

II. Ibyakozwe n'ibiteganyijwe muri uyu mwaka wo kureba aho tugeze.

Nyuma y'imyaka 10 dushoje Sinodi, Umwepiskopi wacu yabonye ari ngombwa

gushyiraho Komisiyo ishinzwe kureba icyo imyanzuro ya Sinodi yatugejejeho muri iyi myaka 10 tumaze dushoje Sinodi. Iyo Komisiyo iyobowe na Padiri Fabiyani Rwakareke ari nawe muyobozi wa Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa yateranye bwa mbere tariki ya 22 na 23/9/2010. Muri iyo nama Komisiyo yashyize ahagaragara ibibazo bigomba gusuzumwa mu miryangoremezo kugira ngo abakristu babyifashishe bareba ibyagezweho muri iyi myaka 10 ishize dushoje Sinodi, babonereho gufata ingamba zizabafasha kurushaho gushimangira ubuvandimwe bushingiye ku bukristu. Uko ibyo bibazo byari biteye tubisanga mu musemburo w'ubusabane n° 33.

Tariki ya 17/5 /2011 iyi Komisiyo yongeye guterana yungurana ibitekerezo ku buryo

abakristu bakiriye ibyo bibazo nyuma barebera hamwe uburyo imihimbazo iteganyijwe kuva kuri pentekosti yazakorwa. Dore ibizakorwa kuri buri muhimbazo :

▪*Pentekosti* : kuri uyu munsi ku rwego rwa paruwasi hazatangazwa ku mugaragaro imihigo y'abakristu ku bijyanye no kuba intumwa.

▪*Ku isakramentu ritagatifu:* Hazatangazwa imihigo igaragaza ibikorwa bifatika bizakorwa mu rwego rwo gushimangira ubuvandimwe hafashwa abakeneye ubufasha ku buryo bwose(soutien spirituel, morale et matériel). Kuri uwo munsi aho bishoboka haba ubusabane.

▪*Ku munsi wo kuzirikana ku butumwa bw'abalayiki* **:** hazaba imihigo y'icyo tuzamarira Kiliziya, imiryango y'Agisiyo Gatolika n'amakoraniro y'abasenga bazagaragaza ibyo biyemeje mu kwiyubaka

ubwabo, gushyigikira imiryangoremezo no gushyigikira Paruwasi bumva neza ko ari iyabo. Uwo munsi kandi hazaba za Yubile z'abakristu.

▪*Kuri Assomption* **:** Hazaba urugendo nyobokamana i Kongo-Nil, abakrisru bazifatanya n'Umwepiskopi n'Abasaserdoti mu gushimira Imana ibyo twagezeho muri iyi myaka 10 no gushimira by'umwihariko ingabire y'ubukristu , ingabire y'Ubusaserdoti kubera Abasaserdoti 9 tuzabona uyu mwaka. Hateganyijwe ko abazakora urugendo bajya i Kongo-Nil bazategurirwa iwabo nibishoboka bahabwa n'isakramentu rya penetensiya. Abazaba batagiye i Kongo-Nil bazashishikarizwa kwifatanya n'abagiyeyo mu isengesho.

▪*Ku munsi wa Kristu Umwami* **:** kuri uyu munsi niho hazasozwa imirimo yakozwe uyu mwaka muri gahunda yo kureba ibyagezweho muri iyi myaka icumi ishize dushoje Sinodi. Buri Paruwasi izagaragaza ibyagezweho muri iyi myaka icumi ishize, hatangazwe imihigo ya Paruwasi igaragaza aho bagiye gushyira ingufu mu bijyanye n'Iyogezabutumwa bakomeza gushyira mu bikorwa imyanzuro ya Sinodi.

Didace
MUSEBYUKUNDI

KUKI ABANTU BATESHUKA KU NDAHIRO ZABO?

"*Nimugire mu mitima yanyu amatwara ahuje n'aya Kristu Yezu ubwe…" (Ef 2, 2)*

Mu by'ukuri iyo witegereje ubuzima abantu tubayemo buri munsi, ibyo dusezerana cyangwa turahira hagati yacu, ibyo se duhigira Umushobora byose Imana Data yaturemye, ikaduha ubuzima, wakwitegereza neza utihenze, uribaza uti kuki koko abantu duteshuka ku nshingano zacu? Kuki se tutubahiriza amasezerano yacu? Ese byaba ari ukutamenya agaciro k'ibyo tuba turimo? Byaba se ari ukwirengagiza nkana ibyo tuzi kandi twigishijwe cyane ko usanga twe tunabigira twarahawe Batisimu, Isakaramentu ritugira abakristu, rikanatwinjiza mu muryango w'Imana? Ngibyo rero bimwe mubyatumye tugira icyo cyifuzo cyo kugaruka ku isoko y'amasezerano yacu yaba ayo tugirana hagati yacu cyangwa se ayo tugirira Imana na Kiliziya, igihe duhabwa amasakramentu. Nibibe koko intego ya buri wese, abyibazeho atihenze, atibeshyera atihenda, adashaka ndetse no kwigira intungane, kuko kuzamuka udatekereza kuri byo, kwaba ari ugukura nka kwa kundi tuvuga ngo umuntu arakura nk'isabune, arakura ashonga. Mu gihe turebera hamwe aho twaba tugeze muri iyi myaka **10** tumaze dushoje Sinodi muri Diyosezi yacu, twongere turebere hamwe koko niba *ubukristu bwaratubyariye ubuvandimwe nyabwo* nk'uko twabyiyemeje dusoza Sinodi.

Mu kurebera hamwe zimwe mu mpamvu zashobora gutuma tutubahiriza amasezerano twagiranye n' Imana cyangwa ayo twagiranye hagati yacu, turifashisha zimwe na zimwe mu ngero dusanga mu Byanditswe bitagatifu, turasanga abantu bo mu Isezerano rya kera baragiye birengagiza ibyiza byinshi Uhoraho yabagiriye, maze bakikorera ibitandukanye rwose n'icyo yabifuzagaho, bakanga kenshi kumva abo Uhoraho yabatumagaho, bakarushaho kwizirika ku by'isi. Mu Isezerano rishya turarebera hamwe uburyo abakristu birengagije ibyo Nyagasani Yezu Kristu yabagiriye, We wari ufite imimerere imwe n'iy'Imana Data ntagundire kureshya nayo, akigira ubusabusa agasa natwe atagize icyo yitandukanyaho natwe uretse icyaha (reba Fil 2, 6-11), ibyo byose akabikora ari ukugira ngo tugire ubuzima kandi tubugire busagambye. Ariko se twamwituye iki uretse kumwica urupfu rubi rwo ku musaraba wari ugenewe abagome, ibisambo, abagizi ba nabi,…Ibi byose bizadufashe kugira umwanzuro ndetse n'umugambi wo guhinduka muri iki gihe twisuzuma ku myanzuro twari twihaye muri Sinodi. Nitugire inyota y'Imana kuko nayo idufitiye inyota, nk'uko Mutagatifu Agusitini abivuga agira ati: "Imana isonzeye ko abantu bayimenya".

1. DORE UKO ABO MU ISEZERANO RYA KERA BATESHUTSE

a) Adamu na Eva

Nk'uko tubisanga mu gitabo cy'Intangiriro , " Imana yaremye Muntu mu ishusho ryayo,(Intg 1,27) we n'umugore we ibashyira muri Edeni aho bagombaga kubaho neza, bagahinga, bakagenga ibindi biremwa Imana yari yarahashyize ndetse ngo barinde ubwo busitani (Intg 2, 15-17). Muntu yirengagije ibyo byose Uhoraho yamugiriye, maze yikorera ibyo yishakiye, yibagirwa ko afite Umushumba washoboraga kumwongerera byinshi kubyo yari yaramuhaye muri ubwo busitani, ndetse tutibagiwe n'iminsi yo kuramba. Ese koko ubundi hari icyarutaga kuba yari yamuremye mu ishusho ryayo, guhabwa agaciro n'Uhoraho ku buryo busumbye ubw'ibindi biremwa, hanyuma muntu akarengwa agasuzugura uwamuhanze, agashaka kwireshyeshya nawe? None se tubivugeho iki? Tubikoreho iki se? Twaba se tutagishaka kwireshyeshya nayo na none?

b) Umuryango wa Israheli mu Misiri

Umuryango w'Imana umaze kujya mu gihugu cya Misiri, Farawo atoteza bikabije Abayisraheli, maze batangira kuboroga ndetse no kuganya, bagasaba ko Uhoraho yabatabara, batangira kumusezeranira byinshi bazamukorera. Nuko Uhoraho atorera Musa ku musozi wa Horebu; yamutoreye kugira ngo imuhe ubutumwa bwihariye bwo kubohora Umuryango we mu gihugu cya Misiri. Abayisraheli bamaze kubohorwa ingoyi y'ubucakara bwa Farawo, nibwo batangiye guhiga no kugirira Uhoraho amasezerano menshi, bungikanya indahiro, bavuga bati: Uhoraho Mana yacu watugobotoye amaboko ya Farawo, natwe tuzakubera abana bakwizihiye kandi basingiza izina ryawe ritagatifu mu yandi mahanga. Baragiraga bati:|"Amagambo yose Uhoraho yavuze tuzayakuriza"(Intg 24,3b). Ariko se ibyo bitangaza bagiriwe, impuhwe bagaragarijwe mu rugendo bagize bava mu gihugu cya Misiri, uburyo bahagijwe ku bw'igitangaza cy'Uhoraho mu butayu, kwambutswa inyanja itukura igihe bari bakurikiwe n'Abanyamisiri bashakaga kongera kubigarurira bakaza gushirira muri iyo nyanja; Abayisraheli nta kindi bituye Uhoraho uretse *kumugomera* no *kumwigomekaho*. Ubwo Musa wabavugiraga kuri Uhoraho amaze amajoro mirongo ine asabira Umuryango nibwo nyine batangiye kurambirwa niko gusaba Aroni ngo abakorere ikimasa cyo kuramya bagira bati:Ngaho dukorere imana zo kutugenda imbere; kuko Musa uriya watuvanye mu gihugu cya Misiri, tutazi uko byamugendekeye…"(Intg 32,1gk).

Mu by'ukuri ibi uyu muryango wakoze nyuma y'amasezerano menshi, byatuma wibaza uko waje guteshuka kuri ayo masezerano maze bikaduha umwanya wo gutekereza ko isezerano iryo ari ryose atari umukino, cyangwa se ngo umuntu abe yabikora atabitekerejeho bihagije. Itegereze ibyo byose Abayisraheli bakoze maze wibaze, nanjye nibaze aho mpagaze mu mushyikirano wanjye, wawe n'Imana yawe Yo uhigira ukanagirana nayo amasezerano menshi. Ese waba uri nka Musa wakomeje kuzirikana Isezerano no gutakambira uwo Muryango wari wagomeye Uhoraho? Cyangwa uri umwe mu bayisraheli batibutse ibyo yabakoreye, ko ari ukuboko kwe gutagatifu kwabakuye mu Misiri, cyangwa wifatanyije nabo ugira nawe uti ni mana yacu (ikimasa) ya yindi bikoreye babifashijwemo na Aroni yabakuye mu Misiri? Ngaka akanya tubonye, nitubizirikaneho!

2. MU ISEZERANO RISHYA

Nk'uko tubizi neza Isezerano rishya ntiryaje gukuraho Irya kera ahubwo ryaje kurinonosora no kuryuzuza. Isezerano rishya ni iyuzuzwa ry'ibyavugwaga mu marenga mu Isezerano rya kera. Iryo Sezerano ryujujwe kandi ryuzurizwa muri Yezu Kristu. Yezu ati:"Ntimukeke ko naje kuvanaho Amategeko cyangwa Abahanuzi; sinaje gukuraho naje kunonosora" (Mt 5,17). Ubu se twaba tugeze hehe, ibyiza yatugiriye se tubimwitura iki? Amasakramentu twahawe yo se ntiyaba ari nko kurangiza umuhango tukibwira ko ari ibisanzwe hanyuma tugaheruka mu Ngoro yayo twakira ayo masakramentu no

kwandikwa mu bitabo bya Paruwasi?

Ni ababyeyi bangahe se dufata akanya ko kuganirira ku *isengesho* abana bacu cyangwa abo turera, gusenga se aho biracyabaho mu ngo zacu?

Bavandimwe, mu kurebera hamwe ibyo twagezeho muri iyi myaka **10** dusoje Sinodi, mu miryango-remezo, twongere turebe ku buryo bwimbitse tutihenda uburyo amasakramentu tuyahabwa n'icyo adutandukanyaho n'abataramenya Kristu. Ntacyo byaba bitumariye, nta n'icyo twaba dutandukaniyeho nabo niba tudahindutse ngo dutange urugero, tubere abandi urumuri n'umunyu, ngo ibyiza dukora bibatere inyota babashe kumwegukira babikesheje ingero zacu. Yakobo Mutagatifu ati:"ukwemera kutagira ibikorwa kuba kwarapfuye".

Mu by'ukuri, kuba wakwitwa umukristu ariko ukaba utabasha kwerekana uwo Kristu muri bagenzi bawe byaba ari ugukora ubusa. Uko kwemera kutajyana n'ibikorwa kuba kwarapfuye nk'uko Yakobo yabitwibukije haruguru. Yezu avuga ko abazinjira mu ngoma y'ijuru atari abamubwira ngo Nyagasani, Nyagasani, ahubwo ari abakora ugushaka kwa Se. Ni ukuvuga abamwereka abandi mu mikorere yabo no mu ngero nziza. *Ndi umukristu, ndi uwa Yezu, uko nasezeranye mbatizwa, none ndakomeza kumwemera*; iyi nteruro y'indirimbo dukoresha cyane mu isakramentu rya Batisimu, tubatirisha abana bacu, duhagararira abandi, dutaha ubwo bukwe twatumiwe kwakira umuvandimwe mushya muri Kiliziya, nitwongere tuyizirikaneho, dore ko Batisimu ariryo sakramentu ritwinjiza mu muryango w'Imana.

Birashoboka rwose ko umuntu ageraho agacikwa akaba yakwirengagiza nkana uko gushaka kwa Data uri mu ijuru. Ariko se ni kangahe twibuka kwigorora nawe mu Isakaramentu rya Penetensiya? Kenshi usanga twiberaho twicira gusa imanza, tubunza imitima, iminsi igashira iyindi igataha… Nitugarukire Imana ni Umunyampuhwe itinda kurakara kandi ikagira urugwiro kuri bose, ntawayigannye yifitemo icyizere ngo abure kugirirwa impuhwe n'imbabazi. Amasezerano dukora mu Isezerano rishya ashingiye cyane cyane ku masakramentu duhabwa, kuko ibyo twabwirwaga mu Isezerano rya kera byuzurijwe muri Kristu we nzira, ukuri n'ubugingo. Niwe Rumuri rutubonesherezа mu nzira tunyuramo tumugana akanatubera umutsindo mu ntambara turwana na sekibi buri munsi. Gusa nuko tunangira umutima, ibyo adusaba tukabijugunya kure, tukongera kumwibuka ari uko twugarijwe. Nitumwegere ariko kuko adutegeye amaboko ngo atwakire kuko agira umutima utuza kandi woroshya.

UMWANZURO

Muri iyi nyandiko, twagize akanya, nubwo kadahagije, ko kongera kuzirikana ku masezerano dukora, yaba ayo tugirana n'Imana cyane cyane mu masakramentu duhabwa, yaba se ayo tugirana hagati yacu. Ariko rero icy'ingenzi ni uko twamenya neza ibyo tuba dukora. Ntitukagire ibintu imikino ngo twibereho nk'aho ari ibisanzwe muri iki gihe turebera hamwe ibyo twagezeho muri iyi myaka **10** dusoje Sinodi ya Diyosezi yacu, mu miryango-remezo tuzirikane imyanzuro twari twarihaye, tuzirikane kandi ku butumwa Nyiricyubahiro Umwepiskopi yari yatugejejeho kuko bizanatubera umwanya wo kureba uko ya sano isumba iy'amaraso dufitanye imeze; bitubere twese impamvu yo kureba koko niba mu miryango-remezo *Ubukristu bwaratubyariye ubuvandimwe nyabwo nk'uko twabyiyemeje.* Ni ahacu rero!

Intego yacu niba itarabaye imwe byaba byaratewe n'iki? Twakora iki se ngo aho tutabashije kubirangiza neza icyo cyuho tukizibe? Ibi bizadushobokera nitwongera imbaraga mu kumenya icy'ingenzi mu buzima. Nta kindi nk'uko twabivuze haruguru,kitari ukwizirika ku Mana,tukamenya ko ariyo soko y'icyitwa ihumure cyose,ko ibyo dukora byose ariyo bikomokaho kandi ko ariyo bigomba no kuganaho. Mu mwaka wari wahariwe Pawulo Mutagatifu Intumwa y'Amahanga,twari twasabwe kugira Bibiliya Ijambo ry'Imana atari ukuyitunga gusa ahubwo ari ukugira ngo tuyikoreshe iduhindure, nitwongere rero turebe iryo Jambo ry'Imana, turizirikaneho

rizadufasha kuyizirikaho,nitwegukire isengesho kuko byose bikwiye kubanzirizwa naryo nk'abigishwa dusabe Yezu tuti:Mwigisha natwe twigishe gusenga nk'uko Yohani yabigenjereje abigishwa be.Twiyambaze kandi *Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene* waragijwe Diyosezi yacu, ibindi nta shiti azabidusohoreza ku Mwana we.

Fratri Faustin HABIMANA

Seminari Nkuru ya Nyakibanda.

MUNTU AHORA ASHAKASHAKA UHORAHO

Mu mibereho ya muntu kuva ku iremwa rye ndetse n'iremwa ry'ibindi binyabuzima byose, muntu ahora afite inyota yo kumenya inkomoko ye, ni ukuvuga Uwamuremye ndetse n'inkomoko y'ibindi biriho, aho biva n'aho bigana, mbese iherezo ry'ibiriho byose. Muri ibyo bibazo agenda yibaza, hari ibyo abasha kubonera igisubizo, naho ibindi bikamubera amayobera bitewe n'uko ubwenge bwe bufite aho bugarukira, ibyo butabashije kwisobanurira tuka byemezwa n'ukwemera kwacu.

Bamwe mu bantu b'iki gihe bariho nk'aho ukwemera ntacyo kubabwiye, bakaba badakozwa iby'ubukristu. Babona ababyuka bajya gusenga bakababonamo imburamukoro bitewe n'uko muri buri dini baba bigisha ukwitegurira ubuzima buri imbere, ni ukuvuga buzahoraho iteka. « *Kuko nta murwa uzahoraho dufite hano ku isi, ahubwo turashakashaka umurwa w'igihe kizaza »* **(**Heb13,14). Ibyo babyitwaza bagira bati : « Iby'ejo bibara ab'ejo », bakiyibagiza ko iyi si tuyiriho turi abagenzi ; ko hari ahandi tugomba gukorera tukazahaba ubuziraherezo. Aho nta handi hatari mu Ijuru. Bene abo bantu bariho nk'aho ubukristu nta cyo bubabwiye. Ntabwo twari dukwiriye kubihorera ngo bagume muri iryo curaburindi cyagwa ngo tubatere amabuye tubahora ko atari abakristu. Gusa kuba bazi ko ubukristu buriho, bakaba babona ibikorwa by'abakristu nyakuri, ibyo byakagombye kubabera intambwe ikomeye yo guhora batekereza ku mibereho yabo no ku iherezo ry'ubuzima bwabo ; bakumva ko nabo bakwiriye guhindura imibereho yabo kugira ngo bazagire iherezo ryiza , nk'uko Pawulo abivuga mu ibaruwa ye agira ati : « Dore icyo mbabwira kandi mbashishikariza muri Nyagasani : ntimuzongere kugenza nk'abatazi Imana, bikurikirira ubupfu bwabo ».

Twari dukwiriye kumenya ko ubuzima butarimo Imana atari ubuzima, kuko udafite Imana mu mibereho ye akenshi ashakisha indi mana (ikigirwa-mana) yakwimika mu mutima we. Urugero twatanga ni nk'amafaranga bamwe bagira ikigirwa-mana cyabo, akaba ariyo abayobora kugeza ubwo bamwe bagira bati : « No money no life » (nta mafaranga nta buzima) ukaba wa kwibaza niba amafaranga ariyo atanga ubuzima , cyangwa se niba utayafite nta buzima aba afite. Nk'abakristu twari dukwiriye kugira tuti: "no Christ no life" (nta Kristu nta buzima). Iyo witegereje bene abo bantu bimitse amafaranga nk'ikigirwa-mana cyabo usanga nta narimwe baba bafite amahoro cyangwa ibyishimo mu mitima yabo kubera ko batajya bagera ku gipimo cy'ayo bifuza gutunga. Ni twemerere rero Roho Mutagatifu abe ariwe utwiyoborera kuko uyobowe nawe aba aciye ukubiri n'ikitwa ikibi cyose akarangamira icyitwa ikiza gusa. Hari ibintu byinshi bishobora kugaragaza uwo uriwe ndetse n'uwo wemeye. Muri ibyo bintu harimo kimwe cy'ingenzi twese dukwiriye guharanira. Ni "*urukundo*"**,** n'ubwo akenshi dukunze kubura urwo rukundo bikadutera kutabona neza muri bagenzi bacu ishusho y'Imana, ahubwo tukababonamo abanzi bacu. Niyo mpamvu twari dukwiriye kwihingamo urwo rukundo rubona muri mugenzi wawe *undi wowe.*

Imana ni Urukundo, ibi bishimangira ko Imana n'urukundo ari indatana, mbese ko Imana ihwanye n'urukundo; ariko ibyo ntibivuze ko ufite urukundo aba ari Imana, ahubwo ufite urwo rukundo aba yisanisha na Yo kandi akabaho nk'uko Imana ibishaka. Niyo mpamvu muntu adashobora gutambuka Imana mu bubasha ndetse n'ubushobozi.

A. NI IKI TWAMENYERAHO KO IMANA IRIHO

Kubyerekeranye no kumenya niba Imana iriho cyangwa itariho twabisobanukirwa n'uko twagerageza gusubiza ibi bibazo bikurikira:

1. Ukuba Imana iriho byaba ari ukuri?

Dukurikije amagambo dusanga mu Ivanjili ntagatifu uko yanditswe na Yohani, "*Ninjye nzira,n'ukuri n'ubugingo*"(Yh14,6). Ayo magambo dusanga mu Ivanjili akwiriye kutwumvisha ko kuba Imana iriho ari ukuri . Uko kuri kudashidikanywaho kuba kuri muri buri muntu wese (la vérité évidente). Urugero twatanga ni nk'uko niba tureba inzu yubatse, yuzuye iri hariya, ariko tutazi nyira yo, dushobora kuvuga tuti icyo tutashidikanyaho ni uko iriya nzu ifite uwayubatse, ko itishyize aho iri nk'aho ari ikintu giturutse mu kirere kikitura hasi. Urundi rugero ni nko kuba umuntu ariho byatuma utekereza ko kuba uriya muntu ariho ni ukuri ko afite inkomoko (uwamuremye), ndetse akaba afite n'ababyeyi (se cyangwa nyina) bamubyaye nubwo wenda baba batakiriho. Mutagatifu Yohani Damasenti agira ati :

« kumenya ko Imana iriho ni ibintu biturimo muri kamere yacu twese » niyo mpamvu tutakwirirwa dushidikanya ko kuba Imana iriho ari ukuri.

2. Ese kuba Imana iriho byagaragarira buri wese?

Ntibyoroshye kuba wakwemeza ko kuba Imana iriho byagaragarira buri wese, kubera ko hariho abo bita abahakanyi (les athées) batajya bemera na rimwe ko Imana iriho, cyangwa se hagira n'ibiza bibaho bigatwara abantu benshi bakaboneraho bavuga bati : «iyo Imana iza kubaho ibi ntibiba bibaye ngo abantu bapfe batya , ibyo rero akaba ari ukwibeshya kuko Imana itaremeye muntu kumurimbura ahubwo yamuremeye kuzabana na Yo, mu ikuzo rya Yo. Ibyo kuyihakana biba bisa nko kwirengagiza, kuko niba ushobora gutandukanya ikintu cyose (en entier) n'igice cyacyo (la partie) icyo gihe uhita umenya ko ikintu cyose ari kinini ugereranyije n'igice cyacyo. Niyo mpamvu umuntu wese wumvise ijambo Imana cyangwa Umuremyi akabona n'ibiremwa yaremye, yari akwiriye kwiyumvisha ko ibyo biremwa byaremwe n'umuremyi. Ari byo twagereranya n'ikintu cyose (en entier) n'ikindi (en partie). Imana ikaba yigaragariza by'ukuri mu byo yaremye byose.

Mutagatifu Tomasi wa Akwino atwereka inzira eshanu zishobora gufasha buri muntu wese mu kumenya ko Imana iriho nta gushidikanya. Izo nzira ni izi zikurikira:

i. Imihindagurikire y'abantu n'ibintu (le mouvement)

Ibintu biriho ndetse n'abantu bifite uburyo bihindagurika buri kintu ku buryo bwacyo. Dufatiye urugero ku muntu uvuka, agakura, agasaza. Iyo akiri muto abanza kugendera ku maguru ane (amaguru 2 n'amaboko 2), yamara gukura akagendera ku maguru abiri, hanyuma yasaza akagendera ku maguru atatu. Uko kugenda ahinduranya uburyo mu mikurire ye niko Mutagatifu Tomasi wa Akwino yita mu rurimi rw'igifaransa "mouvement" n'amatungo nayo aravuka agakura ndetse akanasaza, tutibagiwe n'ibimera by'ubwoko bwose. Ibyo bikatwereka ko, uko guhinduka kw'ibiriho bidapfa kwihindura gusa ahubwo hari izindi mbaraga zituma ibyo byose bibasha guhinduka; izo mbaraga nta zindi uretse imbaraga z' Imana.

ii. Impamvu ituma ibintu bibaho (la causalité efficiente)

Dukunze kubona ibintu kuri iy'isi tukaba twakwibaza aho bituruka ntitube twahita tuhiyumvisha ariko iyo urebye kure usanga nta kiriho kidafite aho gituruka, kuko ubusa butanga ubusa, ariko ikintu kikaba cyaba intangiriro y'ikindi. Imana Mwana yavuye ku Mana Data, umugore yavuye mu mugabo, ibiremwa biva ku Muremyi, n'ibindi byinshi tutiriwe turondora bifite aho bituruka. Ibyo byose bikatwereka ko hari impamvu yambere ituma ibindi byose bibaho. Imana akaba ariyo mpamvu ya mbere y'ukubaho kwacu.

iii. Ibiriho bibeshejweho n'ikindi kintu (la causalité efficiente)

Mu urusobe rw'ibiriho byose n'uburyo bibaho iyo witegereje neza

usanga uko kubaho kwabyo bitakwiha, ahubwo bikaba biguhabwa n'iyifitemo ubuzima buzima butazima, ibiriho byose biriho kubera Yo. Ufite ubwo buzima wese yagombye kuyizirikaho kuko tutari kumwe nayo ntacyo twakwimarira. Iyo tuvuga nta yindi atari Imana.

iv. Ibiriho bifite uburyo bigenda birutanwa (les degrés des êtres)

Ukurutanwa kw'ibiriho biterwa na buri wese, bitewe n'agaciro agenda aha buri kintu, bitewe kandi se n'ibyiyumviro bye cyangwa agaciro karenze aha uwo abona amufatiye runini mubuzima. Ukugira neza, ubupfura, ukugira impuhwe, ndetse n'ubutungane bw'abantu, ibyo byose bigira aho bigarukira, ariko hejuru y'ibyo byose hakaba ufite ubutungane nyabwo, umunyampuhwe nyawe, ugirira impuhwe uje wese azimusaba ndetse n'utazimusabye. Uwo ni Uhoraho ibyiza byose tubona akaba ariwe bikomokaho.

v/ Uko ibintu biriho biri kuri gahunda ku isi (l'ordre dans le monde).

Uburyo ibintu biriho biri ku murongo, bikagenda bisimburana nta nakimwe kibangamira ikindi, bitera muntu kwibaza igituma ibyo bintu byishyira kuri gahunda, hanyuma akishakira igisubizo. Urugero twatanga ni nk'ibihe by'umwaka (les saisons) bigenda bisimburana, hakaba ibihe by'izuba n'ibihe by'imvura, amanywa agasimburana n'ijoro, inyenyeri n'ukwezi bigasimburana n'izuba ku manywa …n'ibindi bigenda byikora hatabayeho ukubigiramo uruhare kwa muntu ahubwo bikozwe n'ugushaka kw'Imana. Ibyo byose bikatwereka ko hariho ubundi bwenge burenze kure ubwa muntu bushyira ibintu byose kuri gahunda ibereye ibiriho byose.

B. AHANTU UMUNTU ASHOBORA GUHURIRA N'IMANA BAGASHYIKIRANA

Nyuma yo kubona ibintu bitwereka ko Imana iriho nta kubishidikanyaho, umuntu ashobora kwibaza ati noneho se ni hehe nshobora guhurira n'Imana nkagirana na Yo umushyikirano, dore ko n'ubundi Imana yifuza ko abantu bayimenya. Aho bahurira ni henshi ariko hamwe muri ho ni aha hakurikira:

-Mu mutima wa buri wese -Mu isengesho - Mu Byanditswe Bitagatifu

1. Ni mu mutima wa buri wese

"*Ubwo se ntimuzi ko muri ingoro y'Imana, kandi ko Roho w'Imana abatuyemo ? Nihagira rero usenya ingoro y'Imana, Imana nawe izamusenya, kuko ingoro y'Imana ari ntagatifu kandi iyo ngoro ni mwebwe"* (1Kor3, 16-17). Mutagatifu Agustini we agira ati: "naragushakashatse hose ndakubura ariko sinkamenye ko uri mu mutima wanjye". Ibi bikatwereka ko ahantu hambere Imana ituye ari mu mitima yacu, keretse iyo twayirukanyemo tukimikamo sekibi kuko Imana itabangikana na Satani, hanyuma tugatangira gushakashakira Nyagasani aho atari, tukajarajara mu madini y'ibyaduka adashobotse, twibwira ko ariho twamubona, ahubwo bikaba ari nko kwiroha mu rwobo tutabasha kwikuramo, bikaba bya bindi bavuga ngo tuzagwa mu ruzi turwita ikiziba.

2. Ahandi ni mu Isengesho

Isengesho rikuru ku bakristu gatolika ni *Igitambo cy'Ukaristiya* (Misa), aho Yezu Kristu aza rwagati mu bakristu mu bimenyetso by'umugati na divayi bihinduka umubiri n'amaraso bye. Iyo dusenga, tuba tuganira n'Imana Umubyeyi wacu nk'uko umubyeyi aganira n'umwana we. Uko kuganira n'Imana niwo mushyikirano umuntu agirana na Yo ku buryo yumva ari kumwe na Yo iyo abikoranye umutima utaryarya.

Mu isengesho rya muntu akeshi ikimubangukira ni ugusaba ibyo yifuza. Ni byiza ariko nti twari dukwiriye kugarukira aho. Twari dukwiriye no kuyisingiza, tukayiha icyubahiro cya Yo, tukanayishimira ibyiza byose idahwema kutugirira, ndetse tukagira n'umwanya wo kuyitega amatwi tukumva icyo itubwira. Isegesho rituma imitima yacu yari irangamiye iby'isi ihindukira ikarangamira iby'ijuru, tugakora ibijyanye n'ugushaka kwa Nyagasani. Nk'uko imibiri yacu ikenera ifunguro kugira ngo ikomeze kugira imbaraga, ni nako roho zacu ziba zikeneye isengesho rikaba ari

ryo rizitunga. Ni nayo mpamvu ari mu isengesho umuntu yumva ashize inyota yo guhura n 'Imana kugira ngo ya nyota Imana yari ifitiye abantu ishire.

3. Mu Byanditswe bitagatifu

Iyo dusoma Ibyanditswe bitagatifu, dusanga Imana itarahwemye kwigaragariza abantu b'ibihe byose ndetse n'ahantu hose ,bitewe n'uko inyigisho iyikubiyemo iba ibwira buri wese mu buzima aba arimo ndetse n'uko agomba kwitwara mu mibanire ye n'abandi.Uwumva wese kandi agakurikiza Ijambo ry'Imana aba ari umuvandimwe wa Yezu.(reba Lk 8,21).

Abanditsi b'ibitabo bitagatifu bigize Bibiliya, inyandiko zabo zerekana ko bari baramenye Imana kera na kare, bitari gusa ko bari bamurikiwe na Roho Mutagatifu, ahubwo byagaragariraga no mumibereho yabo, mu bikorwa byabo bya buri munsi.

Mu gitabo cy'Intangiriro ndetse n'icy'Iyimukamisiri, mu mateka y'Abayisraheli, batwereka uburyo Imana yahoraga hamwe n'umuryango wayo *, " Dore ndi kumwe nawe ; nzakurinda aho uzajya hose , kandi nzakugarura muri iki gihugu. Sinzagutererana kugeza ubwo nzaba nujuje ibyo nakubwiye byose."* **(**Intg 28, 15**).** Kwirengagiza ibyanditwe bitagatifu ni ukwirengagiza Yezu Kristu**.** *(Mutagatifu Yeronimo)*

UMWANZURO

Nyuma yo kumenya ko Imana iriho, uburyo n'ahantu umuntu ashobora guhurira na Yo, ibyo byose bitwereka ko Imana ishakwashakwa kandi ikabonwa. Iyo muntu ateye intambwe imwe ayisanga, Yo itera intambwe mirongo icyenda n'icyenda imusanga kuko itifuza ko hari n'umwe mu bana yiremeye wazimira. Muntu ubwe n'ubwenge bwe hari amayobera adashobora gucengera kugira ngo amenye Imana byimazeyo, ariko tuyobowe na Roho Mutagatifu, iyo dusoma Ibyanditswe bitagatifu bitwereka ko Imana iriho kandi ko ariyo yaremye byose.

Uwamenye Imana, ntiyumva na rimwe ko ari wenyine, ahubwo mu mibereho ye yumva yifitemo izindi mbaraga zidasanzwe, zidacogora, zimufasha mu rugamba rw'ubuzima ndetse no mu ntege nke agira. Arangwa no kwicisha bugufi, akamenya kwihangana no kwihanganira abandi, akarangwa no kwiyumanganya mu bibazo n'ibigeragezo ahura nabyo; agahorana ikizere ko umunsi umwe byose bizashira agasigarana n'Imana yiringiye. Icyifuzo cye kiruta ibindi kikaba icy'uko yafata mugenzi we w'indakoreka, ukiri mu mwijima utaragerwaho n'urumuri rw'Ivanjili, akamwereka inzira nyakuri, inzira y'umukiro nk'uko umwe mubigishwa ba Yezu yayoboye inshuti ye kuri Yezu " *ngwino kandi urebe."*

Fratri Vincent MANIRAFASHA

Seminari Nkuru ya NYAKIBANDA

IBYO MWIFUZA KO ABANDI BABAGIRIRA NAMWE MUBIBAGIRIRE

Muntu ahora ashakisha icyamugirira akamaro kandi ahora yiyifuriza icyiza. Akenshi umuntu anyura hirya no hino akora uko ashoboye kose kugira ngo agere ku cyiza kimushimisha kandi kimunyura. Ibyo byose biterwa n'urukundo yikunda. Muntu arikunda kandi akifuza ko n'abandi bamukunda. Urukundo umuntu nyamuntu yikunda rumuha gukunda Imana yamuremye rukamuha no kubana neza n'abandi bantu ndetse n'ibindi biremwa. Urukundo dukunda Imana yaturemye ni indatana n'urukundo dukunda bagenzi bacu, bityo rero ntawavuga ko akunda Imana atabonesha amaso adakunda mugenzi we abona. Urukundo dukunda Imana rugaragarira mu rukundo dukunda mugenzi wacu. Urukundo rwa mugenzi wacu rugaragarira mu bikorwa byiza tumukorera cyangwa tumwifuriza.

Duhereye ku nyigigisho Yezu Kristu aduha, aradusaba

guharanira ko ibyiza byose twiyifuriza tubyifuriza na bagenzi bacu (Mt7,12). Abaseminari bo muri Diyosezi ya Nyundo twiga mu Nyakibanda, muri iki gihe tuzirikana imbuto za Sinodi yakozwe muri Diyosezi yacu ya Nyundo, twihaye uyu mugambi kugira ngo turusheho guharanira ko ubukristu butubyarira ubuvandimwe nyabwo.

Mugenzi wacu ni nde?

Mugenzi wacu ni nde? Icyo ni ikibazo abantu b'ibihe byose batahwemye kwibaza kugira ngo bamenye n'urukundo bakwiye kubakunda. Muri Bibiliya, abanditsi batagatifu ntibahwemye kwibaza icyo kibazo.

ISEZERANO RYA KERA

Duhereye ku nyigisho ya Bibiliya, Abayahudi ntabwo bafataga abantu kimwe ibyo bigatuma urukundo rwabo rugira umupaka. Ubuvandimwe bwabo bwibandaga ku isano y'amaraso. Ku muyahudi, umuvandimwe we yizirikaho ni umuyahudi nka we. Ubuvandimwe bwakomezwaga n'isezerano umuryango wa Israheli wagiranye n'Imana ndetse n'urukundo rwa kivandimwe rwarebaga mbere na mbere abo bahuje isano ya kiyahudi no kuba bafite inkomoko ku mukurambere umwe. Mu rwego rwa mbere umuvandimwe w'umuyahudi yari umuyahudi.

Mu rwego rwa kabiri umuvandimwe w'umuyahudi yari umusuhuke wari utuye rwagati mu bayahudi. Nyuma y'umuyahudi, abayahudi bafataga abasuhuke nk'abavandimwe babo ariko mu rwego ruri munsi y'urw'abayahudi nkabo. Abasuhuke ni abo mu rwego rwa kabiri(Abalevi19,33…,24,22). Ibyo byagaragazwaga n'ukuntu babakiraga iwabo (Izayi2,2-3 ;42,1.3…).

Mu rwego rwa gatatu, urukundo rwa kivandimwe rwageraga no ku bacakara ariko mu rwego rucirirtse cyane (Iyim 23,12).

Mu rwego ruri hasi cyane, urukundo rwa kivandimwe rwageraga no kubari abanzi b'abayahudi. Mu muco wa kiyahudi nta tegeko ryategekaga gukunda umwanzi wabo.

Duhereye ku myumvire y'abayahudi mu byerekeye ubuvandimwe, mu Isezerano rya Kera, turabona ko urukundo rwa mugenzi wabo rwari rufite aho rugarukira. Urugero rw'urukundo, muri icyo gihe, ni ugukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda (Lev19,18), ibyo bikabuza kugirira abandi nabi (Tobi4,15). Iyo myitwarire niyo twita urukundo rwa mugenzi wacu igaragazwa n'ibyo tubagirira (Ivug15,11). Icyasabwaga mu kugaragariza abandi urwo rukundo rwa kivandimwe ni inkunga igaragara duha abayikeneye (Ivug 15,11).

ISEZERANO RISHYA

Yezu yazanye imyumvire mishya ku myumvire ya mugenzi wanjye uwo ari we. Mu nyigisho atanga, Yezu arakuraho imipaka yose itandukanya abantu. Urukundo rwa bagenzi bacu rufite imizi mu rukundo Imana yakunze abantu bose muri Yezu Kristu. Buri mukirisitu agomba kurangwa n'urukundo rutagira umupaka (Mt5,43-48).

Urukundo rwa gikristu rugera kuri bose. Ku bakristu, mugenzi wacu tugomba kugaragariza urukundo, ntabwo ari uwo duhuje igihugu, ubwoko, idini cyangwa amaraso gusa nk'uko bigaragazwa n'Isezerano rya Kera, ahubwo ni uwo ari we wese. Urwo rukundo rugera kuri bose, nta mupaka . Twese dusabwa kwigana urugero rwa Yezu Kristu wemeye koza ibirenge by'intumwa ze, we watanze ubuzima bwe kubera umukiro wa bose (Mt5,44-48;Yoh13'12-16.34), we wadupfiriye turi abnyabyaha (Rom5,1-11).

Urukundo dukunda Imana na bagenzi bacu ni itegeko twazaniwe na Nyagasani Yezu (Mk12,28-31). Mugenzi wacu tugomba gukunda ni umuntu wese, nta mupaka. Yezu yaduhaye urugero igihe apfira ku musaraba kugira ngo twese dukire. Muri Yezu twese turi abavandimwe nta mupaka. Uwemera Kristu wese ahamagarirwa gukunda abantu bose mu rugero dusabwa n'Imana. Ahereye ku mugani w'umunyasamariya w'impuhwe Yezu agaragaza ko urukundo rwacu rukwiye kurenga imipaka (Lk10,30-37).

Abakristu bahamagarirwa, mu rugero rwa Yezu Kristu wapfiriye bose, gukunda bose. Yezu yakuyeho urukuta rwadutandukanyaga bityo

twese tugize umubiri umwe, nta mugereki nta muyahudi, nta muhutu, nta mututsi, nta mukene, nta mukire, ahubwo twese turi abavandimwe (Ef2,11-22).

Urugero rw'urukundo rwa mugenzi wacu mu Isezerano Rishya ni ugukunda nk'uko twikunda (Mk12,31). Yezu yaduhaye itegeko riruta ayandi yose ryo gukunda mu rugero rw'Imana yadukunze muri Yezu Kristu, ikaba igirira ubuntu n'impuhwe intungane n'abanyabyaha, igasakaza ineza yayo ku beza n'ababi. Urukundo dukunda bagenzi bacu rugomba kugaragazwa n'ibikorwa . Yezu aradusaba ko ibyiza twifuza ko abandi batugirira natwe tubibagirira (Mt7,12).

Urukundo nyarukundo ntirugira umupaka. Urukundo Yezu adusaba ni urukunda bose kugera no ku batwanga. Mu rugero rwiza rw'umunyasamariya w'impuhwe (Lk10,30-37), Yezu atwereka ko twese turi abavandimwe kandi ko urukundo rwacu rugomba kugera kuri bose. Yezu aradusaba kurenga imbibi z'ibidutandukanya byose ahubwo tukimika ubuvandimwe dukomora ku kuba twese turi abantu n'abavandimwe muri Yezu Kristu.

Itegeko ry'Urukundo twasigiwe na Kristu ryaje ryuzuza ibyo Isezerano rya kera ryigisha ku rukundo twahawe. Yezu aradusaba gukunda bamwe ku bandi mu rugero rwa Kristu we wadukunze by'agahebuzo (Yoh13,34). Yezu arashimangira itegeko rishya rikwiye abe, we witanze ku musaraba kubera twebwe twese. Urukundo rukomoka ku Mana kandi rwabuganijwe mu mitima yacu na Roho Mutagatifu (Rm5,5).

Urukundo rwa bagenzi bacu rugomba kurangwa no kugirirana impuhwe, kubabarirana no guterana inkunga muri byose kandi tukabikora nta gihembo dushaka cyangwa dutegereje.

Isezerano rishya riduha imyumvire mishya kubirebana n'Urukundo tugomba gukunda bagenzi bacu. Yezu asaba abe kurenga imbibi zose no gukunda bose nta mupaka. Inyigisho nshya zitwereka ko mugenzi wacu ari umuntu wese. Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika itwigisha ko mugenzi wanjye atari mwene data gusa ahubwo ko ari umuntu wese cyane cyane unkeneye kandi nshobora kugirira neza. Twese turi abavandimwe, tugize umubiri umwe. Yezu Kristu ni umutwe tukaba ingingo z'umubiri we ari wo Kiliziya. Urukundo dukunda bose ndetse n'abatwanga bose ni itegeko duhabwa na Yezu (Mt5,43-44). Tugomba kubaha no gukunda abantu bose ndetse n'abatwanga.

MURI IKI GIHE

Mu gushaka kumenya mugenzi wacu uwo ari we niho turushaho kumenya urukundo rwacu. Abavandimwe si abahuje ababyeyi b'umubiri cyangwa abasangiye inkomoko gusa ahubwo ubuvandimwe tubukomora mbere na mbere mu kuba twese turi bene Muntu, bene Adamu tukaba twararemwe mu ishusho y'Imana ariko cyane cyane tubukomora kuri Yezu Kristu we wemeye kumena amaraso ye ku musaraba kugira ngo abe inshungu ya benshi. Batisimu itugira abana b'umubyeyi umwe bityo tukaba abavandimwe ba Kristu n'abagenerwamurage b'ibyiza by'Imana Data.

Imana yaturemye idukunda cyane. Muri Yezu Kristu, twahawe isano isumba iy'andi masano yose. Yezu Kristu Umwana w'Imana wigize umuntu atwereka uburyo Imana idukunda kuko Imana ari Urukundo. Imana yaradukunze cyane kugeza ubwo itanze umwana wayo w'ikinege wigize umuntu, wababaye kugeza n'ubwo apfira ku musaraba kugira ngo twese dukire. Imana ni yo yadukunze mbere, kuyikunda ni ukwihatira gusa na yo no gusubiza urwo rukundo rutureshya.

Yezu mu rukundo rwe ruhebuje yemeye kubabazwa, yemeye urupfu rwo ku musaraba kugira ngo dukire. Yezu ntiyaheranywe n'urupfu kuko ku munsi wa gatatu yarazutse. Ni mu rupfu n'izuka bya Yezu umwana w'Imana turonka kwitwa abana b'Imana (Yoh 1,12).

Abakristu bafitanye ubuvandimwe bukomeye cyane, bafitanye isano isumba iy'andi masano yose. Muri iki gihe dusabwa gutera ikirenge mu cya Yezu Kristu umuvandimwe wacu twitangira abavandimwe bacu nk'uko na we yatwitangiye.

IMYUMVIRE Y'UBUVANDIMWE MU BAFARATIRI

Nkuko tubizi, izina ryerekana nyiraryo. Iyo bavuze umufaratiri twumva umuseminari wiga mu iseminari nkuru. Iryo jambo riva ku ijambo ry'ikiratini « frater, fratris » bivuga umuvandimwe. "Fratres" risobanura abavandimwe. Iri jambo ryabaye izina riranga abaseminari bakuru, muri Kiliziya yacu Gatolika, bitegura kuba abasaserdoti. Abaseminari bihatira kubaho mu buvandimwe. Umugambi wacu twese, nk'abandi bakristu ni Ugukundana nk'uko Yezu yadukunze.

Mu kurushaho kunoza ubuvandimwe twigana Yezu Kristu, abafaratiri twihatira kurangwa n'urukundo rutavangura, rudaheza, urukundo rutagira umupaka bityo ibyiza twifuza ko abandi batugirira natwe tukihatira kubibagirira.

Ipfundo ry'inyigisho ya Padri ni Urukundo. Uwitegura kuba we yihatira kwitoza gukunda bose no kubona mu bantu bose abavandimwe be.

Kwifuriza no gukorera abandi icyo twifuza ko batugirira ni umugambi abafaratiri 27 ba Diyosezi ya Nyundo turi mu Iseminari nkuru ya Nyakibanda twihaye muri uyu mwaka w'amashuri 2010/2011. Twizeye ko uzadufasha kurushaho kunoza ubuvandimwe hagati yacu bityo tukabera abandi umusemburo w'ubuvandimwe .

Uyu mugambi uzadufasha kuzirikana cyane kuri imwe mu myanzuro ya sinodi yakozwe muri Diyosezi yacu mu gihe twiyemeje ko ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo. Muri uyu mwaka wose tuzirikana ku mbuto za sinodi, imwe mu mbuto zayo ni uguharanira ubukristu bushingiye ku isano ihebuje turonkera muri Batisimu twahawe.

Kuba umukristu bidusaba kwisanisha na Kristu udusaba gukunda bose ndetse n'abatwanga. Ishusho y'Imana twaremwemo yatugize abavandimwe. Ni yo mpamvu twese tugomba gukundana, tugakunda abandi nk'uko twikunda, ndetse tukabagirira ibyo twifuza ko batugirira. Kuba Imana yaraducunguje Urupfu n'Izuka by'umwana wayo biduha isano y'agahebuzo itugira abana bayo ikanaduha kwitangira abantu bose, bo bavandimwe bacu mu rugero rw'Urukundo rwa Kristu ruhebuje rw'uhara amagara ye kubera inshuti ze.

Imyaka 10 irashize dushoje Sinodi Nkiristu. Sinodi yatubereye uburyo bwo kurushaho kuzirikana isano dufitanye n'Imana twahishuriwe muri Yezu Kristu. Isano ni gihango dukomora kuri Kristu. Ni byo dukwiye guha agaciro karuta andi masano yose. Kuba twemera Imana imwe, twarahawe Batisimu imwe tugasangira ku meza amwe matagatifu bitugira abana b'umubyeyi umwe ; turi abavandimwe. Abavandimwe barangwa no gushyira hamwe, kwirinda amacakubiri no gusuzugurana kuko bagize umuryango umwe.

Mu kwitegura kuba abagabuzi b'Urukundo n'Amabanga by'Imana twihatira kwigana Urukundo rwa Kristu. Ibi biradutegurira kuzafasha abo tuzatumwaho (abakristu muri paruwasi) kubaho mu rukundo nk'urwo Kristu yakunze abe. Kwihatira kwifuriza no gukorera abandi ibyo twifuza ko abandi batugirira bidufasha kwiyumvisha neza abo turi bo n'icyo duhamagarirwa. Tugomba kubera abo dutumweho itara mu mwijima tubafasha guca ingoyi zose zibangamira ubuvandimwe ahubwo bakimakaza ubwihanganirane, kugirirana imbabazi, kubana no gufashanya.

Yezu Kristu aradusaba kwigana urugero rw'umunyasamariya w'impuhwe rwo kubona muri buri wese umuvandimwe wacu, gukunda bose ntavangura. Twese duhabwa agaciro n'uko turi ab'umubyeyi umwe. Batisimu twahawe iduha kugirana isano isumba iy'amaraso. Yezu ati ndi umuzabibu mukaba amashami (Yoh15,5), Pawulo na we ati Kristu ni umutwe tukaba ingingo z'umubiri we, nta mucakara habe n'umunyamahanga (1Kor12,12-27). Ubwo muri Kristu turi abavandimwe, tugize umubiri umwe niduharanire icyagirira abandi akamaro bityo ibyiza byose twiyifuriza tubyifurize n'abandi.

Fratri
Emmanuel
HAKIZAYEZU

DIYOSEZI YA NYUNDO YIBUTSE ABAPADIRI N'ABIYEGURIYIMANA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI.

Ku itariki ya 9 Mata 2011, mu gitambo cy'Ukaristiya cyayobowe n'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, hibutswe Abapadiri n'abandi Biyeguriyimana bari aba Diyosezi ya Nyundo muri 1994 bazize jenoside.

Abo twashoboye kumenyera amazina ni 93. Bamwe twamenye aho biciwe, n'italiki y'urupfu rwabo. Abandi bagiye bicirwa hirya no hino, nta n'uwabo warokotse wakubwira uko byagenze. Bose bibukiwe hamwe muri iyo misa.

Hibutswe kandi n'abiciwe bose ku Nyundo, mu i Seminari no muri Katedrali.

Mu ntangiriro y'iyo Misa, Umushumba wa Diyosezi yahaye ijambo Padiri Fabiyani RWAKAREKE kugira ngo abwire abari aho impamvu yabahuje. Abivuga muri aya magambo akurikira :

Nyiricyubahiro Musenyeri, Basaserdoti bavandimwe, Biyeguriyimana, bavandimwe mwese muri hano, cyane abarokokeye aha ku Nyundo n'abo mu miryango y'abahiciwe, Kristu twese nadukomeze, aduhe urumuri n'amahoro amuturukaho, kugira ngo iki gitambo cy'Ukaristiya duhuriyemo kitugirire akamaro.

Twahisemo kwibuka abacu bazize jenoside mu gitambo cy'Ukaristiya. Misa ni urwibutso rw'urupfu n'izuka rya Nyagasani. Mu rupfu n'izuka rye Yezu yatsinze inzigo y'icyaha yimika urukundo n'ubuvandimwe.

Kwibuka ni ngombwa kugira ngo ukuri kujye ahagaragara, ikibi kigawe maze abantu bahuzwe no guharanira ibibereye Imana n'abantu.

Ku munsi wa Pentekosti, intumwa zimaze guhabwa Roho Mutagatifu Petero ntiyatinye kubwira imbaga y'abantu bari bakoraniye aho ati : "Yemwe Bayisraheli nimutege amatwi amagambo yanjye: "Yezu w'i Nazareti… mwaramwishe mumubambisha ku musaraba amaboko y'abagome. Ariko Imana yaramuzuye, imubohora ku ngoyi y'urupfu kuko bitashobokaga ko rumuherana"(Int2,22-24). "Nuko rero, inzu yose ya Israheli nimenye idashidikanya ko uwo Yezu mwabambye, Imana yamugize Umutegetsi n'Umukiza. Ngo bumve ayo magambo barakangarana, babaza Petero n'izindi ntumwa bati "Bavandimwe, dukore iki ?"(Int2,36-37).

Natwe bavandimwe, turibuka kugira ngo twibaze, tuvuge tuti: "Ibi byabaye biradusaba ngo dukore iki "? Diyosezi yacu iri mu mwaka wa cumi nyuma y'uko dushoje Sinodi, yaharaniye kutwumvisha ISANO dufitanye. ISANO n'Imana imwe mu Butatu Butagatifu, n'ubuvandimwe tuyikomoraho. Muri iyo Sinodi twahakuye intego ko : "Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo, twarabyiyemeje".Turibuka ko mu gihe cya jenoside iyo sano yirengagijwe hagashyirwa imbere ibitanya abavandimwe. Tubyibuke, tubigaye, twemeze ko ibintu nka biriya bidakwiye kuzongera kubaho.

Icyaha cya jenoside ni kibi cyane ni uguhakana ibyo Imana yigiriye. Nta muntu n'umwe wihitiramo umuryango azavukiramo. Kuba kandi hari imiryango n'amoko anyuranye ni umutako w'ibiremwa by'Imana. Ntawe ufite uburenganzira bwo gushaka guhanagura ku isi abantu b'umuryango uyu n'uyu. Amasezerano mpuzamahanga avuga ko : "jenoside ari icyaha cyo gushaka gutsemba burundu agace k'abantu bakomoka mu gihugu iki n'iki , cyangwa se basangiye ubwoko, isano muzi cyangwa idini".

Muri jenoside yakorewe abatutsi, hateguwe kandi hashyirwa mu bikorwa umugambi wo gutsemba abatutsi. Si ibyagwiririye abantu. Byari biteguye. Tuzi twese uko interahamwe ziteguye. Aha ku Nyundo twagiye tubona abari abajura ruharwa, bashakishwaga n'ubutegetsi bahindutse abatware b'udutsiko tw'insoresore. Twiyumviye aba CDR bahita mu mihanda baririmba ngo tuzabatsembatsemba.

Ikindi kibi, mu myiteguro y'amahano nk'ariya, nuko bikorwa n'abayobozi, bakamenya gushyushya imitwe y'abantu no kubereka ko ibitegurwa babifitemo inyungu; nuko izo

nyigisho zica mu mitima ya benshi ukuri, zigatuma bibwira ko ibyo bakora atari bibi, ko ari ngombwa. Niyo mpamvu benshi babyita intambara. Jenoside si intambara. Ni ubwicanyi bugambiriwe, buyobowe n'abategetsi. Hari intambara yo kurwanya impinja, abana, abagore n'abakambwe n'abandi batagira intwaro? Ibyo nibyo byatumye abantu bahaguruka bakica abapadiri babahuzaga n'Imana, abiyeguriyimana n'imbaga y'abantu tuzirikana uyu munsi.
Abo twibuka nibo aba : ni abiyeguriyimana 93, n'imbaga y'abiciwe aha ku Nyundo barenga 500.
Abapadiri bazize jenoside muri mata 1994

Amazina	**Umunsi biciweho**	**Aho biciwe**
1. Spiridion KAGEYO :	Taliki ya 7.4.1994	Rambura
2. Antoine NIYITEGEKA:	Taliki ya 7.4.1994	Rambura
3.Antoine HABIYAMBERE :	Taliki ya 7.4.1994	Rambura
4.Augustin NKEZABERA :	Taliki ya 7.4.1994	Muramba
5.Adrien NZANANA :	Taliki ya 7.4.1994	Nyundo-P.S
6.Déogratias TWAGIRAYEZU :	Taliki ya 7.4.1994	Nyundo-P.S
7.Augustin NTAGARA :	Taliki ya 8.4.1994	Gisenyi
8.Sylvère MUTIGANDA :	Taliki ya 8.4.1994	Murunda
9.Herman MWAMBARI :	Taliki ya 9.4.1994	Nyundo
10.Robert MATAJYABO:	Taliki ya 9.4.1994	Nyundo
11.Ferdinand KAREKEZI :	Taliki ya 9.4.1994	Nyundo
12.Clément KANYABUSOZO :	Taliki ya 9.4.1994	Nyundo
13.Edouard GAKWANDI :	Taliki ya 9.4.1994	Nyundo
14.Callixte KALISA :	Taliki ya 9.4.1994	Nyundo
15.Aloys NZARAMBA:	Taliki ya 9.4.1994	Nyundo
16.Albert GASHEMA :	Taliki ya 9.4.1994	Nyundo-Gishwati
17.Silas GASAKE :	Taliki ya 9.4.1994	Nyundo
18.Déogratias RWIVANGA :	Taliki ya 9.4.1994	Nyundo-Gishwati
19.Venuste NSENGIYUMVA :	Taliki ya 13.4.1994	Kivumu
20.Thaddée GATORE :	Taliki ya 13.4.1994	Kivumu
21.Joseph SEKABARAGA:	Taliki ya 13.4.1994	Biruyi
22.Mgr.Louis GASORE :	Taliki ya 14.4.1994	Muhororo
23.François Xavier RWIGENZA :	Taliki ya 14.4.1994	Muhororo
24.Théophile RUTAGENGWA :	Taliki ya 15.4.1994	Kibuye
25.Mathias GAHINDA :	Taliki ya 15.4.1994	Kibuye
26.Boniface SENYENZI :	Taliki ya 17.4.1994	Kibuye
27.Innocent RUBERIZESA :	Taliki ya 26.4.1994	Birambo
28.Narcisse SEBASARE :	Taliki ya 26.4.1994	Birambo
29.Vedaste NYIRIBAKWE:	Taliki ya 24.5.1994	Kabgayi
30.Alfred NIYITEGEKA :	?	Rutongo

Abafratri bazize jenoside muri Mata 1994	**Biciwe iwabo, kuko hari mu biruhuko bya Pasika**
1. J. Baptiste MUDACYAHWA w'i KIBINGO :	2ème Théologie
2. Callixte NDUTIYE w'i RAMBURA:	2ème Théologie
3.François MUHORAKEYE wo ku MUBUGA :	2ème Philosophie
4.Cyriaque MUCYOWINTORE w'i KIBINGO :	2ème Philosophie
5.Déogratias MUHIGANA w'i KINUNU :	2ème Philosophie
6. Yves Delphin MUVUNYI w'i KINUNU :	2ème Philosophie
7. Edouard NKUNDIMANA wo mu BIRAMBO :	2ème Philosophie
8.Philbert KARANGWA wo ku MUBUGA :	1ère Philosophie
9.Donat MWUMVANEZA wo mu BIRAMBO :	1ère Philosophie

10.Etienne NKIKABAHIZI wo ku MUBUGA : 2ème Philosophie
11.Déogratias KAYIHURA wo ku MUBUGA : Philosophie
12.Emmanuel BATSINDUKA w'i NYANGE : Propédeutique
13.J.Pierre NYIRINKINDI wo ku MUBUGA : Propédeutique
14.Albert RUBAYITA wo ku MUBUGA : Propédeutique

Abiyeguriyimana bazize jenoside muri Mata 1994

Abenebikira	**Aho biciwe**
1. Sr. Giovanie, 2. Sr. Julienne :	Nyundo
3.Sr.Laetitia, 4.Sr.Candida :	Nyundo
5.Sr.François-Xavier, 6. Sr.Alphonse :	Muhororo
7.Sr.Gerarda Maria, 8. Sr. Regis :	Muhororo

Abizeramariya	**Aho biciwe**
1. Sr.Candida MUKABAZIGA	Gisenyi
2.Sr.Maria MUKAMUSANA	Gisenyi
3.Sr.Salome NYIRAKANANI	Gisenyi
4.Sr.Vianney	Nyundo

Ababikira b'Abassomption	**Aho biciwe**
1. Sr.M.Gratia MUKANGOFERO	Birambo
2.Sr.Boniface Eugenie MUKABERA	Birambo
3.Sr.Hilda Marie MUKANDIRIMA	Birambo
4.Sr.Anne-Marie MUKASHEMA	Birambo
5.Sr.Alphonse NYIRANGIRIMANA	Birambo

Abafurere b'Abayozefiti

1. Frère Frédéric NYAKAYIRO
2. Frère Aimable MAZIMPAKA
3.Frère Jonathan MWITIREHE

Abafasha b'Ubutumwa

1. Agnès MUKAGATARE	2. Agnès MURARANEZA
3.Bernadette MUSANABAGANWA	4. Bernadette MUKEBYANKANDA
5.Bernadette KAYITESI	6. Domitilla MUKARUTABANA
7.Adria MUKANDE	8. Francisca AYINKAMIYE
9.Marie Thérèse NYIRANGARE	10. Karolina MUMUSABIRE
11.Anastasie MUKABANDORA	12.M.Goretti MUKAMUTARA
13.Joséphine MUKAMURENZI	14.Domitilla MUKARUTABANA
15.Donatilla	16.Julienne
17.Félicitas NIYITEGEKA	

Abahire ba Nyina wa Jambo

1. Marthe MUKABERA	2.Odette KAYITESI
3.Appolinarie MUKAGATERA	4.Xavera MUKANTAMATI
5.Consolata MUKASHEMA	6.Alice NYIRANKUSI

7.Athanasie KAYITEGERE 8.Immaculée NYIRANSABIMANA
9.Dativa MUKAKARANGWA 10.Spéciose MUKANDORI
11.Théresie MUKANDAMIRA 12.M.Jeanne MUKAMANA

Turibuka kandi abandi bantu biciwe aha ku Nyundo barimo imiryango yari ihamaze hafi umwaka, yaraje ihunga muri Gashyantare 1993, bamaze kwica bamwe mu babo mbere y'uko bahungira ku Nyundo. Abari barahungiye ku Nyundo bari 442. Ariko hari hiyongereyeho abandi baje bahahungira, jenoside itangiye. Bamwe biciwe mu i Seminari ku mugoroba w'itariki ya karindwi: abenshi bari abagore n'abana bicanwe na Padiri Déogratias TWAGIRAYEZU wari umaze kubavugira misa, na Padiri Adrien NZANANA. Ku itariki ya 9 nka none ku gicamunsi, inyuma aha mu gikari hishwe abarenga ijana barimo abapadiri 8.
Ku iyo tariki abandi bapadiri 2 biciwe muri za Nyabirasi bibwira ngo barahungira muri Kibuye ngo ahari ho hari amahoro. Abasigaye bose biciwe aha muri katedrali ku itariki ya 1 Gicurasi ; barabanje kubabara cyane, bari mu gihirahiro, bicwa n'inzara.

Benshi mwiboneye iyi Kiliziya batarayisana, hariya inyuma ya tabernaculo, ruriya rukuta rwose rwari rwaratobaguwe n'amasasu. Bigaragaza ko abantu bihindiye kuri Altari no munsi y'umusalaba bagira ngo barabyubaha, ariko bose barabatsemba.
Sinshidikanya ko Yezu watereranwe ku musaraba bisunze yabakiriye.

Bana muri aha mwavukijwe ababyeyi n'abavandimwe nimukomere. Mushimire Imana yabarokoye, mushimire kandi abo yifashishije kugira ngo murokoke. Aha sinabura kuvuga umuyobozi w'ikigo cy'imfubyi cyacu, Athanaziya NYIRABAGESERA wakoresheje uburyo bwinshi yahawe n'Imana bwo kumenya kubana no kuvuganira abababaye, mugashobora kurokoka. Ndanamushimira mu izina rya twese ko yabareze none mukaba mumaze kugimbuka. Na none ntitwakwibagirwa no gushimira Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, uyobora inshuti nyinshi ziza zimugana kuri Orphelinat ngo zijye zigoboka abaharererwa.
Bana rero nimukomere, ntimukigwa mu ziko, muri bakuru. Mukundane , mwunge ubumwe, mugire muti ahasigaye natwe tuzitunga twereke abatureze ko bataruhiye ubusa, kandi cyane cyane muzaheshe abanyu batakiriho icyubahiro. Izina ryabo nimwe mwarisigaranye, muzabe intwari ritazazimangana cyangwa se rigasuzugurika. Mwarezwe na Kiliziya ntimuzayihemukire, cyangwa ngo imyitwarire yanyu iyikoze isoni. Mujye mworoherana mukosorane, nta n'umwe wigize ikinani kitabwirwa. Nimukomere .

Mucyo rero, duture iki gitambo cya Yezu watereranwe akabambwa ku musaraba, akawupfiraho bamugize urwamenyo, ariko amaze guhambwa ku munsi wa gatatu akazuka. Yezu ni muzima. Natwe tumwizere, tumukunde, tumukomereho aduhe kuba bazima, nta mutima mubi, tubabarira, dukwiza ineza n'urukundo mu bantu.
Nyagasani Yezu nasingizwe kandi aganze muri twese.
Mu nyigisho, Musenyeri Alexis yibukije intego ya Diyosezi ya Nyundo ivuga ko : « Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo », yerekana ukuntu muri Jenoside bakoze ibinyuranye n'iyo ntego. Yibutsa nyine ko iyo ntego yafashwe igihe cya Sinodi kugira ngo habe icyerekezo gishya kizira amacakubiri yose. Ashimira abaje ngo dufatanye kwibuka abapadiri n'abiyeguriyimana bazize jenoside kandi tutibagiwe n'imbaga y'abalayiki bose, dusaba Imana ngo amahano nk'ariya ntazongere kubaho. Yibukije amagambo yanditse mu ruhanga rwa Katedrali ya Nyundo, atangizwa n'aya magambo : IBUKA, UGAYE, USABE, buri jambo ritangiye amagambo yihariye igice cy'urukuta :
IBUKA
Muntu wese winjiye muri iyi ngoro ujye wibuka amahano yahabereye
09.04.1994 – 01-05-1994. Abantu barenga magana atanu bahiciwe urw'agashinyaguro.
UGAYE
Ubwo bugome n'icyabuteye. Inzu ishobora gusanwa, amatafari n'amabuye bigasimburwa, amaraso yamenetse ntayorwa.
USABE
Imana ntibizongere kubaho, uhore wiyibutsa ko binyuranye n'umuco ukwiye abantu.

Amagambo atatu atangira interuro zanditse mu ruhanga rwa Kiliziya mu bipande bitatu bitandukanye akwiye kuzirikanwa :
IBUKA : kwibuka ni ngombwa cyane.
UGAYE : utagaye ibyabaye muri jenoside ntiyaba ari umukristu, nta mutima yaba afite.
USABE : koko birakwiye guhora dusaba Imana kugira ngo ubucakura bwa Sekibi n'abambari be butazongera kwigabiza abantu bakoreka imbaga.
Musenyeri yasabye ko twese twajya tuzirikana ayo magambo, kandi tukiyemeza kuba intumwa z'urukundo rwa Kristu ruzadutsindira ububi bwose bw'umutima.

Misa ihumuje abantu bose bakomereje ku rwibutso ruri hafi ya Seminari nto yo ku Nyundo ahashyinguwe abantu barenga igihumbi, barimo abapadiri 10 n'abiyeguriyimana 15. Hatangiwe ubuhamya bw'uwari umwana muto warokokeye ku Nyundo, n'ubw'umuntu mukuru nawe waharokokeye.

Byose bisozwa no guha icyubahiro abahashyinguye dushyira indabo ku mva.

Ubwanditsi.

DIYOSEZI YA NYUNDO NA PASTORALE Y'URUBYIRUKO

Buri mwaka urubyiruko rwa Diyosezi ya Nyundo rukorera Urugendo Rutagatifu ku Murwa wa Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene i Crête Congo-Nil ; Umushumba wabo udahuga ntanahumbye na rimwe kubera imibereho yarwo, araruzirikana kandi akarusabira ; ntarutererana nawe aba ahari, akarusangiza Kristu Muzima, akaruhanura kandi akaruha ubutumwa ; ni ku cyumweru cy'Ubutatu Butagatifu bahisemo ; maze n'Umuyobozi wa « Lycée Notre Dame d'Afrique yo ku Nyundo », yohereza abana be yirereye. Umuyobozi wa Seminari Ntoya yo ku Nyundo, nawe agaragaza ko hari abazatera ikirenge mu cyabo. Abo bayobozi nabo turabashima kuko bita kuri roho no ku mubiri. Hari urubyiruko rusaga ibihumbi bitanu(5000) utabariyemo ababyeyi n'abavandimwe babakiriye.

INYIGISHO Y'UWO MUNSI YIBUKIJE URUKUNDO RWAZIMIYE MURI 1994.

Abanyarwanda babuze ubuvandimwe, urukundo narwo rusa nk'urwahunze, maze abantu bica ababyeyi, bica abana, bica abavandimwe, bica abagabo, bica abagore, bica n'inshuti. Hapfuye abaziranenge ; Sekibi acinya akadiho.

Nyamara abenshi mu bahemutse barabatijwe, muri Kiliziya Gatolika cyangwa ahandi, ariko umutimamuntu warabatorotse, uw'ubunyamaswa urabakoresha. Nyuma y'amahano yahekuye Igihugu cyacu, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, abwirijwe n'uwamutoye kandi amurikiwe na Roho Mutagatifu Umuhoza ; yahisemo inzira iboneye ayoboramo intama ashinzwe « Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo ». Nuko Umushumba afata inshyimbo ye agana urwuri, akubita ikivugirizo ubushyo burumva bumwoma inyuma ; aratera ati : Bakristu ngiyo intego dufatane urunana, ubwo bushyo burikiriza ; 2000 yose irangira ari yo ntero ; 2001 irarimbanya, ku wa 17/11/2001, ati : dukomeje imihigo ; kuko turi abavandimwe,kubica hirya ni ugutana. Hashize imyaka icumi hasojwe Sinodi ya Diyosezi ya Nyundo ; imbuto zayo ziragaragara. Ibi tuzongera tubivugeho, kuko hari raporo ndende izabageraho.

URUBYIRUKO INGINGO ZA KILIZIYA YA NYAGASANI

Mu nyigisho ye imbere y'iyo mbaga itabarika ; uwo Mwungeri yasabye intama ze kwisubiraho, guhinduka no gusenga bakiyegurira Imana, kandi bazirikana ko yabashyize imbere ubuzima n'urupfu, ikabaha ubwenge bwo guhitamo kimwe muri byo. Yibukije abari aho intego ya Sinodi ; yibutsa isano isumba iy'amaraso abanyarwanda bahuriyeho ; kandi ko nk'abakristu Data ari umwe, ari nawe uduhuza twese. Yibukije ko abiruka ku by'isi bazabisiga, dore ko ari byo bigaragaza imbuto Sekibi abiba mu bantu ; bityo iherezo ryabo ni urupfu. Twumve no mu Migani icyo batubwira : Ntuzirushye ngo urashaka ubukire, uzirinde ndetse no kubutekereza ; umara kubura amaso uburebа, ugasanga bwayoyotse, kuko wagira ngo bumera amababa, maze bukaboneza iy'ikirere nka kagoma (Imigani 23,4-5). Nyamara abiruka ku Mana, Umwana we ababa hafi, Roho akabamurikira, bakazagira ubuzima buzima, kandi bakazibera i Jabiro hamwe n'Ubutatu Butagatifu.

Yasabye urubyiruko kugira intego ijambo Yezu yavuze : « Ahubwo mbere na mbere nimuharanire ingoma y'Imana n'ubutungane bwayo, naho ibindi byose muzabigerekerwaho »(Mt.6,33). None se wowe, ari ubuzima n'urupfu ntiwahitamo ?

Yigishije urubyiruko rurumva, ruranyurwa kandi rurishima. Arusaba guhuza ubukristu n'ubuzima bwabo, arusaba guhuza ukwemera n'ubuzima ; arusaba kudasamara, arusaba kutanywa ibiyobyabwenge ; arusaba kutayoborwa n'irari ry'imibiri kubera amaraso ashyushye ; arusaba kurangwa n'ubumwe, urukundo n'impuhwe ; arusaba kubahiriza amategeko y'Imana kuko ruyazi ; arusaba kugira ubutwari kandi rukarangwa n'ukuri aho ruri hose ; arusaba kuba inkingi za Kiliziya ya Nyagasani ; arusaba kutonona ubuzima Imana

yaruhaye ; arusaba kuzaba abagabo n'abagore u Rwanda rukeneye ; bityo rukazubaka ingo nzima Kiliziya yifuza ; arusaba kujya mu mashuri rukiga rukaminuza ; arusaba kuba igisubizo aho kuba ikibazo ; arwibutsa intambara ikomeye rurwana muri iki gihe ; arusaba kwitwaza intwaro ikomeye ari yo Bibiliya no kuba umusirikare wa Kristu , bakaba intangarugero aho bari hose.

Yasabye Imana ngo irumurikire, kandi Umubyeyi Bikira Mariya ngo arutakambire buri munsi. Urubyiruko narwo rwarishimye rurabyina ; rufata umugambi wo guhitamo ubuzima bwo pfundo ry'Ubutatu Butagatifu. Rwemeye kumvira nka Aburahamu ; bituma rusubira mu masezerano rwasezeranye igihe rubatizwa ; Nyiricyubahiro arutera n'icyuhagiro.

Wari n'umunsi kandi w'Ubutatu Butagatifu ; abakristu babukereye basangira ibyishimo ; basaba Imana kubemerera kuyikurikira kandi ikabaha imbaraga ; bongera no kuzirikana ku buzima bafite ; basanga impuhwe zayo zidashira, kuko yagaragarije urukundo rwayo muri Ntama wayo, n'ubusabane bukigaragariza muri Roho Mutagatifu. Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yibukije urukundo rw'Umubyeyi Bikira Mariya ; uduhora hafi, kandi avuga ko abakorera urugendo rutagatifu i Crête Congo-Nil bafite ibanga. Yasabye buri wese kumukomeraho no kwemera kumubera umwana nk'uwaducunguye ku Musaraba. Ati : tuzongera dutaramane kuri « Assomption ». Padiri Gilbert NTIRANDEKURA, Intore ishengerera uwayitumye igihe cyose, kandi ikunda Umubyeyi Bikira Mariya nka Shebuja wo ku Nyundo ; yashimiye umushyitsi mukuru kuko akunda paruwasi ye kurusha izindi ; erega binaterwa n'Umubyeyi yiyambaza akamwumva, akanabigaragaza mu mpeshyi. Gilbert uwo nawe afite umushinga wo kubaka urugo yashinzwe ; cyane cyane kuvugurura Ingoro y'Umubyeyi Bikira Mariya bose baza bagana. Uwawumufasha rero yaba agiriye Uwamutumye.

« Mayor » w'Akarere ka Rutsiro, Gaspard Byukusenge w'umukristu, ikimushimisha kuruta byose ni uburyo Leta ifatanya na Kiliziya mu iterambere ry'Igihugu ; ashimishwa kandi n'Umunsi Mukuru w'itariki ya 15 ; arisabira Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, Umushumba wa

Diyosezi ya Nyundo, paruwasi ya karindwi mu Karere ayobora, nyuma ya Murunda, Mushubati, Congo-Nil, Biruyi, Kivumu na Kinunu, inshyashya ikaba yakwitwa Gakeri, kandi ikubakwa mu Murenge avukamo wa Rusebeya.

Rubyiruko niba mutarumvise !!! nyamara mwarabwiwe !!! mwaraburiwe biratinda !!! kandi mwabaye n'intumwa nka za zindi Yezu atuma aho ashaka. Hamwe n'abandi ndabararitse umwaka utaha.

Jacques NTARUVUGIRO

KU NSHURO YA MBERE ABAHIRE BANYINA WA JAMBO BASEZERANYE BURUNDU

Kuwa gatanu tariki ya 11/2/2011, muri Cathédrale yo ku Nyundo, abasore 7 n'abakobwa 32 basezeranye burundu mu muryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo. Ni ubwa mbere uwo muryango wakira amasezerano ya burundu. Ayo masezerano abaye nyuma y'imyaka 23 abakobwa 7 ari nabo umuryango w'Abahire ukomokaho batangiye communauté ya mbere.

Igitambo cya Misa cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo. Misa yabanjirijwe n'umutambagiro w'Abahire bari busezerane baherekejwe n'abasaserdoti benshi.

Mu ntangiriro y'igitambo cya Misa, Padiri Fabiyani Rwakareke, intumwa yihariye y'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo mu muryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo yagejeje ku bari mu Misa iby'urugendo rurerure Abahire bakoze kugira ngo bagere kuri uwo munsi.Yatangiye avuga ko umuryango w'abahire wushije ikivi, ukaba utangiye ikindi kivi kidateganyijwe kurangira ahubwo kizabaho ubuziraherezo. Yavuze ko abagiye gusezerana baje basanga abandi barindwi bari baratangiriye ku Mubuga mu 1987 bitabye Imana mu 1994.

Inkomoko y'abahire ba Nyina wa Jambo

Nk'uko twabivuze haruguru, abakobwa barindwi bakoraga mu ishyirahamwe Abadacogora ryo ku Mubuga, buri wese ku giti cye yagize igitekerezo cyo kwiyegurira Imana ariko bose bakazitirwa n'uko batari barize amashuri kandi muri icyo gihe imiryango y'Abiyeguriye Imana yaremereraga gusa abafite amashuri yisumbuye.

Abo bakobwa bagishaga Musenyeri Gasore Ludoviko inama ku buryo bakwiyegurira Imana, nawe akabona bitoroshye kubera bo batari barize amashuri. Mu mwaka wa 1982 abo bakobwa bari abaririmbyi bakaba no mu ikoraniro ry'Abakarisimaki, baje kujya i Kibeho maze bumva icyifuzo cya Bikira Mariya ko ashaka ko urubyiruko rumubera indabo nziza. Abo bakobwa bahise bumva ko nabo baba muri izo ndabo, nuko bagarutse bashyikiriza icyifuzo cyabo Musenyeri Gasore Ludoviko wari Padiri mukuru wa Paruwasi yabo. Musenyeri Gasore Ludoviko yakomeje gusengera icyo cyifuzo, akajya agisha inama kenshi n'abandi bantu b'inararibonye mu byo kwiyegurira Imana. Uko iminsi yahitaga niko abo bakobwa barushagaho kugira inyota yo kwiyegurira Imana, ibyo bigatera Musenyeri Gasore kurushaho kwibaza icyo yabakorera.

Roho w'Imana yaje kumumurikira, asanga amashuri atakomeza kuba imbogamizi yo kwiyegurira Imana, ahubwo asanga nibiba koko iby'Imana bizakomeza. Ibyo byatumye mu kwezi kwa 3/87 yemera ko abo bakobwa batangiza urugo rwabo rwa mbere, ku Mubuga, mu isoko ryo mu Ryaruhanga.

Byari ikintu gishya kubona abantu bashaka kwiyegurira Imana biyemeza gutura mu isoko rwagati. Hagati aho bakomeje gukorana na Musenyeri Gasore, nawe ariko yibaza amaherezo y'abo bantu, ari nako abandi bamuca intege bashaka ko abasezerera bagasubira iwabo.

Mu bushishozi bwe, Musenyeri Gasore yashatse kumenya uko abo bakobwa (bari batarabona izina ry'Abahire) batekereza imibereho yabo, nuko umunsi umwe, abaza buri wese ku giti cye uko abyumva, kandi umaze kubazwa ntagire aho ahurira n'abatarabazwa . Ngo icyatangaje ni uko ibisubizo byabo byose byagushaga ku ngingo nterahirwe nk'uko tuzisanga mu Ivanjiri ya Mutagatifu Matayo (Mt 5, 2-12). Aha ni naho hakomotse izina "Abahire ba Nyina wa Jambo". Ni abahire kubera ko bahisemo kubaho bamurikiwe n'ingingo nterahirwe. Ni aba Nyina wa Jambo kubera ko Bikira Mariya Nyina wa Jambo I Kibeho yifuje ko bamubera indabo nziza.

Padiri Fabiyani yavuze ko abahire bakomeje kwiyongera ku buryo mu 1994 hari haratangiye ingo 11. Twakwibutsa ko abatangiye ndetse na Musenyeri Gasore wabagiraga inama bose bahitanywe na Génocide yo mu 1994. Abasigaye bari baraje babasanga mu muryango bakomeje uwo muhamagaro, ndetse hiyongeraho n'abandi ariko aho Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere aherewe inkoni y'Ubushumba, abasaba kuba baretse kwakira abandi kugira ngo habanze hagaragazwe uburyo abagana uwo muryango bazarerwa ku bijyanye no kwiyegurira Imana, n'uburyo bazibeshaho.

Kugira ngo ibyo bizagerweho, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis yashyizeho ikipe izategura kandi igakurikirana ishyirwaho ry'iyo gahunda. Iyo kipe yari igizwe na Padiri Augustin Karekezi, Padiri Raymond Delporte, Padiri Fabiyani Rwakareke na Mama Marie Paul Emmanuel Aziya. Bakoze uko bashoboye bafatanyije na none n'abayobozi b'Abahire, amategeko agenga Umuryango w'abahire araboneka ndetse n'uburezi bw'Abahire buratangira. Umuryango w'Abenebikira wemeye ko Mama Marie Paul Emmanuel akurikirana by'umwihariko uburezi bw'Abahire ndetse akabana nabo. Abari baratangiye hagati ya 87 na 97 bagiye baza ku Nyundo mu byiciro bitandukanye bakamara umwaka batozwa ibyo kwiyegurira Imana. Postulat na Noviciat byari bitaratangira. Mu mwaka wa 2004, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere yemeye ko Postulat na Noviciat bitangira. Ku Muhororo hari Postulat naho ku Nyundo hakaba Noviciat.

Mu mwaka wa 2005 Umuryango w'Abahire wateye intambwe ikomeye: Tariki ya 1/1/2005 Musenyeri Alexis Habiyambere, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yemeye Abahire ba Nyina wa Jambo nk'Umuryango w'Abakristu bishyize hamwe. Tariki ya 11/2/2005 nibwo abahire ba mbere bagize amasezerano ya mbere mu muryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo. Abo basezeranye bwa mbere, ubu bageze igihe cyo gusezerana burundu. Kuri iyi tariki ya 11/2/2011 basezeranye ari 39.

Padiri Fabiyani yakomeje avuga ko Umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo atari nk'iyindi miryango y'Abiyeguriye Imana twari tumenyereye ifite imbaraga, aho abayirimo usanga baba mu ngo zifunze. Abahire ba Nyina wa Jambo bo bahisemo kuba rwagati muri rubanda, bakabaho mu bwicishe bugufi, bigana ubuzima bwa Bikira Mariya i Nazareti, bakabeshwaho n'imirimo bakora nk'abandi bantu bose ariko kandi bakagira n'igihe cyo gusenga.

Inyigisho ya Musenyeri Alexis Habiyambere mu Misa y'amasezerano

Musenyeri yatangiye muri aya magambo: "Imana ihorana urukundo rutangaje. Ihora itwereka ibitangaza. Umunsi nk'uyu urabitwereka. Kubona abantu nk'aba biyemeza kwegurira Imana burundu ubuzima bwabo bwose, bagasanga Imana ibarutira byose ntibisanzwe. Abagiye gusezerana bafite ukwemera. Bemera Imana, bemera Yezu Kristu. Bemera ko Kristu yapfuye akazuka kandi bafite amizero y'igihe kizaza. Bafite urukundo rukunda Imana na Yezu Kristu. Bafite urukundo

rukunda abavandimwe. Kristu ati:" bose bazamenya ko muri abanjye niba mukundana". Bafite ukwizera. Bizera ijambo ry'Imana, bizera ko mu buzima Imana iba iri kumwe natwe. Bizera ko ibyo tubamo bizashira ariko Imana tukazabana ubuziraherezo. Bumvise ijwi ry'Imana ribakomanga mu mutima wabo. Nk'uko ibaruwa y'abakorinto ibivuga, nta bihangange bibarimo, nta n'abafite amavuko akomeye. Ahubwo Imana yarabizeye irabatora kuko ibakunda (1Cor 1.26-30)".

Musenyeri yakomeje avuga ko abagiye gusezerana burundu bagiye kwiyemeza kuzarangwa igihe cyose n'ubusugi, kumvira n'ubukene. Yakomeje agira ati :"ubirebye kwiyemeza ibyo ni ubusazi mu maso y'abisi. Mu gihe tubona twihuta mu gushakashaka iby'isi, haboneka abasezerana ubukene, ubusugi no kumvira. Aba bagize bati:" mpisemo kutazashaka kuko nsanze Kristu andutira byose. Ni we Mugabane wanjye. Abasezerana basanze amahirwe yabo ari muri Yezu Kristu".

Musenyeri yavuze kandi ko bitangaza abantu kubona abantu bazima bahitamo inzira nk'iyi. Yavuze ko amatwara y'isi atari yo ya Yezu Kristu. Yakomeje avuga ko abagiye gusezerana bumvise ibyo bavuga kuri Kiliziya byashobora kubaca intege, ariko barabirenga bahitamo gukorera Kiliziya kandi bahitamo gukora amasezerano mu muryango mushya muri Kiliziya no muri Diyosezi ya Nyundo. Yabasabye kutagira ubwoba kuko ubushobozi tubukura ku Mana kandi akaba ariyo nkuru.

Musenyeri yakomeje agira ati:" Nyuma y'imyaka 30 abakobwa ba mbere bagize igitekerezo cyo kwiyegurira Imana ari nabo umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo ukomokaho , aba mbere nibwo bagiye gusezerana burundu. Abatangiye barishwe. Mu maso y'isi ayo maraso yamenekeye ubusa, ariko kuri twe ayo maraso yabyaye imbuto arizo aba bagiye gusezerana. Abari busezerane barasabwa kurangwa n'ubuvandimwe bavoma mu isano muri Kristu, ubuvandimwe bavoma muri Kiliziya". Yakomeje avuga ko ubutwari bwabaranze atari imbaraga za muntu. Ngo mu ntangiriro bahuye n'ingorane nyinshi. Bahisemo kubaho bakoresha imbaraga zabo. Babaho biyushye akuya nk'abanyarwanda benshi. Biyemeje kubaho badategereje imfashanyo.

Musenyeri yavuze ko Abahire ba Nyina wa Jambo bagiye kwirema. Barashaka kwiremera umuryango wabo n'amaboko yabo n'ubwenge bwabo batareba hanze. Ngo iyo charisme ije mu gihe tuyikeneye. Ni impano ikomeye muri Kiliziya yo mu Rwanda. Tugeze aho tugira tuti: dushobora kwibeshaho.

Musenyeri yabwiye abiyeguriye Imana bari aho ko ubwitange bw'abahire buzajya bubibutsa ko bagomba gucisha make. Yasabye abari aho bandi gusabira abahire kugira ngo bazakomere ku masezerano yabo. Musenyeri yarangije inyigisho ye atura abahire Bikira Mariya Umubyeyi wa Kiliziya akaba n'umubyeyi w'Abiyeguriye Imana.

Umukuru w'Abahire yagaragarije ibyishimo bye abari mu birori.

Misa ihumuje Umukuru w'Abahire Nahimana Béatrice yafashe ijambo, ashimira abantu bose bitabiriye ubutumire bwabo. Yashimiye Komite yashyizweho n'umwepiskopi kugira ngo inoze imikorere y'Umuryango w'abahire ba Nyina wa Jambo. Yashimiye kandi Nyakwigendera Musenyeri Gasore Ludoviko na Mama Mariya Paul Emmanuel AZIYA bagize uruhare rukomeye mu ivuka ry'umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo. Yagize ati: "Musenyeri Gasore yemera ko abakobwa 7 ba mbere mu muryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo batangira urugo rwa mbere, benshi baramugaye kuko batiyumvishaga ukuntu abo bantu bazibeshaho nta mashuri bize kandi nta n'ubundi butunzi bafite. Nyamara ubu aho ari yishimiye ko bamwe mu bakomeje urugendo bashoboye kugera ku masezerano ya burundu".

Yashimiye kandi abahire 7 batangiye umuryango nubwo bose bapfuye. Yavuze aho imbaraga z'abantu zigarukira ariho ububasha bw'Imana butangirira. Yishimiye kandi ko nyuma ya Musenyeri Ludoviko Gasore basigaranye na Mama Mariya Paul Emmanuel wari uzi uko batangiye. Yashimiye

kandi Padiri Fabiyani Rwakareke wabafashije muri byinshi kandi akaba akomeje kubahihibikanira amanywa n'ijoro.

Yashimiye Musenyeri wabasabiye umurezi, aboneraho gushima Umuryango w'Abenebikira wemeye ko Mama Mariya Paul Emmanuel akora uwo murimo utoroshye. Yavuze ko ubu Abahire ba Nyina wa Jambo bamaze kuba 85 kandi bose bakaba baranyuze mu biganza bye.

Yashimiye kandi Diyosezi ya Nyundo yabibarutse, umugongo ubahetse. Yaboneye ho kuvuga ko ubu ingo z'abahire ba Nyina wa Jambo zimaze kuba 15 harimo 11 ziri muri Diyosezi ya Nyundo 2 ziri muri Diyosezi ya Kabgayi, 1 ruri muri Diyosezi ya Butare na 1 ruri muri Diyosezi ya Gikongoro i Kibeho.

Yakomeje ashimira abasaserdoti bafasha Abahire hirya no hino aho batuye kuko babaha igitambo cya Misa n'amasakramentu. Yashimiye by'umwihariko Paruwasi ya Nyundo na Paruwasi ya Muhororo ahari ingo z'uburezi. Yavuze ko ku Nyundo hari Noviciat irimo abitegura 19 naho ku Muhororo hakaba postulat irimo 11.

Yashimiye ababyeyi bababyaye ko babatoje kumenya Imana. Yagize ati:"muzakomeze muturere kuko tutarangije ahubwo dutangiye ikindi kivi". Yasabye buri wese gukomeza kubasabira kugira ngo bihatire kubaho bigana ubuzima bwa Bikira Mariya i Nazareti bayobowe n'ingingo nterahirwe.

Umukuru w'Abenebikira mu Rwanda nawe yagaragarije ibyishimo bye abari aho.

Yagize ati:"Imana irakoze yo yadusenderejeho Imigisha iduha abana bashya b'Umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo. Yaduhaye ibyo tutari twiteze. Imana yaradukunze itwereka amabanga yayo. Ni nde watekereje ko Abahire ba Nyina wa Jambo bagera kuri iyi ntambwe"? Turashimira Imana kubera Musenyeri Ludoviko Gasore n'Abahire batangiye umuryango batakiriho. Amaraso yabo yeze imbuto. Turashimira uwo mubyeyi wadusigiye Mama Mariya Paul Emmanuel". Yabwiye Mama Mariya Paul Emmanuel ko nawe bamushimiye kuko yemeye kuba Umuhire ataretse kuba Umwenebikira.

Yashimye kandi Abahire basigaye ubwo Musenyeri Gasore n'Abahire batangiye umuryango bari bamaze gupfa. Yabashimiye ko bakomeje kugira ubutwari none bakaba bageze ku masezerano ya burundu. Yavuze ko bakomeje kumva ingabire y'Imana, akomeza avuga ko kuba Imana yarabatoye atari ubwiza, ubuhanga cyangwa ubundi bushobozi, ahubwo ko ari urukundo ibakunda.

Yashimiye cyane Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo uko yitaye ku burezi bw'Abahire ba Nyina wa Jambo, akabashinga ababatoza kwiyegurira Imana. Yagize ati:" uyu munsi wishime unezerwe kuko uyu munsi Kiliziya yungutse amaboko". Yashoje abwira Abahire ba Nyina wa Jambo ko ubu bakuze, avuga ko umurezi wari ubashinzwe Mama Marie Paul Emmanuel Aziya, Umuryango w'Abenebikira ugiye kumusubirana ariko akazajya agira igihe gito aza kureba ibijyanye n'Umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo. Yavuze kandi ko Umuryango w'Abenebikira washimye umubano uri hagati y'Abahire ba Nyina wa Jambo n'Umuryango w'Abenebikira, avuga ko nubwo bishubije Mama Mariya Paul Emmanuel Aziya, batazibagirwa Umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo nk'uko umubyeyi atibagirwa umwana we.

Ijambo rya Nyiricyubahiro Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo

Mu gutangira, Musenyeri Alexis Habiyambere yashimiye abatangiye Umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo. Yagize ati:"Nubwo bapfuye, ubu turi kumwe mu byishimo. Ni intwari z'uyu muryango. Batangiye baciye bugufi. Hari abantu bakomera bakagira ngo nibo kamara. Imana yitorera n'abandi bakaza berekana ikintu gishya. "genda Mana uri igitangaza". Musenyeri

yatangariye ukuntu abahire birwanaho bakora uturimo ducirirtse, nko gucuruza ubunyobwa mu mugi wa Gisenyi, kwishakira agahene ko gukoresha muri restaurant i Nazareti , guhinga, n'ibindi. Yakomeje agira ati:"natangajwe n'ukuntu abantu babayeho batyo bari bahuruje imbaga ije mu masezerano yabo. Ni isomo rikomeye Imana yashatse guha abantu". Musenyeri yibukije ko hari Imiryango y'Abiyeguriye Imana ivuka yageraho ikazima. Yashimye ko Abahire bahisemo kwibeshaho badategereje ibiva hanze. Musenyeri yavuze kandi ko hari umuntu utajya avugwa kandi yaragize uruhare rukomeye mu gushyiraho amategeko agenga Umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo. Uwo ni Nyakwigendera Musenyeri Felicien Mubiligi. Yifuje ko nawe bajya bamuzirikana.

Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yibukije ko akimara guhabwa ubuyobozi bwa Diyosezi ya Nyundo yabanje gusaba ko Abahire baba baretse kwakira abandi bashya. Yasobanuye ko byari ngombwa ko uwo muryango ubanza kugaragaza ikintu uzanye gishya muri Kiliziya, ukagaragaza kandi n'uko bazarerwa (formation). Yavuze kandi ko mbere y'uko umuryango mushya muri Kiliziya wemerwa, Kiliziya igomba kubanza kumenya neza ushinze uwo muryango uwo ariwe, uko akunda Kiliziya kugira ngo irebe koko niba ari umuntu Kiliziya ikwiye kwizera. Yavuze ko ikibazo cy'imiryango ishaka kuvuka ari icyo kwitondera cyane ko hari imiryango itangira mu gihe gito ikazima.

Mu gusoza, Musenyeri yabwiye Abahire ba Nyina wa Jambo ko bateye intambwe ikomeye ariko ko Abenebikira n'abasaserdoti bazakomeza kubaba hafi. Yabagejejeho indamutso ya Museyeri Misago, Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro, ubifuriza umunsi mwiza, anabashimira ko bageze i Kibeho kwa Nyina wa Jambo aho bavukiye. Yarangije abaragiza Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene akaba na Nyina wa Jambo.

Didace MUSEBYUKUNDI

KOMISIYO Y'UBUTABERA N'AMAHORO MU BIGO BY'AMASHURI

Nk'uko abakristu tumaze kubisobanukirwa neza, Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ni rumwe mu nzego z'ubuyobozi bwa Kiliziya Gatolika rushinzwe gukangurira umuryango w'Imana kumenya inshingano zawo. Ni muri urwo rwego rero paruwasi yacu ya Gisenyi nayo itasigaye inyuma mu guharanira ibikorwa byimakaza umuco mwiza w'ubutabera n'amahoro. Komisiyo y'ubutabera n'amahoro ku rwego rwa paruwasi Gisenyi itanga ibiganirompaka aribyo :

- Ihohoterwa rikorerwa mu ngo
- Itegeko ry'umuryango – impano n'izungura
- Kumenyekanisha uburenganzira bwa muntu

Ibyo byose bikorwa ari ukugirango abakristu basobanukirwe n'ibibazo bihari kandi banasabwa gutanga umuganda wabo ngo ibyo bibazo bicike burundu. Twasanze rero bitagomba kurangirira aho. Twashinze amatsinda y'abana mu bigo by'amashuri abanza gatorika. Ubu buri kigo cy'amashuri gituye muri paruwasi yacu gifite abanyeshuri bashinzwe ubutabera n'amahoro. Hari

uwakwibaza impamvu y'icyo gitekerezo. Baca umugani mu kinyarwanda ngo "Uwiba ahetse aba abwiriza uri mu mugongo"; kandi ngo "Igiti kigororwa kikiri gito".

Iyo umuntu yitegereje ibikorerwa mu buzima busanzwe usanga rimwe na rimwe abantu tugira ibyo dupfa, tugashwana ugasanga tubitoza n'abana bacu. Urugero: wa mwana we kwa Kanaka baratwanga ntuzaryeyo nuryayo nzagukubita. Ese uwo mwana uba umutoje guharanira amahoro ? Icyo gihe rero usanga inabi irushaho gushinga imizi kandi ineza igomba kurandura inabi byanze bikunze. Ngicyo rero icyatumye twifuza gushinga amatsinda y'abana bashinzwe ubutabera n'amahoro. Yezu ati : "Hahirwa abatera amahoro"(Mt.5-9).

Mu bigo by'amashuri twasuye naho ubwabo twibanze ku bibazo bitandukanye mu banyeshuri: agasuzuguro, ubujura, inzangano, ubusambanyi. Komisiyo y'ubutabera n'amahoro rero mu gutanga umuganda wayo kuri ibyo bibazo bitandukanye mu bana b'abanyarwanda, twasanze ari ngombwa kubagenderera cyane. Nubwo bitoroshye ariko tuzakora uko dushoboye kose ibyo twiyemeje tubigereho. Ikidushimishije n'uburyo abana bishimiye nabo kwitwa inkunzi z'amahoro. N'abarezi nabo byarabashimishije cyane ku buryo ari nabo batubaza ngo ese kubera iki twatinze gutekereza ku banyeshuri. Ariko na none inkono ihira igihe kandi dufite icyizere cy'uko gusura abana cyane bizatuma barushaho gusobanukirwa n'ubutabera n'amahoro icyo aricyo, kandi bigatanga umusaruro ushimishije.

Umubyeyi Bikira Mariya Umwamikazi w'amahoro abidufashemo.

Alfred HABUMUGISHA
Umuyobozi wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro / Paruwasi Gisenyi.

AMAHUGURWA Y'ABASHESHAKANGUHE BIBUMBIYE MU

MURYANGO BUZIMA JYA EJURU (B.J.E)

Nk'abandi balayiki, abasheshakanguhe nabo bafite uruhare mu bucunguzi bwa muntu bifatanyije na Kiliziya mu mirimo yayo.

Abahagarariye amatsinda ya Buzima Jya Ejuru bo mu ma paruwasi anyuranye, bahuriye ku Nyundo kuva tariki ya 10-13/08/2010. Kuri 11 ni bwo amahugurwa nyakuri yatangiye atangizwa n'igitambo cya misa, cyaturiwe muri Cathédrale ya Nyundo kiyobowe na Padiri MUKERAGABIRO Etienne. Nyuma ya misa Padiri yahaye ikaze abashyitsi, hakurikiraho gusura imva z'abakurambere aribo : Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI na Musenyeri Wenceslas KALIBUSHI, barahasengera. Icyo gikorwa cyarabashimishije, kuko abenshi muri bo bwari ubwa mbere bagera ku Nyundo. Hakurikiyeho ikiganiro cy'uhagarariye Buzima Jya Ejuru mu Rwanda Marie Nathalie ICYIMPAYE, abagezaho raporo y'ingendo zakozwe na Komisiyo ya Buzima Jya Ejuru basura amatsinda mu ma paruwasi aho umuryango umaze kugera, ababwira uko izo ngendo zagenze neza, yishimiye intambwe umuryango umaze gutera, aboneraho gushimira abapadiri n'abakristu babigizemo uruhare. Izo ngendo zari zigamije kuvugurura umuryango, ashishikariza abasheshakanguhe kwifatanya bakihuriza mu muryango Buzima Jya Ejuru kugira ngo bitagatifuze kandi bafashe abandi kwitagatifuza, barushaho kuwamamaza mu basheshakanguhe. Kimwe n'abandi babatijwe bagakomezwa bamenye ko bahamagarirwa kwamamaza inkuru nziza, bakubaka

Kiliziya n'iyi si dutuye.

Mu kiganiro Musenyeri J.M.V NSENGUMUREMYI yagejeje ku bari mu mahugurwa cyari gifite insanganyamatsiko igira iti : « Nk'abandi balayiki abasheshakanguhe nabo bafite uruhare mu bucunguzi bwa muntu bifatanyije na Kiliziya mu mirimo yayo ».

Ku bwa Batisimu no gukomezwa nabo bafitanye ubumwe na Kristu, bafite ubushobozi bwo kuba intumwa ze kugeza ku iherezo ry'ubuzima bwabo. Yongeye kubibutsa umugambi w'Imana ijya kurema muntu ; Imana yaremye umuntu mu ishusho ryayo, imuha n'ukwemera, iramwimenyesha, imugaragariza urukundo imufitiye, imuha gutegeka no kugenga ibindi biremwa byose, asabwa kuyimenya, kuyikunda, kuyikorera, kuyumvira no kuyambaza igihe cyose. Ahabwa ubutumwa bwo kuyimenyesha abatarayimenya.

Inzira twanyuramo kugira ngo turangize ubwo butumwa

- Kumvira Kiliziya dukora ibyo idutegeka tuyobowe na Roho Mutagatifu.
- Urukundo rwituwe ruhinduka urujya n'uruza, rukagira ingufu (Ezekiel 33,11), gukorera Imana niko kujya mu butumwa (ibyakozwe n'intumwa 1,26).
- Gukunda isengesho
- Kumenya igikwiye gukorwa ntube ingaruzwamuheto y'iby'isi, ntube umucakara wabyo.
- Kugira umutima mwiza ni ukunga ubumwe na Kristu, kugira umutima ubabarira (Mt5,44).

Aho dukura imbaraga

- Inkoni y'umwana ishira dondidondi ; dufite ubushobozi bwo kurumbuka mu zabukuru.
- Koko rero icyaruta ni ukubabazwa mukora neza niba ariko Imana ibishaka aho kubabazwa mukora nabi (1Petero 3,17).

Ikiganiro cyakurikiyeho cyatanzwe na Padiri Fabiyani RWAKAREKE ushinzwe ubutumwa bw'abalayiki muri Diyosezi ya Nyundo.

Yatangiye abasobanurira umulayiki uwo ari we : ni uwabatijwe agakomezwa akaba umuyoboke w'Imana muri Kiliziya Gatolika iyoborwa na Papa n'Abepisikopi.

Ni utungwa n’isengesho n’amasakaramentu cyane cyane Penetensiya n’Ukaristiya.

Ni umwogezabutumwa wa Kristu.

Ni urugingo rwa Kristu, ni ukuvuga ko yunze ubumwe na Kristu n’abamuyobotse bose, basangiye ubusaseridoti bwa Cyami n’ubuhanuzi. Agahora atura ibyiza bimuri mu mutima mu mibereho ye yose, Imana imuha ubutumwa aho ari hose. Akomeza agira ati: “Iyo umuntu agiye atekereza Yezu Kristu wadukunze, akatwitangira, akemera kudupfira, uwo muntu ubitekereza arushaho kwitangira Imana na bagenzi be.

Umulayiki usheshakanguhe ni muntu ki ?

Ni umuntu w’inyangamugayo, ushyira mu gaciro, akaba umuntu w’inararibonye, akereka abo akuriye ingero nziza mu mibereho ye. Ni umugishwanama, agahuza imiryango aho kuyitanya, akagirira neza uwo ariwe wese adategereje igihembo.

Urugero: umugani w’Umusamaritani w’ingeso nziza, wari mu rugendo agatabara uwaguye mu gico cy’abajura. Umusaza , umukecuru w’umukristu agomba guharanira ubumwe akabaho mu bumwe, agomba gushaka umwanya wo gusenga kugira ngo ataba umupfu utinukira, umugabo ni uwireba akigaya, akicuza, ububyeyi bwe bukagaragarira aho atuye no mu bana be. Uwo agomba kwitabira umuryangoremezo n’izindi nama zigamije kubaka Kiliziya n’igihugu; agakunda kwiyegereza urubyiruko agamije kurusigira umurage mwiza. Abalayiki nibo bashinga imiryango ya Agisiyo Gatolika kugira ngo barusheho kogeza inkuru nziza y’ingoma y’Imana.

Abalayiki ni abagabuzi b’ibyiza bakura kuri Kristu nk’uko Abraham yumviye Imana ikamukoresha ibitangaza, yamuhaye kuramba ageza mu kigero cy’imyaka ijana, ayikorera neza ubutumwa yari yamuhaye.

Abasheshakanguhe nimumenye ko kuramba atari igihano ahubwo ari ingabire y’Imana ni umugisha. Ngaho nimufashe Kiliziya gutanga ubutumwa bw’urugero rwiza cyane cyane mu bana n’urubyiruko kuko ubu bafite ibibarangaza byinshi (amaradiyo, televiziyo, telephone na za internet)bikabatesha inzira y’ukuri.

Inyigisho ya Padiri Mukuru wa paruwasi ya Gisenyi

Padiri Mukuru wa paruwasi ya Gisenyi yadufashije kongera kuzirikana agaciro n’ubutumwa bigize isakaramentu ryo gushyingirwa . Urugo rw’abakristu ni inganzo y’ibyishimo n’ubwumvikane bihuza abiyemeje kubana badahemukirana bagiriye Imana yabahuje n’urukundo yabahaye ngo rubafashe kugera kuri iyo ntego. Aho ubwumvikane buri, abana bakahabonera uburere bwiza. Abana barebera byose ku babyeyi. Ababana basheshe akanguhe si abana babigiraho gusa ahubwo n’abakuze babo bishimira kubana no gusabana n’ababyeyi b’ababyeyi babo.

Padiri yakomeje atwereka ko n’ubwo kubaka urugo ari umugambi w’Imana ingorane zitabura. Nyamara iyo zije zigomba no gukemurwa gikristu. Icya mbere cyadufasha gukemura ibibazo ku buryo bunoze ni ukugira umutima wizera uwo mwashakanye, uwo utizeye ntimwuzuzanya. Uko kumwizera bituma uhora umubona mu isezerano mwagiranye, kandi yakosa ukamukosora nk’uwo ukunda, aho kumukosora nk’umugiranabi. Kwizera bijyana no kubahana. Kubahana ni ukwemera kuzuzanya mu rugo, ntihagire uwibwira ko imyumvire ye n’ibikorwa bye yabitsindagira muri mugenzi we ku gahato nk’aho we atahawe impano zo gufasha urugo kurushaho kuba rwiza. Aha Padiri yatwibukije ko umuco w’abanyarwanda wagiye wima abagore agaciro n’umwanya ukwiye imbere y’umugabo.

Ati amahirwe tugira, n'uko Ivanjili itwereka ko bose bareshya mu rukundo. Yarangije atwereka kandi ko kuganira no gusangira isengesho nayo ari inkingi ikomeye mu mubano w'abashakanye. Mbere na mbere, gusenga kuko isengesho ari inkingi y'urugo, mu rugo rw'abashakanye hagomba ikiganiro gikristu, bazirikana ko abashakanye batagomba gutana kuko Yezu agira ati: "Icyo Imana yafatanyije ntihakagire ugitandukanya" (Mk10,6-9), ikiganiro mu rugo rw'abashakanye ni ikimenyetso cy'ubukristu n'ubuvandimwe ndetse n'ubworoherane, ariko bagomba ukwicisha bugufi kwa buri wese, hakaba ukwemera ikosa, no kurisabira imbabazi nkuko abagiye inama, Imana irabasanga. Abagabo bakunda gusuzugura abagore kandi ari abafasha babo. Mu isakaramentu ryo gushyingirwa ntibaba bakiri babiri, ahubwo baba ari umubiri umwe (Ibyahish2,24).

Abashaka kumva mu buryo bunyuranye imibanire myiza n'inshingano z'abashakanye muzasome mu gitabo gitagatifu aha hakurikira : Yh2,1-11; Ef21-33; 1Pet,1-12; Cor,13,8; 1Cor6,13-20; Col3, 12-17 .

Mu rugo rw'abakristu ni byiza kugira isengesho rusange buri munsi, aho kugira inyota ikabije ituma mutegekwa n'ibintu, nimugire inyota y'Imana n'abantu.

IBIBAZO N'IBYIFUZO

-Bakristu bavandimwe, mufasha mute abasheshakanguhe kurangiza neza urugendo rwabo hano ku isi bagana iwabo h'ukuri mu ijuru?

-Mwe se bakecuru, basaza, mwavanana mute mu bwigunge?

- Mwe se rubyiruko mufite migambi ki yo gutegura gusaza neza muri inyangamugayo ? Mwe se mwatumarira iki abasheshakanguhe ?

Dutegereje ibisubizo byanyu byiza.

Murakoze Imana ibahe umugisha n'imbaraga zo kuyikorera.

Abari muri ayo mahugurwa bagiriwe inama na Musenyeri J.M.V. NSENGUMUREMYI yo kwisunga Mutagatifu Yohani Intumwa kuko mu buzima bwe bwose yaranzwe n'intego za BJE arizo :

- Ubusabaniramana: ubucuti buhamye yari afitanye na Yezu

- Ubuserukiramana: yabaye intumwa kugeza mu busaza bwe

- Ubucuti bwa kivandimwe: niwe Yezu yaraze Nyina.

IBYIFUZO

-Hifujwe ko raporo y'aya mahugurwa yazasohoka mu kanyamakuru ka Diyosezi ya Nyundo ("Umusemburo w'Ubusabane").

-Hifujwe ko mu nama y'ubutaha hazajya haza abantu babiri baturutse muri buri tsinda

(ni ukubera impamvu y'ubukene).

- Abari muri ayo mahugurwa bagiriwe inama na Omoniye wabo ariwe Musenyeri

J.M.V.NSENGUMUREMYI kuzisunga Mutagatifu Yohani Intumwa mu kurangiza inshingano zabo, kuko intego za BJE zimuriho uko ari eshatu.

UMWANZURO

Dushimire Imana ibihe byahise, iby'ubu tubibemo dushishikaye, tuyisaba imbabazi ku bitaragenze neza, kandi turangamiye ibyiza biri imbere mu mizero. Kubana neza n'ubusaza mu Mana, niyo mahirwe, niko gusaza neza.

Imana nibahe gukora icyiza gihuye n'ugushaka kwayo mureke iturangirizemo ikiboneye, kandi kiyishimisha. Twikomezemo ukwemera, ukwizera n'urukundo bidacogora (Heb10,26).

Marie Nathalie ICYIMPAYE
Uhagarariye Buzima Jya Ejuru

TUMENYE UMURYANGO W'ABAMBARI BA MARIYA

1. AMAVU N'AMAVUKO Y'UMURYANGO

Duhereye ku kumvikanisha abambari ba Mariya, twavuga ko ari abakirisitu bishyize hamwe, biha intego yo kwiyambaza Bikira Mariya ku buryo bw'umwihariko. Ni umwe mu miryango y'abasenga rero, ukorera mu Rwanda by'umwihariko muri Diyosezi yacu ya Nyundo. Ntabwo ari umwe mu miryango ya Agisiyo Gatolika nk'iyo dusanzwe tuzi yishingiwe na Kiliziya. Si n'umuryango w'abasenga uzwi nk'uko bimeze ku bakarisimatike. Gusa ufite icyizere ko hari igihe nawo uzagera kuri iyo ntera; kandi icy'ingenzi ni uko ukora, kandi ukumvira abayobozi ba Kiliziya. Ni umuryango watangijwe na Padiri Apolinaire RWAGEMA, mu mezi ya nyuma y'umwaka wa 1979; atangirana n'abantu batarenze batandatu, bakajya bavugira hamwe ishapure, ageze aho abakangurira kujya bahurira mu ngo bakahavugira ishapure. Umubare w'abavugira hamwe ishapure, waje kuba munini; niko kurema umuryango Padiri yise uw'abasenga. Biremamo inteko ku mirenge cyangwa mu nama zabo. Iryo sengesho arigira uburyo bwo kwakira icyifuzo cya Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima. Koko rero, tariki ya 13/07/1917; Bikira Mariya yabonekeye abana batatu, abasaba ko kugira ngo abanyabyaha bakire, ari ngombwa gusenga hifashishijwe isengesho rya Rozari no kwiyambaza umutima we utagira inenge ! Ibyo bizafasha abanyabyaha guhinduka no kurokoka umuriro utazima! Abambari mu byo bakora byose, bakaba bagamije kuzuza inshingano enye Bikira Mariya asaba :

1.Kwambaza

2.Kwibabaza

3.Guhongerera ibyaha

4.Kwiyoroshya

Twakwibaza niba iryo sengesho ryatangiye hari icyo ryamariye abambari n'abandi bakirisitu muri rusange: ryarabafashije kwivugurura no guhabwa kenshi kandi neza amasakaramentu kurusha uko byari bimeze mbere.

▪ Ryabafashije kurushaho gusenga no kubikundisha abandi, nta gutinya kugaragaza

ukwemera kwabo.

▪ Urubyiruko rwarushijeho kumva ko ari ngombwa kurushaho kwitwara neza; ibi ni ubuhamya nahawe na bamwe mu bakuru b'inama twaganiriye,ahari umuryango w'abambari

▪ Ubwo buryo bwo gusenga bwafashije ingo nyinshi guhugukira kuvugira hamwe ishapure.

Ikindi twavuga ku mavu n'amavuko y'uyu muryango w'abambari ba Mariya ni uko umukirisitu witwa Pawulini Rusimbi, ari we watekerereje Padiri Apolinaire Rwagema icyifuzo yari amaranye igihe cy'uko hari hakwiye kubaho umuryango ukangurira abantu gusenga. Bihuza n'uko Padiri na we yandikiranaga n'ababikira b'abadagekazi basaga n'abari muri Croisade ya Rozali ivugirwa roho ziri muri Purgatori. Amenyesha abo babikira ko muri paruwasi arimo hari abifuza gusenga ku buryo bw'umwihariko. Barabyishimira, bakajya bohereza amashapure yo guha abo bantu.

Uyu muryango wavukiye muri Paruwasi ya Mushubati, aho Padiri Apolinaire Rwagema yabaga, utangira witwa uw'abasenga nk'uko twabivuze! Hanyuma uwo Padiri aza kwimurirwa muri Paruwasi ya Busasamana, abo bitwaga abasenga baza kwitwa abambari babifashijwemo na Padiri Clément Kanyabusozo wari ubabereye umujyanama, ari nawe wahaye umuryango isura nziza n'umurongo ngenderwaho!

2. IZINA ABAMBARI BA MARIYA

Ubusanzwe, umwambari ni umugaragu ugenda inyuma ya Shebuja. Igihe Padiri Apolinaire Rwagema yimutse i Mushubati akajya i Busasamana hari ku ya 2 Gashyantare 1985. Ubwo Padiri Kilimenti Kanyabusozo yahise aba umujyanama w'abasenga. Iryo zina asanga ritagaragaza neza intego y'umuryango. Icyo gihe kandi ari abakarisimatiki; ari inteko za Nyina wa Jambo, bari bahuriye kuri iryo zina ABASENGA.

Amaze kubyumvisha abanyamuryango yabasabye gushaka izina rigaragaza intego yo kwisunga no kwamamaza Bikira Mariya. Abonye babitindana, we ubwe afatanya na Perezida wabo gushaka iryo zina. Hafashwe amazina ane harimo n'iry'abasenga bari basanganywe, bakora ubufindo bugwa ku izina ABAMBARI. Ni uko izina ry'abambari ryaje.

3. IMIKORERE Y'UMURYANGO

Umuryango w'abambari ba Mariya, ni umuryango ufite intego :

1. Gufasha abifuza kwiyambaza Bikira Mariya mu isengesho rya Rozali.

2. Kwambaza no kwitura umutima utagira inenge wa Bikira Mariya !

3. Kuzirikana ibyifuzo bya Bikira Mariya byihutirwa yagaragaje !

Fatima, Kibeho, n'ahandi habereye amabonekerwa yemewe na Kiliziya!

4. Kwitabira ibikorwa by'urukundo n'ubutumwa !

Dore ibikorwa by'ingenzi by'umuryango w'abambari ba Mariya

1. Rozali ya buri munsi
2. Kwizihiza umutima utagira inenge wa Bikira Mariya buri wa gatandatu wa mbere w'ukwezi. Dore uko uwo munsi uhimbazwa :

- Kuvugira hamwe Rozali
- Kumva Misa cyangwa umuhimbazo w'Ijambo ry'Imana
- Igitaramo cya Bikira Mariya kirimo imishagiriro isaba ubwitonzi kuko ibyo bigomba gutandukana rwose na za animasiyo zisanzwe. Bigomba gukorwa mu buryo bufasha gusenga !
- Guhabwa Penetensiya (iyo bishoboka)
- Gusabira Papa na Roho zo mu Purugatori
- Kwiyegurira cyangwa kwitura umutima utagira inenge wa Bikira Mariya !

3. Gusura imbabare n'abarwayi bari hafi.
4. Gusura abaguye no gukangurira abo bari kumwe gusenga.
5. Umwambari wa Bikira Mariya agomba kwijijura asoma Ijambo ry'Imana n'izindi nyandiko-nyobokamana !
6. Kwigomwa no kwibabaza mu tuntu duto duto !
7. Gukundisha urubyiruko n'abana bato isakaramentu rya Penetensiya n'iry'ukarisitiya ndetse n'Umubyeyi Bikira Mariya.
8. Kudatinya kugaragaza ukwemera !

4. AMATEGEKO ICUMI Y'UMURYANGO W'ABAMBARI

1. Rozali ya buri munsi
2. Kutica inama z'inteko rusange
3. Kwitabira ingendo ntagatifu (Pélerinages)

4. Kudasiba Misa no guhabwa ku wa gatandatu w'imboneka

5. Kumurikira Umubyeyi Bikira Mariya ku mboneka amashapure yavuzwe mu kwezi gushize.

6. Guhabwa Penetensiya n'Ukarisitiya kenshi

7. Gusabira Papa na Roho zo mu Purugatori

8. Ibikorwa by'urukundo

9. Kuba intumwa mu bandi

10.Gukora Noveni mu gihe abayobozi basanze ari ngombwa.

5. UMURYANGO W'ABAMBARI N'UBUYOBOZI BWA KILIZIYA

Kugeza ubu abambari aho bari baba bafite Padiri Omoniye ubitaho! Basabwa rero kumwumva no kumwumvira mu nama abagira ! Iyo tugiye mu mateka, dusanga mu nama ya Presbyterium ni ukuvuga : inama ihuza Musenyeri wa Diyosezi n'Abapadiri be, yabaye ku itariki ya 27 na 28 Ukuboza 1993; Nyiricyubahiro Musenyeri Wenceslas Karibushi yasabye ko imiryango imwe n'imwe y'abasenga harimo n'uw'abambari yamugezaho imiterere n'imikorere yayo.

Amakuru nahawe n'abambari b'i Mushubati ambwira ko Musenyeri Karibushi ubwe yiyiziye i Mushubati agamije kumva iby'indirimbo zahimbwaga n'abambari. Yaraje bakora igitaramo ahibereye, agamije kumva niba amagambo azigize adahabanye n'ukwemera kwa Kiliziya. Icyo gihe, ni we wemeye ko izo ndirimbo zajya ziririmbwa! Ni muri ubwo buryo ndetse, zimwe muri zo, zashyizwe no mu gitabo cy'umukirisitu, zikaba zisusurutsa ibitaramo by'amasengesho, ndetse no mu gitambo cy'Ukarisitiya zirakoreshwa!

6. AHO UMURYANGO W'ABAMBARI UKORERA UBU

1. Paruwasi Mushubati
2. Paruwasi Crête Congo-Nil
3. Paruwasi MURUNDA
4. Paruwasi KINUNU
5. Paruwasi BIRUYI
6. Paruwasi KIVUMU
7. Paruwasi BIRAMBO (Bizu).

Hari n'ahandi uwo muryango wigeze kugera, n'ubwo ubu utakihakorera bwose :

1. Paruwasi Kibuye (Ruragwe)
2. Paruwasi Rususa
3. Paruwasi Muhororo.

7. INAMA NAGIRA ABAMBARI BA MARIYA

Mu kwifuza kugira icyo nandika ku muryango w'abambari ba Mariya, ni uko nzi ubwiza bwawo ;

ndetse n'icyo umariye abakirisitu muri rusange !
Urabasusurutsa kandi ukabatinyura mu guhamya ukwemera kwabo.
Nyamara n'ubwo ufite aka kamaro bwose, ni ngombwa ko abawugize bazirikana ko ari umuryango ugitangira, ukiri mushya ! Ku bw'iyo mpamvu rero, ushobora guhuzagurika muri byinshi ! Ubwo rero, ugomba guhora iteka uteze amatwi nka Bikira Mariya ! Abawugize bakumva ijwi rya Kiliziya rikabayobora ! Niryo rizabarangira by'ukuri umurongo bagenderaho. Nibazirikane ko Kiliziya ari umubyeyi uyobowe na Roho Mutagatifu ; ko adashobora kuzimya ifumba igicumbeka, maze bamwumvire. Nibareke kumva Bikira Mariya uko bishakiye, ntibakibeshye ko ari bo bamuzi cyane, ibyo byaba ari ukwikuza, ahubwo nibatege amatwi bumve Bikira Mariya uko tumubwirwa n'ibyanditswe Bitagatifu, ndetse n'uko Kiliziya imutubwira, babone uko batoza abandi kumukunda !

Padiri Antoine MUSABYIMANA
Paroisse KIBUYE

FORUM Y'URUBYIRUKO MURI DUWAYENE YA BIRUYI

« Twiringiye Imana nzima » (1Tim4, 10)

Duwayene ya Biruyi iherereye muri Diyosezi yacu ya NYUNDO muri zone pastorale ya GISENYI ikaba igizwe na paruwasi 3: Biruyi, Kivumu, Kinunu ndetse na Santrali yitegura kuba Paruwasi(quasi paroisse) ya Kavumu. Urubyiruko rw'izo paruwasi rwashatse kumenyana maze rutegura ihuriro (Forum) rituma rusabana kuva ku ya18 kugera ku ya 19 ukuboza 2009. Hari hateraniye urubyiruko rugera kuri 350 ruturutse muri iyo Duwayene hamwe n'ababapadiri bane aribo NIYONSENGA Théophile ushinzwe urubyiruko muri Diyosezi ya Nyundo, zone ya GISENYI, NGARUKIYINTWARI Léonidas, Padiri mukuru wa Paruwasi Kinunu akaba ari nawe ushinzwe urubyiruko muri duwayene ya Biruyi, BISABWIMANA Valens, Padiri ushinzwe urubyiruko muri Paruwasi ya Biruyi no muri quasi paroisse ya Kavumu, na Padiri TUYISENGE Justin umurezi mu iseminari nto yo ku Nyundo wari mu butumwa muri Paruwasi ya Kinunu mu gihe cya Noheli . Hari kandi na Fratri NSHIMYUMUREMYI Straton wari mu butumwa bwa stage muri Paruwasi ya Kinunu akaba ari nawe wari ushinzwe urubyiruko rw'iyo Paruwasi .Iryo huriro ryabereye n'ubundi muri iyo Paruwasi ya Kinunu.

Iyo Forum yari imaze amezi abiri yitegurwa, yakozwe hashize ibyumweru bitatu habaye Forum ku rwego rw'Igihugu, yari yabereye i Cyangugu. Insanganyamatsiko «Twiringiye Imana nzima» (1Tim4, 10) yakoreshejwe, ni iy'iyo Forum ku rwego rw'igihugu urubyiruko rwafashe ruyigira iyarwo muri Duwayene.

Iyi Forum rero yari ishyushye, aho mu gutangira kwayo urubyiruko rwa Paruwasi Kinunu rwagiye gusanganira urundi rwo mu zindi Paruwasi ku ntera y'ibirometero bibiri haririmbwa za ndirimbo zishyushye zo mu bwoko bw'amakorasi zerekeye cyane cyane ku mubyeyi Bikira Mariya. Nyuma yo gusuhuzanya urubyuruko rwifatanyije mu rugendo rugenda ruririmba rugana kuri Paruwasi aho rwamenyeshejwe gahunda yagombaga gukurikizwa muri iyo minsi ibiri.

Urebye uko iyo gahunda yari iteye, harimo inyigisho(izatanzwe mu Misa kimwe n'izatanzwe mu biganiro), indirimbo, imbyino , imivugo, udukino,… byibanze cyane cyane ku nsanganyamatsiko ya Forum. Tugiye kubona zimwe mu nyigisho z'ingenzi zatanzwe, nyuma dusoreze ku bibazo bimwe na bimwe by'amatsiko urubyiruko rwabajije.

1.Mutagatifu YOZEFU, urugero mu kwiringira Imana

Mu Missa yabaye ku wa 18/12/2009 nyuma yo gushengerera no guhabwa isakramentu

ry'imbabazi(Penetensiya), twumvise mu Ivanjili(Mt1,18-24) urugero rw'umuntu wakurikiye ugushaka kw'Imana aho kwiringira ukwe. Uwo uvugwa nta wundi ni Yozefu wari warasabye umukobwa witwa Mariya hanyuma bikaza kumenyekana ko atwite.Yozefu byamuteye ikibazo gikomeye bigera aho yifuza kumusezerera rwihishwa. Hagati aho Malayika wa Nyagasani yabonekeye Yozefu mu nzozi amuha ibisobanuro ko Mariya yasamye ku bwa Roho Mutagatifu kandi ko atagomba kumusezerera. Nibwo Yozefu yemeye kubigenza uko Malayika w'Imana yabimutegetse, yiringira ibyo Imana yamutumyeho, adakomeje kwibaza uko abandi bantu bo mu muryango bazabyakira. Mu by'ukuri yemeye ugushaka kw'Imana.

Muri iyo nyigisho yatanzwe na Padiri Léonidas NGARUKIYINTWARI, aragaruka kuri iki kibazo : ese Yozefu ashobora kutubera urugero mu busugi bwacu (ku bakobwa) no mu bumanzi bwacu (ku bahungu)? Yozefu yiringiye Imana nzima yumva ko ibyo Imana imuteganyiriza ari byo bye. Ese twebwe twiringira iki? Ngo wiringira igihuru kikakubyarira igihunyira, kandi wakwiringira ijosi rikakubyarira umwingo. Ese ibyo dushyiramo amizero yacu nibyo bikwiriye kwiringirwa? Ubukungu se? Ngo ukize baraza. Ubutegetsi se? Nabwo bugera aho bugashira. Ubumenyi se? Ubwenge se? Imbaraga za kiboko se? Iterambere ry'ikoranabuhanga se?...Ibyo byose hari igihe bifata umwanya w'Imana muri twe ugasanga bitubereye ibigirwamana. Ibyo ngibyo bitwugarije ntibigomba kudutesha umwanya ngo tubishyiremo amizero. Dore ugomba kwiringirwa ni Uhoraho, Nyagasani Imana nzima.

2.Twiringiye Imana nzima

Iyi nyigisho iri kurasa ku ntego nyirizina y'insanganyamatsiko ya Forum, yatanzwe na Padiri TUYISENGE Justin ku wa19/12/2009. Aragira ati : iyi nteruro «Twiringiye Imana nzima» ni ijambo rikomeye Pawulo Mutagatifu yabwiye umwana we Timote agirango amukomeze. Nyuma y'aho Pawulo ahuriye n'amakuba menshi ndetse n'ingorane zitabuze aturondorera muri 1Kor4, 9-13 na 2Kor11, 23-33, ntibimutere inkeke na gato, abenshi bibaza impamvu yemera ubwo buzima ; kugira ngo rero yerekane ko Imana ariyo mukiza w'abantu bose yabwiye Timote ati : «niba tugoka ndetse tugaharana ni uko twiringiye Imana nzima» (1Tim4, 10).

Kwiringira Imana nzima bivuga iki?

a. Kwiringira: ni ukugira ikizere kidakuka cy'uko icyo utegereje kizaba kandi kigatungana. Wiringira rero ukurusha ububasha n'imbaraga bitewe n'uko ubona ari we uzakesha ibyo utegereje kandi wowe ukaba ubona utabyigezaho. Uwo wiringiye uramukunda cyane, ukumva aguteye ibyishimo kandi ukumva atagutenguha. None se wowe kugira ngo ugire ibyishimo wakwiringira nde? Ababyeyi? Inshuti? Urubyaro? Fiyanse(fiancé)?...Umubwiriza (2,3.11) ngo yaritegereje asanga byose ari ubusa; ukwiye kwiringirwa ni umwe: ni Imana yonyine. Niyo idahemuka, idatenguha uyizigiye; ni nyir'ububasha, nyir'ubuzima,… nta na kimwe idatanga.

b.Imana nzima: Imana yacu ni Imana iba mu ijuru kandi icyo ishatse cyose iragikora. Ni Imana ivuga, yumva, isubiza, ibona, ikora kandi igenda hose ishakisha abana bayo. Rero ni Imana nyakuri ikwiye kwiringirwa mu bihe byose duhura na byo, ari ubukene, ubushomeri, intambara, indwara z'ibyorezo, ubujiji, inzangano, ibikomere binyuranye,…nta handi tuzasoroma umuti wabyo atari ku Mana nzima twiringiye, kandi uyiringiye ntakorwa n'ikimwaro bibaho.

2.2 .Ese kwiringira Imana bimaze iki?

-Uwiringiye Imana ntimukoza isoni iramurinda kabone n'iyo ageze mu bitotezo. Luka umwanditsi w'Ivanjiri ati: muzirinde guhagarika umutima mwibaza uko muziregura, kuko ubwanjye nzabaha imvugo n'ubuhanga abanzi banyu batazashobora kurwanya(Reba

Lk21,14-15).

-Uwiringiye Imana imwuzuza ihirwe ryose n'amahoro, maze ku bwa Roho Mutagatifu ikamusendereza ukwizera n'imigisha yayo.

-Uwiringiye Imana bituma agira ukwizera, ukwizera kukamuha kwiyumanganya mu magorwa yose(Reba Rm12, 12).

-Iyo wiringiye Imana igihe cyose irakurengera. Pawulo yiringiye Imana imurokora muri byinshi(urugero mu buroko).

-Uwiringiye Imana agira icyizere bityo ntahungabanywe n'ibihita; yikomezamo ubwiringire buhamye ndetse anaterwa ishema n'ukwizera afite(He3, 6).

2.3. Kuki urubyiruko tugomba kwiringira Imana nzima?

Urubyiruko dufite ibibazo byinshi , kandi nta wundi wabidukemurira ngo aduhe amahoro n'ibyishimo nyabyo uretse Imana idahemuka, Imana ikungahaza abayikunda. Kuyikunda ni ukuyisanga tukayibwira ibyo dukeneye byose. Nta handi tuzanyura atari mu gukunda isengesho nk'uko Yezu abitubwira(Mt21, 22). Ngiryo ibanga ryo gukungahara; rizatuma dutsinda imivumba myinshi iri muri iyi si ishobora kudutera ubwoba tukiheba cyangwa ikatuyobya. Zimwe mu ngero z'iyo mivumba tugomba kwitondera no kwirinda:

-Iterambere ry'ikoranabuhanga (Telefoni, Internet,…),

-Amategeko amwe n'amwe ashyigikira ibibi(nko gukuramo inda, gusambana,…) agashyira

Imana ku ruhande,

-Imico y'abazungu ituma duhindura imyambarire n'imyitwarire, ngo twabonye za sitile(styles) zigezweho nka V.C.D.=Ventre et Cuisses Dehors(inda n'ibibero ku karubanda),

D.V.D.= Dos et Ventre Dehors (umugongo n'inda ku karubanda),

-Ibyateye mu rubyiruko rw'iki gihe byo kwakana cyangwa guhana Umusogongero(avance) mbere yo gushakana,

-Abitwaza Ijambo ry'Imana ngo «twahawe ku buntu, dutange ku buntu»

-N'ibindi.

Rimwe na rimwe cyane cyane iyo byakurenze, wumva wakora kimwe nk'abandi b'abapagani; icyo gihe uba wacitse intege hafi ya zose. Ntitugatume bigera aho, tugomba kubitsinda. Imana niyo yonyine yatuma tubitsinda, yo itubwira iti:«nimuhumure, mwigira ubwoba»(Mt14, 27). Tujye turangamira Yezu we ugira umutima utuza kandi woroshya, we uhora uturembuza ngo adutwaze imitwaro iremereye twikoreye. Umwiringiye ntamutererana, aramutabara akamufasha mu bibazo afite byose. Umusaraba we ni uw'imitsindo; twegekeho imisaraba y'ubuzima bwacu kugira ngo aturuhure. Nta kibazo cyadukangaranya igihe twiringiye Yezu ku musaraba, kuko ku musaraba hari ibibazo bya buri wese. Ku bw'ibyo rero hari uko tugomba kwigaragaza mu imyitwarire yacu nk'abiringiye Imana by'ukuri.

2.4. Uwiringiye Imana agomba kwitwara ate?

a.Agomba kwimura muri we ingoma ya shitani(Ga5,19-21) akayoborwa na Roho Mutagatifu;

b.Asezerera muri we muntu w'igisazira agahinduka mushya, maze akirinda gutwarwa n'ibikorwa by'ab'isi, imyitwarire y'ab'isi, imyambarire y'ab'isi, ibigambo by'ab'isi n'ibindi

c.Agomba guharanira ubutungane igihe cyose nk'uko uwo yiringiye nawe ari intungane;

d.Asabwe kuba umuhamya w'urukundo aho ari hose n'igihe icyo aricyo cyose;

e.Uwiringiye Imana agomba kwemera kuvunika, gutukwa, gusebywa, gutotezwa kuko aba azi neza ko Imana yiringiye izamuha ibisubizo, kandi ko byose bihira abakunda Imana.

Arangiza inyigisho yatangaga, Padiri TUYISENGE Justin yabwiye urubyiruko rwari ruteraniye aho, kimwe n'abandi bose ati: «Bavandimwe, nidukora icyo Yezu adusaba, tukamwiringira kandi tukamukunda, nawe azatubera igisubizo cy'ibibazo byacu maze tumererwe neza mu mitima yacu, hanyuma kuri wa munsi azaduhembe twibanire na we, hamwe na Bikira Mariya n'abamalayika, maze tunezerwe iteka ryose, Amina».

3.Ukwizera kwacu kugaragarira mu rukundo

Inyigisho Padiri NIYONSENGA Théophile (Omoniye w'urubyiruko muri Diyosezi ya Nyundo, zone pastorale ya Gisenyi) yatanze, nayo yakomeje gushimangira iyo nsanganyamatsiko, yibutsa imigenzo ikwiye kuranga umukristu nyawe: ukwemera, ukwizera n'urukundo. Padiri arabwira urubyiruko ko nta kindi kintu rugomba kwiringira, kuko byose bishira; ariko Imana yacu yo ihoraho. Nuko ati: «Imana yacu ni Nzima ntabwo ari nzimu». Nibyo koko, kuko kwiringira Imana nzima, bituma twirinda abatugira inshuti bashaka kudushuka, ahubwo bigatuma tugira urukundo rwitanga. Igipimo cy'urwo rukundo si uko umuntu akubwira ngo aragukunda byonyine, ahubwo hakwiyongeyeho ko aba yanagupfira igihe bibaye ngombwa. Nyamara dusabwe kwitonda, kuko muri iki gihe hari abadafite imyumvire nk'iyo, bavuga ko aho kugupfira bagupfusha. Padiri yakomeje inyigisho yumvisha urubyiruko ko rwakwihatira kugira urukundo rwimakaza umuco wo kwifata, atari rwa rundi rushora abantu mu busambanyi ngo barakoresha agakingirizo. Urubyiruko rugomba kwirinda imishinga itarimo Imana.

Padiri asoza yibukije ubutumwa bw'urubyiruko, uko bukubiye mu mirongo migari ine:

a.Gusenga, n'indi myitozo ifasha roho zacu gusabana n'Imana, urugero nk'imyiherero;

b.Gusobanukirwa n'ukwemera;

c.Kwiteza imbere mu burere no mu bukungu;

d.Kwitabira ubusabane, imikino n'imyidagaduro.

4. Ibibazo bimwe na bimwe byabajijwe

Muri iryo huriro, urubyiruko rwagenewe umwanya wo kubaza ibibazo cyane cyane bya bindi biteye amatsiko, dore ko inyigisho zari zarucengeye ku buryo bwimbitse. Ibyo bibazo byasubijwe n'abapadiri bose uko bari bateraniye aho.

1. Ikibazo cya mbere cyari ikijyanye no kumenya akamaro ka Forum. Umwe mu bapadiri bari aho

yagisubije mu ngingo enye:

-Forum y'urubyiruko ituma habaho ubusabane bw'urubyiruko, rukamenyana hagati yarwo

ndetse ni n'ubusabane bwa Kiliziya muri rusange,

-Forum ituma twongera kwibuka ko twese turi abavandimwe bityo tukunga ubumwe nk'uko intego ya Sinodi ya Diyosezi yacu ibidushishikariza,

-Muri Forum urubyiruko rufata icyerekezo kimwe, urugero nk'uko muri iyi Forum rwasabwe kwitabira Imiryango-Remezo, Amatsinda y'urubyiruko ndetse n'Imiryango ya Agisiyo Gatolika,

-Muri Forum urubyiruko ruganira ku bibazo by'ingutu birwugarije, cyane cyane nko ku isakramentu ry'ugushyingirwa, risigaye riteshwa agaciro n'abantu benshi b'iki gihe.

2. Ese kuki Bikira Mariya akunda kubonekera abantu ahagaze mu ndabo?

Igisubizo: Bikira Mariya abonekera abantu kugira ngo abatume ku bandi. Niyo mpamvu aza mu bantu. Kuri iyi si rero hari abantu b'ingeri nyinshi, bityo rero indabo zishushanya abantu b'izo ngeri zose.

3. Kuki impinja zibatizwa?

Igisubizo: ni ngombwa ko impinja zibatizwa kuko ari abantu, kandi umuntu abaho kuva agisamwa. Nk'uko rero ababyeyi bahitiramo abana babo b'impinja ubuzima bw'umubiri bwiza, bagomba no kubahitiramo ubuzima bwiza bwa roho, bakababatirisha kugira ngo bakire icyaha cy'inkomoko.

4.Hari n'ibindi byinshi byabajijwe biranasubizwa, ibijyanye n'amashusho matagatifu, Asomusiyo, …

Umusozo

Nyuma y'izo nyigisho zitandukanye no gusubiza ibibazo, urubyiruko rwafashe akanya gato ko kuruhuka no kuzirikana ku byo izo nyigisho ziruhamagarira. Hakurikiyeho igitambo cya Missa cyatangiye saa sita n'igice ari naho Padiri BISABWIMANA Valens wayoboye iyo Misa yashimangiye ingingo zimwe na zimwe zari zitumvikanye neza. Igitambo cya Missa gihumuje, urubyiruko rwari ruteraniye i Kinunu ruri kumwe na ba bapadiri bane ndetse na Fratri NSHIMYUMUREMYI Straton wakoreraga ubutumwa muri iyo Paruwasi, bahuriye mu busabane. Nk'uko bari bafashe byinshi byubaka roho, bafashe n'ibiribwa n'ibinyobwa byubaka umubiri, bakora n'ibirori byarangaga ibyishimo bari bafite.

Icyagaragaje by'umwihariko ibyishimo by'urubyiruko rwari ruteraniye aho ni uko mbere yo gutaha rwafashe icyemezo cy'uko Forum ya Duwayene izajya iba buri mwaka kandi za Paruwasi zigasimburana mu kuyitegura.

Abari bateraniye muri iryo huriro basezeranyeho saa cyenda n'igice, bahabwa umugisha, barataha, bose bari bishimye bagira bati:«yarahombye utaritabiriye iri huriro».

Fratri NSHIMYUMUREMYI Straton

MUSENYERI ALOYIZI BIGIRUMWAMI, UMUSHUMBA

WATONESHEJWE NA BIKIRA MARIYA UMUBYEYI W'ABAKENE

Umubyeyi w'Abakene i Banneux muri Liège

I Congo-Nil ho muri Nyundo

1. Umushumba wabanje iyi Diyosezi
Bigirumwami wayigutuye
Wamwakiriye utazuyaje
Umuha ikaze agihinguka mu marembo.

2. Uti: humura mwana wanjye
Shira impumu ushire igihunga
Maze umbwire ikikugenza
Erega ndi Umubyeyi w'Abakene !

3. Uti: mwana wanjye, sinagutererana bibaho
Uri n'ubuliza bwanjye mu Bashumba,
Muri Afurika yo hagati
Kandi twagutoye twashishoje.

4. Wungamo uti: sinaguhana mwana wanjye
Nzaguharanira nk'uko wanyizeye
Ukambonamo Umubyeyi udatetereza,
Udatenguha abamugana bose.

5. Niba hari n'abibwira ko uzananirwa
Bazibonerako uzalinda utabaruka
Ukiri Rudahinyuka Ntore yacu
Ahubwo warateguriye ku buryo bunoze

6. Abazagusimbura ku nkoni y'Ubushumba
Kukuba hafi bindi ku Mutima, kandi bose bazabibona
Wishimane n'abawe
Mushimire Uhoraho wabiguhaye.

7. Umwana wanjye yaragutoye
Uramukundira aragukunda
None akuragije ubushyo bw'abatowe
Kuko uzabukenura turabizi.

8. Twibuke ko mu kumuragiza iyi Diyosezi
Yari umushike impande zose
Maze umuha umuganda
Amasinde murayarima.

9.Murayacoca muranatabira
Imbuto muteye zihita zera
Zitanga umusaruro turishima.
Ingabire watanze ntizapfa ubusa.

10. Amashuri menshi ubwo ga arashingwa
Seminari ntoya itaha ku Murama
Mu nderabarezi Muramba iza ku isonga
N'andi menshi aza akurikiyeho.

11.Mu mpande nyinshi zo muri Diyosezi
Maze abari b'abanyarwanda
Bari baraheze iyo mu bikari
Bajya ahabona bariga baraminuza
Na bo barerera Urwababyaye.

12.Babikesha uwo batibagirwa
Umubyeyi Bigirumwami
Wabakuye mu bujiji
Bwari bwarababayeho akarande

13.Yagucyuye i Kongo-Nil uba
Umurwa wawe ukomeye hano iwacu
Baragusanga nk'abisanga
Urahataramirwa bigatinda.

14.Umusaserdoti umwe
Yagusabye buri mwaka
Waramutanze uranamurenza
Maze ama paruwasi ubwo ga arashingwa.

15.Hirya hino muri Diyosezi
Bitera ubwuzu n'imbabazi
Ababibona bose
Bagapfukama bagashimira.

16.Buri Mushumba uragijwe iyi Diyosezi
Yihutira kugusanga
Akavugurura ya masezerano
Wagiranye n'Umukurambere Wayibanje.

17.Niko bose ubatega amatwi
Ukababa hafi ubudahuga
Bagashobora gusohoza ubutumwa bwabo
Inkoni y'Ubushumba ntiremere
Babikesha wowe Mubyeyi.

18.Mama, sinavuga ibyiza byawe
Ngo ngire aho mbikora
Reka mpinire ahangaha
Mpe na buri wese akanya
Akubwire iryo afite ku mutima.

Thérèse MUKANTABASHWA
Paroisse Stella Maris / GISENYI

AMAKURU YO HIRYA NO HINO

MUTARAMA 2011

Tariki ya 01/01 : Muri Diyosezi yose hatangijwe umwaka wo kwivugurura no gushimira Imana, nyuma y'imyaka icumi ishize dushoje Sinode idasanzwe. Ibizakorwa byose muri uwo mwaka byaragijwe Bikira Mariya, Umubyeyi w'Imana akaba kandi n'Umubyeyi w'Abakene Diyosezi ya Nyundo yiringira ko ahora ayivuganira.

Muri Katedrali ya Nyundo yari yasagutse abantu, Musenyeri Alexis Habiyambere yibukije intego z'uwo mwaka, asaba abakristu kuzitabira ibyo basabwa buri kwezi, bakazabyigana ubushake n'umutima wiyemeje kwivugurura.

Tariki ya 18/01 : Abagize inama ishinzwe umutungo bayobowe n'Umushumba wa Diyosezi, bagiriye inama ku Nyundo.

Tariki ya 19/01: Inama ya Presbyterium, imwe ihuza abasaserdoti bose ba Diyosezi yarateranye. Abapadiri babanje kugezwaho umushinga w'ibizakorwa mu mwaka w'isuzuma bikorwa y'ibyagezweho nyuma y'imyaka 10 ishize dushoje Sinodi, ukaba n'umwaka wo kwiha imigambi mishya. Nyuma yo kumva uwo mushinga w'ibyateguwe n'Akanama kabigenewe kashyizweho n'Umwepiskopi, abapadiri bagiye mu matsinda babyigaho. Mu gihe cyo guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda bemeje ibizakorwa.

Ku munsi wa kabiri w'iyo nama abashinzwe imirimo rusange ya Diyosezi, bagiye, umwe ukwe, bageza ku bapadiri ibyakozwe na "service" bashinzwe n'ibyo bateganya muri 2011.

Tariki ya 24-26/01 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yari mu nama nkuru ya Caritas Rwanda yabereye I Mbare muri Kabgayi.

Tariki ya 28/01 : Umuryango C.R.S w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ugenewe kugoboka abakene no kubafasha kwiteza imbere wizihije imyaka 50 umaze ukorera mu Rwanda. Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yari muri uwo munsi mukuru wabimburiwe n'igitambo cya Misa cyaturiwe ahari icyicaro gikuru cy'uwo muryango.

GASHYANTARE 2011

Tariki ya 06/02 : Abiyeguriyimana benshi baturutse muri Paruwasi zo hafi yo ku Nyundo bahuriye hamwe mu gitambo cya Misa yayobowe n'Umushumba wa Diyosezi. Yabasabye gukomera ku byo biyemeje kandi bakaninjira muri gahunda za Diyosezi bakoreramo.

Tariki ya 11/02 : Habaye umunsi mukuru uhebuje : Mu Misa yatangiye saa ine muri Katedrali ya Nyundo , Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yakiriye amasezerano ya burundu y'Abahire ba Nyina wa Jambo 39. Nibo ba mbere basezeranye burundu. Uwo muryango watangiriye ku Mubuga muri 1987 ushyigikiwe na Musenyeri Ludoviko GASORE; ubu umaze kugira ingo 15, muri Diyosezi enye : Nyundo ingo 11, Kabgayi 2, Butare 1, Gikongoro 1.

Tariki ya 15/02 : Inama ishinzwe umutungo wa Diyosezi yarateranye iyobowe n'Umushumba wa Diyosezi, bagezwaho uko umutungo wakoreshejwe mu mwaka wa 2010, n'ingengo y'imari y'umwaka wa 2011.

Tariki ya 16/02 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yayoboye imirimo y'inama nkuru y'umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo (chapitre général). Yari inama isanzwe nyuma y'amasezerano ya burundu yashojwe no gutora Umukuru w'Umuryango n'abajyanama be banabirahirira imbere y'Umwepiskopi.

Tariki ya 20/02 : Mu i Seminari Nto yitiriwe Mt.Piyo X, Musenyeri yayoboye igitambo cya Misa cyo gutangiza ku mugaragaro umwaka w'amashuri wa 2011.

Tariki ya 20/02 : Nyuma y'uko Chorale St.Joseph yo mu Ruhengeri isura Chorale Magnificat yo ku Gisenyi, iyi nayo yifuje kujya kubishyura mu rwego rwo kunoza umubano mwiza zifuje kugirana. Bakigerayo, bakiranywe ubwuzu na Chorale St Joseph, bakomeza bifatanya mu gitambo cya Misa ya saa tanu, yaririmbwe na Magnificat ya Gisenyi. Mu gitambo cya Misa, Padiri yashimiye korali zombi zifuje kugirana ubucuti, ati Ruhengeri na Gisenyi dusa n'aho twabaye umwe kubera ko dusangiye Umubyeyi n'Umushumba, Chorali Magnificat rero ikaba yaje yisanga kuko iri iwabo.

Misa ihumuje, bakomereje mu nzu mberabyombi ya paruwasi, bakirwa n'itorero "Imanzi za Kristu". Nyuma yo gutanga ikaze no kwerekana abashyitsi, abayobozi ba za korali zombi bagejeje ku bari aho amavu n'amavuko ya korali bahagarariye, ibyo zagezeho n'ibyo ziteganya kugeraho, ndetse n'inzitizi bahuye nazo ariko zikaba zitarabaciye intege.

Padiri Fabien HAGENIMANA Omoniye wa korali za paroisse, akaba na Recteur wa UNES Ruhengeri, yabashimiye ko baje kwifatanya nabo mu gusingiza Imana, ati nta handi tuzaronka ubukungu atari mu mubano wacu n'abavandimwe.

Yakomeje aha impanuro ama korali agira ati : abafite impano yo kumenya kuririmba bajye bishimira gufasha bagenzi babo batarabigeraho, kuko byagaragaye ko hari abitaza abandi, babaziza ko bataririmba kimwe nabo, umuntu akaza akwegera uti "arahanda"; ntumenye ko nawe "uhanda". Imana ishaka ko usabana nayo n'umutima wawe wose, uko waririmba kose Imana yawe irakumva, ntukagire ipfunwe ry'uko uririmba.

Umuririmbyi mwiza n'uririmba agamije ibi bikurikira :

•Ndashaka gusingiza Uhoraho

•Ndashaka gusingiza Uhoraho nfatanyije n'abandi

•Ndashaka gusingiza Uhoraho mfasha abandi

Ikiranga korali n'igisobanuro itanga. Zijye zituma abantu basobanukirwa, kandi zibafashe no gushyigikirana.

Padiri Mukuru wa paroisse yaje kubasuhuza anabashimira, ati mugumye gutera imbere mu buryo bw'ubukungu n'ubukristu, kandi umubano wanyu ugumye ukomeze, Chorale St.Joseph mugumye mwere imbuto.

Abaha umugisha, maze abifuriza urugendo rwiza.

WERURWE 2011

Tariki ya 01/03 : Ku Gisenyi Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yayoboye imihango yo gutangiza inama ya Caritas Nyundo/Gisenyi.

Tariki ya 02/03 : Muri Katedrali ya Nyundo habaye Misa isaa kumi n'igice(16h30') yo gutangiza umwaka w'amashuri wa 2011. Yayobowe n'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo Nyiricyubahiro Myr Alexis Habiyambere, ari kumwe na Myr J.M.V. NSENGUMUREMYI uhagarariye amashuri gatorika muri Diyosezi ya Nyundo. Iyo missa yari yitabiriwe n'ibigo by'amashuri bya Nyundo, aribyo: Groupe Scolaire de Nyundo - Petit Séminaire - Ecole d'Arts - na Groupe Scolaire Sanzare .

Tariki ya 07-08/03 : Ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda habereye inama yahuje Abapadiri bashinzwe umutungo muri Diyosezi zose zo mu Rwanda. Hagaragarijwe ibyakoreshejwe mu mirimo rusange Diyosezi zihuriraho n'ibiteganyirizwa uyu mwaka wa 2011.

Tariki ya 09/03 : Ku wa gatatu w'umunsi w'ivu Musenyeri Alexis Habiyambere yayoboye Missa yo gutangiza Igisibo. Yibukije abakristu ko mu gisibo cy'uyu mwaka bazifashisha ibyo basabwa mu kwivugurura nyuma y'imyaka icumi dushoje Sinodi.

Tariki ya 11-18/03 : Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda bari mu nama yabo isanzwe i Kigali.

Tariki ya 21-24/03: Abepiskopi bo mu Rwanda n'abo mu Burundi bagize inama (ACOREB) yabereye i Butare. Bibanze cyane ku bireba ishuri rikuru rya I.S.P.C. ubu ryagizwe ishami rya Kaminuza Gatolika y'u Rwanda.

Tariki ya 26/03 : Ku mugoroba, abiyeguriye Imana bo ku Nyundo bahuriye kuri Evêché kugira ngo bifurize umunsi mwiza w'isabukuru y'imyaka 14 Musenyeri Alexis Habiyambere amaze ari Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo. Umunsi nyirizina wari wabaye taliki ya 22/03, Musenyeri ari mu nama y'ACOREB i Butare.

Tariki ya 29/3 : Musenyeri yaturiye igitambo cy'Ukaristiya kuri E.T.A.G (ishuri ryigisha ubukanishi bw'amamodoka rya Gisenyi). Nyuma ya Misa hatashywe amazu mashya yongerewe ku yari ahasanzwe. Ibyo birori byarimo incuti nyinshi zaturutse mu Buholandi ziyobowe na Bwana Jan Marcellis watangije iryo shuri kandi udahwema kuritera inkunga.

MATA 2011

Tariki ya 05/4 : Musenyeri Alexis Habiyambere yiriwe mu i Seminari nto abonana na buri museminari wo mu mwaka wa gatandatu wasabye kuzajya mu i Seminari nkuru i Rutongo.

Tariki ya 06/04 : Madame Carolina Hidea, Umujyanama mu bya politiki n'iby'ubukungu muri ambassade ya Leta zunze ubumwe z'Amerika y'i Kigali, yaje gusuhuza Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

Tariki ya 07/04 : Ku Nyundo kimwe n'ahandi hose mu Gihugu hatangiye icyumweru cy'icyunamo. Musenyeri ari kumwe n'Abapadiri n'Abiyeguriyimana bo ku Nyundo n'abaturage benshi bagiye gushyira indabo ku rwibutso rwa Jenoside rwo ku Nyundo.

Tariki ya 09/04 : Uyu mwaka, amataliki n'iminsi byahuraga n'uko byari bimeze muri 1994. Ku Nyundo habereye Misa muri Katedrali, iyobowe n'Umushumba wa Diyosezi yo kwibuka abapadiri, abafaratiri, abafureri, ababikira n'abalayiki biyeguriyimana bishwe muri Jenoside. Abo twibuka amazina bibukijwe abari mu misa, ni 93. Twibutse kandi n'abandi bantu barenga 500 biciwe mu Kiliziya no hafi yayo bamwe ku iyi taliki ya 9/4 abandi ku ya 1/5.

Tariki ya 17/04 : Musenyeri yayoboye imihango na Misa by'umunsi wa Mashami utangiza icyumweru gitagatifu. Uyu mwaka abakristu baje ari benshi, cyane mu minsi itatu mitagatifu.

Tariki ya 29/04 : Noviciat y'Ababikira b'Izuka yari imaze imyaka 4 ku Gisenyi yimukiye i Masaka muri Arkidiyosezi ya Kigali. Icyakora Postulat izaguma i Busasamana.

GICURASI 2011

Tariki ya 01/05 : Ni umunsi Papa Yohani Pawulo II yashyizwe mu rwego rw'Abahire. Ushyizwe mu rwego rw'Abahire Kiliziya iba yemeza ko Nyagasani yamwakiriye mu ijuru. Abantu bashobora kumwiyambaza, cyane bagakurikiza n'urugero rwiza rw'ibyo yakoze byamuhesheje ikuzo mu ijuru. Haba hasigaye ko batangaza rwose ko ari umutagatifu. Hose muri Diyosezi uwo munsi warizihijwe cyane.

Tariki ya 04/05 : Bwana Wilhelm Thees na Madame Christine Flotter bo muri MISEREOR baje gusuhuza Umushumba wa Diyosezi.

Tariki ya 07/05 : Urwunge rw'amashuri rwaragijwe Bikira Mariya Umwamikazi w'Afurika rwizihije umunsi mukuru warwo. Musenyeri yabayoboreye igitambo cya Misa anifatanya nabo mu birori byakurikiyeho.

Tariki ya 08/05 : Muri Katedrali ya Nyundo haturiwe igitambo cya Misa kiyobowe n'Umwepiskopi cyo gushimira Imana kubera ishyirwa rya Papa Yohani Pawulo II mu rwego rw'Abahire.

Tariki ya 10-13/05 : Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda bari mu nama yabo isanzwe. Muri iyo nama banashoboye kubona umwanya wo gushyikirana na Ministri James Musoni wa MINALOC (12/5).

Tariki ya 17/05: Abagize Komisiyo ishinzwe gutunganya iby' umwaka wa 10 dushoje Sinodi bagize inama yo kureba uko igice cya mbere cyagenze.

Bishimiye ibyakorewe mu miryango-remezo abantu biga ibibazo bahawe kandi bafata n'imigambi iboneye, banateguye uko igice cya kabiri cy'imihigo kizagenda. Ibyo bize byari bigenewe gushyikirizwa inama ya Presbyterium yari iraye iri bube.
& nbsp;

Tariki ya 18-19/05: Habaye inama y'Abasaserdoti bose ba Diyosezi. Muri iyo nama baganiriye ku ishyirwa mu Bahire rya Papa Yohani Pawulo II, n'icyo bikwiye kudusigira. Bafata umwanya urambuye wo kuganira ku byerekeye uyu mwaka wa 10 nyuma yo gusoza Sinodi. Bamaze kumva

ibyo Komisiyo iwushinzwe yifuza, na buri doyenné yatanze ingingo ibona zikwiye kwitabwaho, imaze no kugaragaza ibyakozwe. Nyuma bumvikanye ku mihimbazo iteganyijwe, kuri Pentekosti, Umunsi w'Isakramentu ry'Ukaristiya, umunsi w'Abalayiki, Assomption no ku munsi mukuru wa Kristu Umwami. Iyo mihimbazo igomba kuba umusozo w'ibyateguwe neza uhereye mu muryangoremezo, kandi byerekeza ku bikorwa bizakomeza.

Tariki ya 26/05 : Ministri w'Ubuzima yasuye ikigo nderabuzima cya Nyundo kugira ngo barebe uko kizamera kuko hemejwe ko kitaguma aho cyari gisanzwe kubera umugezi wa Sebeya uhora uhasenderera.

Tariki ya 29/05: Musenyeri Alexis Habiyambere yahaye Isakramentu ry'Ubusaserdoti Padiri Gallican Nduwimana wo mu Bapadiri bitwa Carmes Déchaux. Yabuherewe i Muramba aho avuka.

KAMENA 2011

Tariki ya 03/6 : Umunsi w'Abahowe Imana b'i Buganda. Kuwo munsi, ababishoboye bahurira i Namugongo biyambaza abo batagatifu batanze ubuzima bwabo bazira izina ry'Imana, basaba ingabire zo kuzatera ikirenge mu cyabo.

Tariki ya 03/06 : Icyumweru cy'uburezi Gatolika cyasorejwe i Nyange gihuje paruwasi za zone pastorale ya Kibuye. Hari imbaga itabarika y'abana n'abarezi babo baturutse mu izo paruwasi zose. Abantu kandi bashimye ukuntu byose byari biteguye neza.

Tariki ya 04/06 : Mu Birambo naho, Musenyeri yahatangiye Ubupadiri. Bwahawe Padiri J.Pierre Ntabwoba wo mu ba Rogationistes.

Tariki ya 11/06: Muri zone Pastorale ya Gisenyi nabo bashoje icyumweru cy'uburezi, bibera kuri paruwasi ya Muhato. Nabyo byagenze neza rwose.

Tariki ya 12/06 : Umunsi mukuru wa Pentekosti, muri paruwasi nyinshi wanabaye umunsi wo guhamya imihigo yo kuba intumwa. Paruwasi zishima abakristu bitangira Kiliziya, muri za Komite na Komisiyo zinyuranye, mu miryangoremezo no mu matsinda y'abana. Berekanye icyerekezo gihamye kandi mu bikorwa bifatika bihaye uhereye mu miryangoremezo. Twizere ko byose bizakomeza, ntihagire paruwasi n'imwe isigara.

Tariki ya 14/06 : Muri Orphelinat Noël ku Nyundo habereye inama yatumijwe na Mijeprof kugira ngo bige uburyo bwo kugabanya ubwinshi bw'ababararererwa babashakira imiryango ibakira. Ibyo babyihayeho intego kugera ku itariki ya 10/12/2011.

Tariki ya 17/06 : Abashinzwe gutunganya plan stratégique (iteganya mikorere rya kiliziya)bari kumwe na Musenyeri Anastase Mutabazi basuye Nyundo.

Tariki ya 19/06 : Urubyiruko rwo muri Diyosezi ya Nyundo, barenga 5000

barimo n'abiga mu mashuri yisumbuye bahuriye i Kongo-Nil ku murwa wa Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene, bahaturira igitambo cy'Ukaristiya bakikije Umwepiskopi n'Abapadiri benshi. Byababereye uburyo bwo kwiyunguramo urukundo rw'Imana n'ubuvandimwe hagati yabo, kandi banahumvira impanuro nyinshi.

Tariki ya 26/06 : Umunsi mukuru w'Isakramentu ritagatifu ry'Ukaristiya, wabaye umunsi wo guhamya imihigo y'ubuvandimwe. Muri Paruwasi aho bashoboye gutambagira bari bafite ibyapa byanditseho iyo mihigo bari bahamije nyuma yo kumva ijambo ry'Imana mu misa. Bagendaga bazirikana ko n'umukristu utambagira ari ingoro ya Yezu ahabwa, ko bose bafite ubumwe bugomba kugaragazwa no gufashanya. Ku Nyundo ho kubera imvura y'igikatu ntibashoboye gutambagira byose byabereye mu ishengerera rirambuye muri Katedrali.

Tariki ya 28/06: Abasaserdoti bagize inteko ngishwanama y'Umwepiskopi (Collège des Consulteurs) bagize inama yo kureba uko Umwepiskopi yagennye guha ubutumwa abapadiri ba Diyosezi. Ubwo butumwa bwatangajwe ku italiki ya 30/06.

N.B. Muri aya makuru tuvuga ibyo Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yakoreye muri iyi Diyosezi, ariko hari n'ibindi byinshi agirira muri Diyosezi ya Ruhengeri ayobora muri iki gihe.

BAMURANGE Françoise

UBUTUMWA BUSHYA MUSENYERI ALEXIS HABIYAMBERE YAHAYE ABASASERDOTI BA DIYOSEZI YA NYUNDO MU MWAKA WA 2011-2012.

Ku Basaserdoti ba Diyosezi ya Nyundo

Nimugire amahoro,

Dushimire Imana ihaye Diyosezi ya Nyundo abasaserdoti bashya icyenda uyu mwaka. Ni ubuntu bw'Imana butagereranywa. Dushimire na Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene waragijwe Diyosezi yacu ukuntu atuba hafi akumva amasengesho tumunyuzaho dutakamba ngo tubone abasaserdoti benshi kandi beza bitangira kwamamaza Inkuru Nziza y'Umwana We mu bwitange bugaragarira abo bashinzwe.

Ubwo buntu budasanzwe bw'Imana butumye dutangiza paruwasi nshya ya Kabaya yari ikenewe cyane. Butumye kandi Paruwasi zimwe zishobora kubona abapadiri batatu : Murunda, Mushubati, Nyange, Birambo, Muramba, Rambura, Busasamana na Biruyi. Ahandi hari abapadiri 2 n'umufaratiri. Tuvuye kure. Imana nishimirwe.

Uyu mwaka kandi ni umwaka wo kwishimira urugendo rushimishije Diyosezi yacu yagize muri iyi myaka icumi dushoje Sinodi idasanzwe. Twateye intambwe ikomeye: Imana yatumye bishoboka. Impuhwe natanze muri uyu mwaka udasanzwe zitabiriwe n'abakristu benshi: mukomeze mubaherekeze muri urwo rugendo rwo kwivugurura no kugarukira Imana.

Mu Iyogezabutumwa bwacu dukomeze kwita ku matsinda y'abana bato mu muryango-remezo, tube hafi urubyiruko amizero ya Kiliziya n'amizero y'Igihugu cyacu, duhe ingufu Imiryango y'Agisiyo Gatolika, kandi dukurikiranire hafi uburere n'uburezi mu mashuri dufitemo ijambo. Ibyo byose bidusaba gutahiriza umugozi umwe, bisaba abapadiri gukomeza kunga ubumwe hagati yabo, hagati yabo n'Umwepiskopi wabo.

Mbifurije mwese ubutumwa bwiza. Mbaragije

Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene.

Bikorewe ku Nyundo, ku wa 28/06/2011

+ Alexis HABIYAMBERE, S.J,

Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

Ubutumwa bushya : Nyakanga 2011

I. SERVICES GENERAUX

Mgr. J.M.V. NSENGUMUREMYI : Vicaire Général, Représentant Diocésain de l'Education Catholique, O.P.M.

A.J.Népomuscène MALIYAMUNGU : Econome Général, Gestionnaire du Domaine de la Trinité, Etudes à l'ULK (le soir).

A. Fabien RWAKAREKE :Vicaire Episcopal chargé du suivi du Synode Diocésain, Chancelier, Service Diocésain de Coordination Pastorale, Délégué Spécial de l'Evêque auprès de Abahire.

A. Vincent HAROLIMANA : Recteur du Petit Séminaire St Pie X, chargé de la Pastorale des Vocations et des Grands Séminaristes, Aumônier de la Fraternité Notre Dame de la Résurrection.

A. Elie HATANGIMBABAZI : Econome Général adjoint, Gestionnaire du Centre d'Accueil St.François Xavier, Etudes à l'ULK (Droit, le soir).

A.. Etienne MUKERAGABIRO : Directeur de la Caritas Nyundo/Gisenyi, chargé du suivi des Projets d'autofinancement et de développement dans les paroisses de la Zone Gisenyi, chargé du Service Diocésain de Catéchèse/ Gisenyi.

A. Thaddée MUSABYIMANA : Directeur de la Caritas Nyundo/Kibuye, chargé du suivi des Projets d'autofinancement et de développement dans les paroisses de la Zone Kibuye, chargé du Service Diocésain de Catéchèse/Kibuye, Gestionnaire du Home St.Jean.

II. SERVICES INTERDIOCESAINS

A.Vincent HAROLIMANA : Professeur visiteur au Grand Séminaire de Nyakibanda.

III. ZONE PASTORALE DE GISENYI

1. DOYENNE DE MUHORORO

Doyen : Abbé Bernard KANAYOGE

GATOVU

A. Emmanuel NGAYINTERANYA : Curé
A. Etienne IZIMENYERA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.

MUHORORO

A. Bernard KANAYOGE : Curé, Aumônier E.T.O. Gatumba, Aumônier Postulat Abahire, Aumônier Postulat Benebikira.
A. Jean François UWIMANA : Vicaire, Econome, Aumônier ADEC, Aumônier de l'Hôpital, Pastorale de la Jeunesse.
Fratri Thaddée NKURUNZIZA : Stagiaire, Econome-adjoint, Pastorale de la Jeunesse.

RUSUSA

A. Léonidas NGOMANZIZA : Curé, Aumônier APEJERWA Nyange
A. François KUBWIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier ASPAD/Ngororero.

2. DOYENNE DE MURAMBA

Doyen : Abbé Jean Bosco NYIRIBAKWE

MURAMBA

A. Colomban NIYONSABA : Curé, Aumônier E.I.C. Muramba
A. J.Damascène BIZIMANA :Vicaire, Econome, Aumônier ESECOM, Pastorale de la Jeunesse.

A.Jean Paul HAGUMINEZA :Vicaire, Aumônier ISMG, Aumônier du Centre de Formation aux Métiers.

KABAYA

A. Théophile NIYONSENGA : Curé, Aumônier G.S. IBUKA
A. Innocent TUYISENGE : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.

RAMBURA

A. J. Bosco NYIRIBAKWE : Curé, Aumônier Kibisabo et Kibihekane
A. Flavien DUSHIMIMANA :Vicaire, Econome, Aumônier G.S. Rambura(F)

A. Déogratias BAHIZI : Vicaire, Aumônier G.S Rambura (G), Pastorale de la Jeunesse,

Professeur de Religion G.S.Rambura (G).

3. DOYENNE DE NYUNDO

Doyen : Abbé Eugène URAYENEZA

BUSASAMANA

A. Vincent MBONABAKIRA: Curé, Conseiller Projet IABU
A. Evariste NDUWAYEZU : Vicaire
A.J.Damascène SIBOMANA : Vicaire, Econome, Aumônier Collège Saint Matthieu, Pastorale de la Jeunesse.

NYUNDO - EVECHE

A. Etienne MUKERAGABIRO : Vicaire dominical paroisse Cathédrale, et à la Prison de Nyakiliba, Aumônier Orphelinat Noël, (voir aussi services généraux).

NYUNDO-PAROISSE - CATHEDRALE

A. Gaspard KANZIRA : Curé, Aumônier APEFOK, Aumônier de la Prison Nyakiliba, chargé des Ecoles de la Paroisse.

A.Pie KWITONDA : Vicaire, Econome, Pastorale de la jeunesse, Aumônier et Professeur de Religion à l'Ecole d'Arts.

NYUNDO - PETIT SEMINAIRE

A.Vincent HAROLIMANA : Recteur, Professeur, Aumônier G.S.N.D.A., voir aussi services généraux.

Mgr.Dominique NGIRABANYIGINYA : Professeur

Mgr.J.M.V.NSENGUMUREMYI : Voir services généraux.

A.Laurent NGENDAHAYO : Préfet des Etudes et Professeur à partir de l'année scolaire 2012, Vicaire Judiciaire, Coordination Pastorale des veuves dans le Diocèse.

A. Evariste DUKUZIMANA : Econome de la Communauté et du Petit Séminaire, Professeur, Vicaire dominical à Nyundo Cathédrale, Etudes à Distance KIE.

A. Justin TUYISENGE : Professeur, Vicaire dominical à Nyundo-Cathédrale.

Fratri Denys NZABAHIMANA : Stagiaire, Professeur, Préfet de discipline.

GISENYI-PAROISSE

A. Eugène URAYENEZA : Curé, Aumônier et Professeur de Religion au Collège Inyemeramihigo ; Chargé de la Pastorale de la Famille.

A. Pie NZAYISENGA : Vicaire, Econome, Aumônier des Ecoles Secondaires de la Paroisse, Pastorale de la Jeunesse.

A. J.Népomuscène MALIYAMUNGU : Vicaire dominical à la paroisse Gisenyi, (voir aussi services généraux).

MUHATO

A. Valens ABAYISENGA : Curé, Aumônier des Ecoles Secondaires de la Paroisse
A. Antoine de Padoue NSINGIJIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Coordination Pastorale de la Jeunesse / Zone Pastorale Gisenyi.

GISENYI-FOYER Mgr. Aloys BIGIRUMWAMI

Mgr.Médard KAYITAKIBGA : Responsable du Foyer
A. Fabien RWAKAREKE : Econome, Vicaire dominical à la Paroisse de Muhato, (voir aussi Services Généraux).
Mgr.Jean Baptiste HATEGEKA : Repos
A. Elie HATANGIMBABAZI : Etudes et Aumônier à l'ULK, Vicaire dominical à la Paroisse Stella Maris Gisenyi (voir aussi Services Généraux).

4. DOYENNE DE BIRUYI

Doyen : Abbé Prosper NTIYAMIRA

KIVUMU

A.Pierre-Claver NKUNDIYE : Curé, Econome, Aumônier des Sœurs Bénédictines de Kigufi
A. Joseph SCHMETZ : Vicaire
Fratri Paulin MUSHIMIYIMANA : Stagiaire, Econome adjoint, Pastorale de la Jeunesse

BIRUYI

A. Prosper NTIYAMIRA : Curé
A.J.M.Muzeï SEKABARA : Vicaire
A. J.Claude MUTUYIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse
Fratri Emmanuel BAMPORINEZA : Stagiaire, Econome- adjoint, Pastorale de la Jeunesse

KINUNU

A. Léonidas NGARUKIYINTWARI : Curé
A. Léandre NSHIMYIYAREMYE : Vicaire , Econome, Pastorale de la Jeunesse

IV. ZONE PASTORALE DE KIBUYE

1. DOYENNE DE MUSHUBATI

Doyen : Abbé Léonidas HABARUGIRA

MURUNDA

A.Léonidas HABARUGIRA : Curé, Aumônier de l'Hôpital et Aumônier E.S. Murunda.
A. Fraterne NAHIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse
A. Patrick BATEGANYA : Vicaire

CRETE CONGO-NIL

A. Gilbert NTIRANDEKURA: Curé, Pèlerinage au Sanctuaire Marial
A. Pascal BAHATI : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.

MUSHUBATI

A. Jean Colbert NZEYIMANA : Curé, Aumônier TTC Rubengera
A. Eugène MURENZI : Vicaire, chargé du Centre KOMERA
A. César DUSABEMUNGU : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.

NYANGE

A. Jean Baptiste TUYISHIME : Curé, Aumônier des Ecoles Secondaires de la Paroisse
A.Janvier HABINEZA : Vicaire
A. Noël HITIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier et Professeur de Religion E.S. St.Joseph.

2. DOYENNE DE MUKUNGU

Doyen : Abbé Jean Baptiste MENDIONDO

BIRAMBO

A. Laurent SAFARI : Curé, Aumônier Ecole des Sciences et URUMURI
A.Callixte NDAGIJIMANA : Vicaire, Aumônier ESI Kirinda
A. Philibert KAYIRANGA : Vicaire, Pastorale de la Jeunesse, Econome, Aumônier Ecole Secondaire de l'Assomption.

MUKUNGU

A. Jean Baptiste MENDIONDO : Curé, Econome
A. J.M.V. HODALI : Vicaire, Pastorale de la Jeunesse
Fratri Vincent HABIHIRWE : Stagiaire, Pastorale de la Jeunesse.

GISOVU

A. Jean d'Amour UWIMANA : Curé, Centre des Métiers
A.Jean de Dieu BARIGORA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse

3. DOYENNE DE KIBUYE

Doyen : Abbé Jean Paul RUTAKISHA

KIBINGO

A.Epimaque NAYIGIZIKI : Curé
A.Denys IRIVUZUMWAMI : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse,
Professeur de Religion E.S.de Kibingo.

MUBUGA

A.Félicien HARINDINTWARI : Curé, Aumônier E.S.St. Alphonse Mubuga
A. Modeste MURAGIJIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse

KIBUYE

A. Jean Paul RUTAKISHA : Curé, Aumônier de l'Hôpital, Aumônier Collège Ste Marie Kibuye, Aumônier KHI Kibuye.
A. Antoine MUSABYIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier ETO Kibuye, Coordination Pastorale de la Jeunesse / Kibuye.

HOME SAINT JEAN

A.Thaddée MUSABYIMANA : Gestionnaire du Home Saint Jean, Vicaire dominical à la Paroisse Kibuye, (voir aussi services généraux)

V. EN DEHORS DU PAYS

1. Abbé Jean Baptiste BUGINGO : Belgique (Paroisse)
2. Abbé Théogène HAVUGIMANA : Belgique (études)
3. Abbé J.M.V. TWAGIRAYEZU : Belgique (Paroisse-Doctorat)
4. Abbé Gérard TUMUSABYIMBABAZI : Belgique (Paroisse)
5. Abbé Dismas IYAKAREMYE : Allemagne (Paroisse)
6. Abbé Jean HAKOLIMANA : Espagne (Etudes-Paroisse)
7. Abbé Valens BISABWIMANA : Espagne (Paroisse)
8. Abbé Laurent HABIMANA : Italie (Paroisse)
9. Abbé Jean François KAYIRANGA : Italie (Paroisse)
10. Mgr. Jean Baptiste KAROGOYA : Italie-Vatican
11. Abbé Epimaque MAKUZA : Italie (Paroisse -Doctorat)
12. Abbé Cyprien DUKUZUMUREMYI : Italie (Paroisse-Doctorat)
13. Abbé Alfred UWANTAGARA : Italie (Doctorat)
14. Abbé Théodose MWITEGERE : Italie (Etudes)
15. Abbé Protais DUSABE : Italie (Paroisse)
16. Abbé Valère SAFARI BURUSU : Etats-Unis (Etudes)
17. Abbé Jean Bosco MUSINGUZI : Etats-Unis (Paroisse-Etudes)

VI. ANNEE SABBATIQUE

Abbé Emmanuel NYAMPATSI

KUMENYESHA

Inzu y'icumbi rya Mt.François Xavier (CASFX:Centre d'Acceuil St.François Xavier) iri ku Gisenyi yafunguye amarembo.

Iyo nzu nziza yubatse ahahoze n'ubundi icumbi rya Mt.Francois Xavier, iruhande rwa Economat Général , ikaba ifite ibyumba 32 birimo icyumba cy'inama, hakabamo na Chapelle ku bifuza gushyikirana n'Imana.

Twishimiye kumenyesha abahagendaga bose, ndetse n'abandi babyifuza, ko tubahaye ikaze.